| 7° kuzirikana iterambere ry'abaturage b'aho koperative ikorera**.** | 7° concern for the development of the community where the cooperative operates. | 7° engagement envers le développement de la collectivité d'intervention de la coopérative. |
| **Ingingo ya 4: Ubwoko bwa koperative** | **Article 4: Types of cooperatives** | **Article 4 : Types de coopératives** |
| Ubwoko bwa koperative ni ubu bukurikira: | Types of cooperatives are as follows: | Les types de coopératives sont les suivants : |
| 1° koperative y'ubuhinzi; | 1° agriculture cooperative; | 1° coopérative agricole; |
| 2° koperative y'ubworozi; | 2° livestock cooperative; | 2° coopérative d'élevage; |
| 3° koperative y'uburobyi; | 3° fishing cooperative; | 3° coopérative de pêche; |
| 4° koperative igamije kongera no gutunganya umusaruro; | 4° production and agro-processing cooperative; | 4° coopérative de production et d'agrotransformation; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° koperative itanga serivisi y'imari; | 5° financial service cooperative; | 5° coopérative de services financiers; |
| 6° koperative ihuza abacuruzi | 6° traders' cooperative; | 6° coopérative de commerçants; |
| 7° koperative ihuza abaguzi; | 7° consumers' cooperative; | 7° coopérative de consommateurs; |
| 8° koperative yo gutwara abantu n'ibintu; | 8° people and goods transportation cooperative; | 8° coopérative de transport des personnes et des biens; |
| 9° koperative y'ubukorikori; | 9° handicraft cooperative; | 9° coopérative artisanale; |
| 10° koperative y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, kariyeri, mine na gaze; | 10° mining, quarrying, mines and gas extraction cooperative; | 10° coopérative d'exploitation minière, de carrières, de mines et d'extraction de gaz; |
| 11° koperative y'ubwubatsi; | 11° construction cooperative; | 11° coopérative de construction; |
| 12° koperative itanga serivisi; | 12° service cooperative; | 12° coopérative de services; |
| 13° koperative zikomatanyije ibikorwa. | 13° multipurpose cooperative. | 13° coopérative multifonctionnelle. |
| Iteka rya Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano rishobora kugena ubundi bwoko bwa koperative. | An order of the Minister in charge of cooperatives may determine other types of cooperatives. | Un arrêté du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions peut déterminer d'autres types de coopératives. |
| **Ingingo ya 5: Ibyiciro by'amakoperative** | **Article 5: Categories of cooperatives** | **Article 5 : Catégorisation des coopératives** |
| Koperative zishyirwa mu byiciro hashingiwe ku bushobozi, imari shingiro, umubare w'abanyamuryango n'abakozi ba koperative. | Cooperatives are categorised based on their capacities, share capital, the number of their members and of their employees. | Les coopératives sont classées en catégories en fonction de leurs capacités, de leur capital social, du nombre de leurs membres et de celui de leurs employés. |

| | | |
|---|---|---|
| Iteka rya Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano rigena ibyo byiciro n'icyo bigomba kuba byujuje. | An Order of the Minister in charge of cooperatives determines those categories and conditions they must meet. | Un arrêté du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions détermine ces catégories et les conditions auxquelles elles doivent satisfaire. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Gushinganisha izina «Koperative››** | **<u>Article 6</u>: Protection of the name "cooperative"** | **<u>Article 6 :</u> Protection du nom « coopérative»** |
| Izina "Koperative" rirashinganye kandi rikoreshwa gusa na koperative ifite ubuzimagatozi. | The name "Cooperative" is protected and its use is exclusively reserved for a cooperative with legal personality. | Le nom « coopérative » est protégé et son usage est exclusivement réservé à une coopérative dotée d'une personnalité juridique. |
| Buri koperative igira izina ryayo bwite. | Each cooperative has its own name. | Chaque coopérative est dotée de son propre nom. |
| Ikigo cy'Igihugu nticyemerera koperative kugira izina: | The National Agency cannot approve any name of a cooperative: | L'Agence nationale ne peut approuver un nom d'une coopérative : |
| 1° ryabangamira cyangwa imikoreshereze yaryo yabangamira itegeko iryo ari ryo ryose; | 1° which, or the use of which, would contravene any Law; | 1° susceptible ou dont l'usage est susceptible d'enfreindre une loi quelconque; |
| 2° rishobora gutera urujijo; | 2° which may be misleading; | 2° susceptible de prêter à confusion; |
| 3° rinyuranyije n'umuco w'igihugu; | 3° which is against good morals; | 3° contraire aux bonnes mœurs; |
| 4° risa n'iry'iyindi koperative yahawe ubuzimagatozi. | 4° which is identical to that of another cooperative with legal personality. | 4° identique à celui d'une autre coopérative dotée d'une personnalité juridique. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Inyungu zikomoka ku mirimo ya koperative** | **<u>Article 7:</u> Profits from activities of a cooperative** | **<u>Article 7 :</u> Bénéfices tirés des activités d'une coopérative** |
| Inyungu zikomoka ku mirimo ya koperative ni iz'abanyamuryango bayo. | Profits from activities of a cooperative belong to its members only. | Les bénéfices tirés des activités d'une coopérative n'appartiennent qu'à ses membres. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Kwifatanya kw'amakoperative** | **<u>Article 8</u>: Joining together of cooperatives** | **<u>Article 8 :</u> Regroupement des coopératives** |
| Koperative zishobora kwifatanya zigakora ihuriro, impuzamahuriro cyangwa urugaga, mu rwego rwo kwita ku bufatanye hagati yazo no kugira ngo zishobore kubona inyungu zigamije guteza imbere imibereho n'ubukungu by'abanyamuryango bazo. | Cooperatives may join together to form a union, a federation or a confederation to promote partnerships among themselves and be able to make profits to ensure the social and economic welfare for their members. | Les coopératives peuvent se regrouper pour constituer entre elles une union, une fédération ou une confédération pour promouvoir des partenariats entre elles et être en mesure de réaliser des bénéfices pour assurer le bien-être social et économique de leurs membres. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: ISHINGWA N'IMITERERE BYA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER II:</u> ESTABLISHMENT AND ORGANISATION OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE II:</u> CRÉATION ET ORGANISATION D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Koperative y'ibanze** | **<u>Section One:</u> Primary cooperative** | **<u>Section première :</u> Coopérative primaire** |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Umubare wa ngombwa mu gushinga koperative y'ibanze** | **<u>Article 9</u>: Minimum number of members required to establish a primary cooperative** | **<u>Article 9:</u> Nombre minimum de membres requis pour créer une coopérative primaire** |
| Koperative y'ibanze ishingwa nibura n'abantu icumi (10). Igizwe n'abantu ku giti cyabo, ikigo, urwego cyangwa umuryango bifite ubuzimagatozi. Ikigo cyangwa urwego | A primary cooperative is formed by at least ten (10) persons. It consists of individuals, an entity or organisation with legal personality. A government entity or agency can only be a member of a financial service cooperative. | Une coopérative primaire est créée par au moins dix (10) personnes. Elle est constituée de personnes physiques, d'une entité ou d'une organisation dotée de la personnalité juridique. Une entité ou agence gouvernementale peut |

| | | |
|---|---|---|
| bya Leta bishobora kuba umunyamuryago wa koperative itanga serivisi y'imari gusa. | | seulement être membre d'une coopérative de services financier. |
| Icyakora, umubare wa ngombwa utagomba kugibwa munsi kugira ngo hashingwe koperative y'ibanze y'abantu bari mu cyiciro cy'abagore, icy'urubyiruko, icy'abafite ubumuga, icy'abavuye k'urugerero n'icy'abanyarwanda baba mu mahanga ni nibura abantu batanu (5). | However, the minimum number of members required to establish a primary cooperative of people belonging to the category of women, youth and that of persons with disabilities, army veterans and that of members of the Rwandan diaspora is at least five (5) persons. | Toutefois, le nombre minimum requis pour créer une coopérative primaire des personnes appartenant à la catégorie de femmes, celle de jeunes, celle de personnes handicapées, celle des vétérans de l'armée et celle des membres de la diaspora rwandaise est d'au moins cinq (5) personnes. |
| Ikigo cy'Igihugu gishyiraho amabwiriza agena imiterere ya koperative z'ibanze zibarizwamo ibyiciro by'abantu bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo n'imikorere yazo idateganyijwe n'iri tegeko. | The National Agency puts in place regulations determining the organisation of primary cooperatives consisting of the categories of people provided for under Paragraph 2 of this Article and those establishing their functioning not provided for under this Law. | L'Agence nationale met en place les règlements déterminant l'organisation des coopératives primaires constituées de catégories de personnes visées à l'alinéa 2 du présent article et ceux fixant leur fonctionnement non prévu par la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ibisabwa uwifuza kuba umunyamuryango wa koperative y'ibanze** | **<u>Article 10</u>: Requirements for membership in a primary cooperative** | **<u>Article 10 :</u> Conditions requises pour devenir membre d'une coopérative primaire** |
| Umuntu wifuza kuba umunyamuryango wa koperative y'ibanze agomba: | A person who wishes to be a member of a primary cooperative must: | Une personne qui désire être membre d'une coopérative primaire doit : |
| 1° afite nibura imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko; | 1° be at least sixteen (16) years of age; | 1° être âgée d'au moins seize (16) ans; |
| 2° gusaba mu nyandiko kuba umunyamuryango; | 2° submit a written application for membership; | 2° adresser une demande d'adhésion écrite; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kuba adakora mu buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo yabangamira iya koperative ashaka kubera umunyamuryango; | 3° not be engaged, either directly or indirectly, in any business likely to jeopardize that of the cooperative he or she intends to join; | 3° ne pas être engagée, directement ou indirectement, dans une activité susceptible de porter préjudice à celle de la coopérative dont elle désire devenir membre; |
| 4° kwishyura umugabane we hakurikijwe amategeko shingiro ya koperative; | 4° pay his or her share in accordance with the bylaws of the cooperative; | 4° avoir libéré sa part sociale conformément aux statuts de la coopérative; |
| 5° kwiyemeza gukorana na koperative muri byose cyangwa igice cy'ibikorwa byayo nk'uko biteganywa n'amategeko shingiro. | 5° be committed to work with the cooperative in all or part of its operations as provided for under the bylaws; | 5° s'engager à travailler avec la coopérative dans la totalité ou une partie de ses opérations, tel que prévu par les statuts. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inteko shingiro ya koperative n'inshingano zayo** | **<u>Article 11:</u> Constituent Assembly of the cooperative and its responsibilities** | **<u>Article 11 :</u> Assemblée constituante d'une coopérative et ses attributions** |
| Inteko shingiro ya koperative ni inama ya mbere ya koperative yirema, igizwe n'abanyamuryango nibura icumi (10) kuri koperative isanzwe cyangwa nibura batanu (5) kuri koperative y'abantu bari mu byiciro byihariye bivugwa mu ngingo ya cyenda (9) y'iri tegeko, iterana igihe cyose bibaye ngombwa koperative itarabona ubuzimagatozi. | The Constituent Assembly of a cooperative is the first meeting held by a cooperative consisting of at least ten (10) members in the case of an ordinary cooperative or at least five (5) members in the case of a cooperative of persons belonging to special categories, as provided for under Article 9 of this Law, at any time before the cooperative acquires legal personality. | L'Assemblée constituante d'une coopérative est la première réunion tenue par une coopérative naissante composée d'au moins dix (10) membres dans le cas d'une coopérative ordinaire ou d'au moins cinq (5) membres dans le cas d'une coopérative des personnes appartenant aux catégories spéciales, tel que prévu à l'article 9 de la présente loi, à tout moment avant l'acquisition de la personnalité juridique par cette coopérative. |
| Inteko shingiro ya koperative ishyira mu bikorwa inshingano zikurikira: | The Constituent Assembly execute the following responsibilities: | L'Assemblée constituante d'une coopérative exerce les attributions suivantes : |

1° kwandika no kwemeza abanyamuryango bashinze koperative;

2° gushyiraho no kwemeza amategeko shingiro agenga koperative;

3° gutora abagize inzego z'ubuyobozi za koperative;

4° gutegura ibikenewe byose mu kwandikisha koperative;

5° kwandikisha koperative.

Inteko shingiro ya koperative irangiza imirimo yayo iyo koperative ihawe ubuzimagatozi.

**Icyiciro cya 2: Ihuriro**

**Ingingo ya 12: Ihuriro**

Mu rwego rwo kongera inyungu mu bijyanye n'imibereho myiza, ubukungu n'izijyanye n'urwego zikoreramo, koperative z'ibanze nibura ebyiri (2) zikorera mu cyiciro kimwe cy'umurimo zishobora kwishyira hamwe ku bushake zigakora ihuriro.

Icyicaro cy'ihuriro kibarizwa ahemejwe n'inteko rusange.

1° to register and admit founding members of the cooperative;

2° to adopt and approve the bylaws governing the cooperative;

3° to elect members of governance organs of the cooperative;

4° to prepare everything required for the registration of a cooperative;

5° to register a cooperative.

The Constituent Assembly of a cooperative ceases its functions when a cooperative is granted a legal personality.

**Section 2: Union**

**Article 12: Union**

In order to increase their social, economic or institutional benefits, at least two (2) primary cooperatives involved in the same value chain, may join together voluntarily to form a union.

The General Assembly decides on the place of location of the head office of the union.

1° enregistrer et admettre les membres fondateurs de la coopérative;

2° adopter et approuver les statuts régissant la coopérative;

3° élire les membres des organes de gouvernance de la coopérative;

4° préparer tout ce qu'il faut pour inscrire une coopérative;

5° enregistrer une coopérative.

L'Assemblée constituante d'une coopérative cesse de fonctionner lorsque la coopérative obtient une personnalité juridique.

**Section 2 : Union**

**Article 12 : Union**

Afin d'augmenter les bénéfices d'ordre social, économique et institutionnel, au moins deux (2) coopératives primaires impliquées dans une même chaîne de valeur peuvent se regrouper volontairement pour former une union.

L'Assemblée générale décide du lieu du siège de l'union.

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Ibisabwa ihuriro** | **<u>Article 13:</u> Requirements for a union** | **<u>Article 13:</u> Conditions requises pour une union** |
| Ihuriro rishingwa ari uko koperative z'ibanze zerekanye ko: | A union is formed when its primary cooperatives demonstrate: | Une union se forme lorsque les coopératives primaires démontrent : |
| 1° zikeneye kwihuza; | 1° their interest in joining together; | 1° leur intérêt à se regrouper; |
| 2° zumvikanye kuri serivisi zidashobora guha abanyamuryango bazo ariko ihuriro rikaba ryazitanga; | 2° their mutual agreement on the services they cannot provide to their members, but which the union can; | 2° leur accord mutuel sur des services qu'elles ne peuvent pas à elles seules fournir à leurs membres mais que l'union peut fournir; |
| 3° zifite ubushobozi bwo kwishyura izo serivisi. | 3° their ability to finance those services. | 3° leur capacité à financer ces services. |
| Ihuriro ryandikwa ribanje gutegura no gushyikiriza Ikigo cy'Igihugu gahunda y'ibikorwa yerekana ko rizihaza mu bijyanye n'amafaranga, icyo rimaze, uko riteye n'imirimo y'ubukungu rizakora ritagombye kwaka imisanzu koperative z'ibanze zirigize. | In order to be registered, a union must first develop and present to the National Agency its business plan showing how it will become financially self-reliant, its effectiveness, its nature and economic activities it intends to carry out without relying on contributions from its member primary cooperatives. | Pour être enregistrée, une union doit d'abord élaborer et présenter à l'Agence nationale son plan d'affaires montrant comment elle deviendra financièrement autonome, son efficacité, sa nature et les activités économiques qu'elle entend mener sans avoir à recourir aux cotisations de ses coopératives primaires membres. |
| Ihuriro nta mupaka rigira ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo yaryo. | A union knows no boundaries when it comes to implementing its activities. | Une union ne connaît pas de frontière quant à la mise en œuvre de ses activités. |
| Koperative ikomatanyije ibikorwa ni yo yonyine ishobora kuba umunyamuryango w'ihuriro rirenze rimwe icyarimwe. | Only a multipurpose cooperative may be a member of more than one union at the same time. | Seule une coopérative multifonctionnelle peut être membre de plus d'une union en même temps. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ihagararirwa rya koperative z'ibanze mu ihuriro na manda y'abazihagarariye** | **<u>Article 14:</u> Representation of primary cooperatives in a union and term of their representatives** | **<u>Article 14 :</u> Représentation des coopératives primaires dans une union et mandat de leurs représentants** |
| Mu ihuriro, buri koperative y'ibanze ihagararirwa n'abantu batanu (5) batorwa n'inteko rusange yayo. | In a union, each primary cooperative is represented by five (5) persons elected by its General Assembly. | Dans une union, chaque coopérative primaire est représentée par cinq (5) personnes élues par son Assemblée générale. |
| Amategeko shingiro y'ihuriro agena uko koperative z'ibanze zitora abazihagararira mu nama y'inteko rusange y'ihuriro kandi aho bishoboka ihame ry' uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rikubahirizwa. | The union bylaws provide for procedures by which primary cooperatives elect their representatives in the General Assembly of the union, taking into account gender balance, if possible. | Les statuts d'une union déterminent les modalités selon lesquelles les coopératives primaires élisent leurs représentants à l'Assemblée générale de l'union, et ce, dans le respect du principe de la parité homme-femme, si possible. |
| Manda y'abantu bahagararira koperative mu ihuriro igenwa n'amategeko shingiro y'ihuriro. | The bylaws of the union determine the term of each cooperative's representatives. | Les statuts de l'union déterminent le mandat des représentants de chaque coopérative. |
| Amabwiriza y'Ikigo cy'Igihugu agena umubare w'abanyamuryango bahagararira Koperative z'ibanze mu Ihuriro rigizwe na Koperative zirenze ebyiri (2). | The regulations of the National Agency determine the number of members who represent a primary cooperative in a union composed of more than two (2) cooperatives. | Les règlements de l'Agence nationale fixent le nombre de membres qui représentent une coopérative primaire dans une union constituée de plus de deux (2) coopératives. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Imirimo y'ihuriro** | **<u>Article 15:</u> Activities of a union** | **<u>Article 15 :</u> Activités d'une union** |
| Ihuriro rikora imirimo y'ubukungu kandi yuzuza iya koperative z'ibanze zirigize. | A union carries out economic activities and which are complementary to those of its member primary cooperatives. | Une union mène des activités économiques et complémentaires à celles exercées par ses coopératives primaires membres. |

| | | |
|---|---|---|
| Ihuriro ntiryemerewe gukora imirimo ipiganwa n'iya koperative z'ibanze zirigize n'ikindi kintu cyose cyabangamira inyungu zazo. | A union is prohibited from carrying out activities which compete with those of its member primary cooperatives and anything likely to undermine their interests. | Il est interdit à une union coopérative d'exercer des activités qui entrent en compétition avec celles de ses coopératives membres et toute autre chose susceptible de compromettre leurs intérêts. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Inshingano z'ihuriro** | **<u>Article 16:</u> Responsibilities of a union** | **<u>Article 16:</u> Attributions d'une union** |
| Ihuriro rifite inshingano zikurikira: | A union has the following responsibilities: | Une union a les attributions suivantes : |
| 1° gutanga ubufasha bw'ubunyamwuga mu miyoborere n'imicungire ya koperative zirigize; | 1° to provide professional assistance in administration and management of its member cooperatives; | 1° fournir assistance professionnelle en matière d'administration et de gestion de ses coopératives membres; |
| 2° gutanga amakuru yose yafasha koperative zigize ihuriro kunoza imikorere; | 2° to provide any information that may assist its member cooperatives in improving their functioning; | 2° fournir toute information pouvant aider ses coopératives membres à améliorer leur fonctionnement; |
| 3° kubaka ubushobozi bwa koperative ziribereye abanyamuryango; | 3° to develop capacities of its member cooperatives; | 3° développer les capacités de ses coopératives membres; |
| 4° gufasha koperative zirigize kubona ku buryo buzoroheye ibikoresho by'ibanze bikenewe kugira ngo zigire umusaruro kandi ziteze imbere ibikorwa byazo; | 4° to facilitate its member cooperatives for easy access to the required raw materials for production and business development; | 4° faciliter ses coopératives membres à accéder facilement aux matières premières requises pour la production et le développement de leurs affaires; |
| 5° guhuza koperative zirigize n'amasoko no kuzifasha kunoza ibyo zikora; | 5° to link its member cooperatives to markets and help them improve their activities; | 5° mettre en contact ses coopératives membres avec les marchés et les aider à améliorer leurs activités; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° gukorera ubuvugizi koperative zirigize no kuzihagararira mu nzego z'iterambere zitandukanye; | 6° to advocate for its member cooperatives and represent them in various development entities; | 6° plaider en faveur de ses coopératives membres et les représenter dans différentes instances de développement; |
| 7° gufasha koperative zirigize kubona ubwishingizi cyane cyane igihe zisaba inguzanyo; | 7° to help its member cooperatives obtain a guarantee, especially when applying for loans; | 7° aider ses coopératives membres à obtenir une garantie, notamment en cas de leur demande de prêts; |
| 8° gushishikariza koperative zirigize guteza imbere ubucuruzi no gushorera imari hamwe; | 8° to encourage its member cooperatives to develop business and engage in joint investment; | 8° encourager ses coopératives membres à développer des affaires et à réaliser un investissement commun; |
| 9° gufasha koperative zirigize mu gihe cy'itegura n'isinya ry'amasezerano asanzwe n'amasezerano y'ubufatanye n'imicungire yayo hagati yazo n'abafatanyabikorwa; | 9° to assist member cooperatives in negotiation of contracts and memoranda of understanding and their management with various stakeholders; | 9° aider les coopératives membres à négocier des contrats et des protocoles d'entente et leur gestion entre elles et les partenaires; |
| 10° gutoza koperative zirigize umuco wo kwizigama; | 10° to instil a savings culture into its member cooperatives; | 10° inculquer une culture d'épargne à ses coopératives membres; |
| 11° gufasha koperative zirigize gukemura impaka n'ibindi bibazo binyuze mu bwumvikane mbere yo kubigeza ku Kigo cy'Igihugu; | 11° to help its member cooperatives amicably settle disputes and other issues before referring them to the National Agency; | 11° aider ses coopératives membres à régler les différends et autres problèmes à l'amiable avant de saisir l'Agence nationale; |
| 12° gukora ikindi gikorwa cyose cyemezwa n'abagize ihuriro cyafasha mu guteza imbere koperative zirigize. | 12° to carry out such other activity likely to help promote its member cooperatives as may be decided by members of the union. | 12° exercer toute autre activité approuvée par les membres de l'union susceptible d'aider à promouvoir ses coopératives membres. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Impuzamahuriro** | **<u>Section 3:</u> Federation** | **<u>Section 3 :</u> Fédération** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Ishingwa ry'Impuzamahuriro** | **<u>Article 17:</u> Formation of a federation** | **<u>Article 17:</u> Création d'une fédération** |
| Amahuriro nibura abiri (2) akorera mu cyiciro kimwe cy'umurimo ashobora kwishyira hamwe agakora impuzamahuriro. Iyo mpuzamahuriro yitwa koperative yo ku rwego rwa gatatu (3). | At least two (2) unions involved in the same value chain may join together to form a federation. The federation is referred to as a tertiary cooperative. | Au moins deux (2) unions impliquées dans la même chaîne de valeur peuvent se regrouper pour former une fédération. Cette fédération est appelée coopérative tertiaire. |
| Impuzamahuriro ishobora kwemerera koperative y'ibanze kuba umunyamuryango wayo iyo ubwayo itari mu ihuriro. | A federation may accept a primary cooperative as its member provided that such a primary cooperative is not a member of a union. | Une fédération peut accepter une coopérative primaire comme son membre, pour autant qu'une telle coopérative primaire n'est pas membre d'une union. |
| Icyicaro cy'impuzamahuriro kibarizwa ahemejwe n'inteko rusange. | The head office of a federation is situated in a location decided by the General Assembly. | Le siège d'une fédération est situé dans un lieu décidé par l'Assemblée générale. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ibisabwa kugira ngo impuzamahuriro ishingwe** | **<u>Article 18:</u> Requirements for forming a federation** | **<u>Article 18:</u> Conditions requises pour la formation d'une fédération** |
| Amahuriro yifuza gushinga impuzamahuriro agomba: | Unions wishing to form a federation must: | Les unions qui désirent former une fédération doivent : |
| 1° kwerekana ko akeneye kwihuza; | 1° manifest their respective interests to join each other; | 1° manifester leur intérêt respectif à se regrouper; |
| 2° kuba yumvikanye kuri serivisi adashobora guha abanyamuryango bayo ariko impuzamahuriro ikaba yazitanga; | 2° agree on the services they cannot provide to their members but which the federation can provide; | 2° s'entendre sur les services qu'elles ne peuvent pas fournir à leurs membres mais que la fédération peut fournir; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kuba afite ubushobozi bwo kwishyura serivisi zivugwa mu gace ka 2°. | 3° have the capacity to finance services provided for under item 2°. | 3° avoir la capacité de financer les services visés au point 2°. |
| Impuzamahuriro, mbere y'uko yandikwa, isabwa gutegura no gushyikiriza Ikigo cy'Igihugu, igenamigambi rigaragaza uko izihaza mu bijyanye n'amafaranga, icyo imaze, uko iteye n'imirimo y'ubukungu izakora. | Before registering, a federation is required to develop and present to the National Agency its business plan showing how it will become financially self-reliant, its effectiveness, its nature and economic activities it will carry out. | Avant de se faire enregistrer, une fédération est tenue d'élaborer et présenter à l'Agence nationale son plan d'affaires montrant comment elle deviendra financièrement autonome, son efficacité, sa nature et les activités économiques qu'elle mènera. |
| Ibivugwa muri iyi ngingo ni nabyo bisabwa koperative y'ibanze ishaka kujya mu mpuzamahuriro. | The requirements under this Article also apply to a primary cooperative wishing to become a member of a federation. | Les conditions visées au présent article s'appliquent également à une coopérative primaire désireuse de devenir membre d'une fédération. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Uko koperative cyangwa ihuriro bihagararirwa mu mpuzamahuriro** | **<u>Article 19</u>: Representation of a cooperative or union in a federation** | **<u>Article 19:</u> Représentation d'une coopérative ou d'une union dans une fédération** |
| Mu mpuzamahuriro, koperative z'ibanze cyangwa ihuriro bihagararirwa n'abantu batarenze batanu (5) batorwa n'inteko rusange ya koperative cyangwa iy'ihuriro. | In a federation, primary cooperatives or a union are represented by a maximum of five (5) persons elected by the General Assembly of the cooperative or union. | Dans une fédération, les coopératives primaires ou une union sont représentées par cinq (5) personnes au maximum élues par l'Assemblée générale de la coopérative ou de l'union. |
| Manda y'abahagarariye ihuriro cyangwa koperative z'ibanze mu mpuzamahuriro igenwa n'amategeko shingiro ya buri mpuzamahuriro. | The term of representatives of a union or primary cooperatives in a federation is determined by the bylaws of each federation. | Le mandat des représentants d'une union ou des coopératives primaires dans une fédération est déterminé par les statuts de chaque fédération. |
| Amategeko shingiro y'impuzamahuriro agena uko amatora mu nama y'inteko rusange | Bylaws of a federation provide for modalities for voting in a meeting of the General | Les statuts d'une fédération déterminent les modalités de vote au cours d'une réunion de |

| | | |
|---|---|---|
| akorwa kandi aho bishoboka ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rikubahirizwa. | Assembly, taking into account gender balance, where possible. | l'Assemblée générale, et ce, dans le respect du principe de la parité homme-femme, lorsque c'est possible. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Imirimo y'impuzamahuriro** | **<u>Article 20:</u> Activities of a federation** | **<u>Article 20 :</u> Activités d'une fédération** |
| Impuzamahuriro ikora imirimo ibyara inyungu mu bijyanye n'ibyo ikora kandi igatanga serivisi mu rwego rwo gushyigikira imirimo y'amahuriro na koperative z'ibanze ziyagize. | A federation carries out profitable activities within its field of intervention and provides services for the sole purpose of supporting the initiatives of its member unions and primary cooperatives. | Une fédération mène des activités profitables relevant de son champ d'intervention et preste les services dans le seul but de soutenir les initiatives de ses unions et coopératives primaires membres. |
| Impuzamahuriro igomba gukora itabangamira ibikorwa by'amahuriro na koperative z'ibanze ziyigize. | A federation must operate without compromising activities of its member unions and primary cooperatives. | Une fédération doit fonctionner sans compromettre les activités de ses unions et coopératives primaires membres. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Inshingano z'impuzamahuriro** | **<u>Article 21:</u> Responsibilities of a federation** | **<u>Article 21 :</u> Attributions d'une fédération** |
| Impuzamahuriro, hashingiwe ku bushobozi bwayo, ifite inshingano zikurikira: | A federation in its respective capacity has the following responsibilities: | Selon sa capacité, une fédération a les attributions suivantes : |
| 1° kubaka ubushobozi bw'abanyamuryango bayo; | 1° to develop capacities of its members; | 1° développer les capacités de ses membres; |
| 2° gufasha abanyamuryango bayo mu guteza imbere ibikorwa byabo no kubashishikariza gushora imari hamwe; | 2° to help its members develop their business and encourage them to engage in joint investment; | 2° aider ses membres à développer leurs affaires et les encourager à réaliser un investissement commun; |
| 3° gukorera abanyamuryango bayo ubuvugizi no kubahagararira mu nzego z'iterambere zitandukanye; | 3° to advocate for its members and to represent them in various development entities; | 3° plaider en faveur de ses membres et les représenter dans différentes instances de développement; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° guha abanyamuryango bayo amakuru yose abafasha gukora neza imirimo yabo; | 4° to provide its members with any information that helps them to properly carry out their activities; | 4° fournir à ses membres toute information leur permettant de bien réaliser leurs activités; |
| 5° gufasha koperative ziyigize kubona ubwishingizi cyane cyane igihe hasabwa inguzanyo; | 5° to help its member cooperatives obtain a guarantee in case of loan application; | 5° aider ses coopératives membres à trouver une garantie notamment en cas de demande de prêts; |
| 6° kwigisha abanyamuryango bayo umuco wo kuzigama; | 6° to instil a savings culture in its members; | 6° inculquer une culture d'épargne à ses membres; |
| 7º gufasha abanyamuryango bayo mu gihe cy'itegura n'isinya ry'amasezerano asanzwe y'ubufatanye n'imicungire yayo hagati ya koperative n'abafatanyabikorwa; | 7° to assist its members during the preparation and signing of contracts and memoranda of understanding between cooperatives and stakeholders and during their management; | 7° aider ses membres lors de la préparation et la signature des contrats et des protocoles d'entente entre les coopératives et les partenaires et lors de leur gestion; |
| 8º gufasha koperative ziyigize gukemura impaka n'ibindi bibazo binyuze mu bwumvikane mbere yo kubigeza ku kigo cy'Igihugu; | 8° to help its member cooperatives amicably settle disputes and other issues before referring them to the National Agency; | 8° aider ses coopératives membres à régler les différends et autres problèmes à l'amiable avant de saisir l'Agence nationale; |
| 9º gukora ikindi gikorwa cyose cyayifasha mu guteza imbere koperative. | 9° to carry out such other activity likely to help it promote cooperative s. | 9° exercer toute autre activité susceptible de l'aider à promouvoir les coopératives. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 4:</u> Urugaga** | **<u>Section 4:</u> Confederation** | **<u>Section 4:</u> Confédération** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Ishingwa ry'Urugaga** | **<u>Article 22:</u> Establishment of a Confederation** | **<u>Article 22:</u> Création d'une Confédération** |
| Impuzamahuriro zibumbira hamwe zigakora urugaga ku rwego rw'Igihugu rwitwa koperative yo ku rwego rw'ikirenga. | Federations join together to form a confederation at the national level that is referred to as an umbrella cooperative. | Les fédérations se regroupent pour former une confédération au niveau national appelée coopérative faîtière. |
| Urugaga rushobora kwemerera koperative y'ibanze cyangwa ihuriro kuba umunyamuryango w'urugaga iyo koperative ubwazo zitashoboye kwikorera ihuriro cyangwa impuzamahuriro. | A confederation may accept a primary cooperative or a union as its member, provided that the cooperatives have not been able to join together to form a union or federation. | Une confédération peut accepter une coopérative primaire ou une union comme son membre, pour autant que ces dernières n'ont pas pu se regrouper pour former une union ou une fédération. |
| Mu rugaga, buri mpuzamahuriro, ihuriro cyangwa koperative y'ibanze ihagararirwa n'abantu batarenze batanu (5) batowe n'inteko rusange ya buri rwego, kandi aho bishoboka ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo rikubahirizwa. | In the confederation, each federation, union or primary cooperative is represented by a maximum of five (5) persons elected by the General Assembly of each category, taking into account the gender balance, where possible. | Dans la confédération, chaque fédération, union ou coopérative primaire est représentée par cinq (5) personnes au maximum élues par l'Assemblée générale de chaque catégorie, et ce, dans le respect du principe de la parité homme-femme, lorsque c'est possible. |
| Manda y'abantu bahagarariye impuzamahuriro, ihuriro cyangwa koperative y'ibanze mu rugaga igenwa n'amategeko shingiro y'urugaga. | The term of representatives of a federation, union or primary cooperative in a confederation is determined by the bylaws of the confederation. | Le mandat des représentants d'une fédération, d'une union ou d'une coopérative primaire dans une confédération est déterminé par les statuts de la confédération. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano z'urugaga** | **<u>Article 23:</u> Responsibilities of a confederation** | **<u>Article 23:</u> Attributions d'une confédération des coopératives** |
| Urugaga rufite inshingano zikurikira: | A confederation has the following responsibilities: | Une confédération a les attributions suivantes: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° guhagararira no gukorera ubuvugizi umuryango w'amakoperative ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere no ku rwego mpuzamahanga; | 1° to represent and advocate for the cooperative movement at national, regional and international level; | 1° représenter et plaider pour le mouvement coopératif au niveau national, régional et international; |
| 2° guha abanyamuryango barwo amakuru abafasha gukora neza imirimo yabo; | 2° to provide its members with information that helps them to properly carry out their activities; | 2° fournir à ses membres les informations leur permettant de bien réaliser leurs activités; |
| 3° guha ubufasha bwa tekiniki n'ubwo mu rwego rw'imikorere abishyize hamwe muri koperative; | 3° to provide technical and operational support to members of cooperatives; | 3° fournir un soutien technique et opérationnel aux membres des coopératives; |
| 4° gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kubaka ubushobozi bw'abagize koperative; | 4° to design and implement capacity development programmes for members of cooperatives; | 4° concevoir et mettre en œuvre des programmes de développement des capacités pour les membres des coopératives; |
| 5° gukora ku buryo habaho imibanire myiza hagati y'umuryango w'amakoperative n'izindi nzego ku rwego mpuzamahanga; | 5° to ensure good relations between the cooperative movement and other organs at the international level; | 5° veiller aux bonnes relations entre le mouvement coopératif et d'autres organes au niveau international; |
| 6° gushyiraho no guteza imbere ubufatanye bwa koperative hagati yazo; | 6° to initiate and promote partnerships among cooperatives; | 6° initier et promouvoir les relations de collaboration entre les coopératives; |
| 7° gukora ubushakashatsi ku masoko, guhuza koperative zitanga umusaruro n'abaguzi no gukora ubuvugizi bw'amasezerano akozwe mbere y'igikorwa; | 7° to carry out market research, facilitate linkages between producer cooperatives and buyers and to advocate for the establishment of forward contracts; | 7° effectuer des études de marché, faciliter les liens entre les coopératives de production et les acheteurs et plaider en faveur de la conclusion des contrats faits en avance; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° gufasha koperative zirugize gukemura impaka n'ibindi bibazo binyuze mu bwumvikane mbere yo kubigeza ku Kigo cy'Igihugu; | 8° to help its member cooperatives amicably settle disputes and other issues before referring them to the National Agency; | 8° aider ses coopératives membres à régler les différends et d'autres problèmes à l'amiable avant de saisir l'Agence nationale; |
| 9° gukumira no kurwanya imicungire mibi y'umutungo ku bufatanye n'inzego zibifitiye ububasha; | 9° to prevent and fight the mismanagement of property in collaboration with competent organs; | 9° prévenir et lutter contre la mauvaise gestion du patrimoine en collaboration avec les organes compétents; |
| 10° gukora undi murimo wose ushobora gufasha mu iterambere rya koperative. | 10° to carry out any other activity which may assist in promoting cooperatives. | 10° réaliser toute autre activité susceptible de contribuer au développement des coopératives. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA KOPERATIVE N'UBUBASHA BWAZO** | **<u>CHAPTER III:</u> GOVERNANCE ORGANS OF A COOPERATIVE AND THEIR POWERS** | **<u>CHAPITRE III:</u> ORGANES DE GOUVERNANCE D'UNE COOPÉRATIVE ET LEURS POUVOIRS** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Inzego z'ubuyobozi za Koperative** | **<u>Article 24</u>: Governance organs of a cooperative** | **<u>Article 24 :</u> Organes de gouvernance d'une coopérative** |
| Koperative igira inzego z'ubuyobozi zikurikira: | A cooperative has the following governance organs: | Une coopérative est dotée des organes de gouvernance suivants : |
| 1° inteko rusange; | 1° the General Assembly; | 1° l'Assemblée générale; |
| 2° inama y'ubuyobozi; | 2° the Board of Directors; | 2° le Conseil d'administration; |
| 3° inama y'ubugenzuzi; | 3° the Supervisory Committee; | 3° le Conseil de surveillance; |
| 4° komite zihariye. | 4° Specialised committees. | 4° les Comités spécialisés. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inteko rusange** | **<u>Section One:</u> General Assembly** | **<u>Section première :</u> Assemblée générale** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Inteko rusange n'Ububasha bwayo** | **<u>Article 25:</u> General Assembly and its powers** | **<u>Article 25 :</u> Assemblée générale et ses pouvoirs** |
| Inteko rusange ni rwo rwego rukuru rwa koperative. Igizwe n'abanyamuryango bose. Ifite ububasha busesuye bwo gusuzuma ibibazo no gufata ibyemezo bireba koperative. | The General Assembly is the supreme organ of a cooperative. It consists of all members. It is vested with extensive powers to deliberate and take decisions of relevance to a cooperative. | L'Assemblée générale est l'organe suprême d'une coopérative. Elle est composée de tous les membres. Elle est investie des pouvoirs étendus de délibération et de prise de décisions sur des questions intéressant la coopérative. |
| Inteko rusange ya koperative y'ibanze ifite abanyamuryango barenga ijana (100) bakorera mu bice bitandukanye igirwa gusa n'abanyamuryango bahagarariye abandi, batorwa na bagenzi babo. Icyakora, kuri koperative zifite abanyamuryago bakorera hamwe, aho bishoboka abanyamuryango bose bemerewe kwitabira inteko rusange. | The General Assembly of a primary cooperative which has more than one hundred (100) members who carry out their activities in different locations is exclusively composed of members' representatives elected by their peers. However, for cooperatives whose members work in the same location, all members are free to participate in the General Assembly. | L'Assemblée générale d'une coopérative primaire qui a plus de cent (100) membres qui exercent leurs activités dans différents endroits est exclusivement composée des représentants des membres élus par leurs pairs. Toutefois, pour les coopératives dont les membres travaillent au même endroit, tous les membres sont libres de participer à l'Assemblée générale. |
| Amabwiriza y'Ikigo cy'Igihugu agena umubare n'uburyo amatora y'abahagarariye abanyamuryango bavugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo akorwa. | Regulations of the National Agency determine the number and modalities for the election of the members provided for under Paragraph 2 of this Article. | Les règlements de l'Agence nationale déterminent le nombre des représentants des membres visés à l'alinéa 2 du présent article et les modalités de leur élection. |
| **<u>Ingingo ya 26:</u> Ubwoko bw'Inteko rusange** | **<u>Article 26:</u> Types of General Assembly meetings** | **<u>Article 26 :</u> Types d'Assemblées générales** |
| Koperative igira inteko rusange isanzwe iterana muri Werurwe no mu Ukwakira, | A cooperative holds its Ordinary General Assembly meeting in March and October and | Une coopérative tient son Assemblée générale ordinaire en mars et en octobre et une |

| | | |
|---|---|---|
| n'inteko rusange zidazanzwe zishobora gukorwa igihe cyose bibaye ngombwa. | an Extraordinary General Assembly meeting whenever necessary. | Assemblée générale extraordinaire chaque fois que de besoin. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Inteko rusange ya mbere ya koperative** | **<u>Article 27:</u> First General Assembly of a cooperative** | **<u>Article 27 :</u> Première réunion de l'Assemblée générale** |
| Inteko rusange ya mbere ya koperative yahawe ubuzimagatozi igomba guterana mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye igihe yaherewe icyemezo cy'Ubuzimagatozi. Iyo nteko rusange yakira raporo y'ibyakozwe mu gihe cy'agateganyo kandi ikemeza abagize inzego n'igenamigambi rya koperative. | The first General Assembly meeting of a cooperative with legal personality must be convened within fifteen (15) days of receipt of a certificate of legal personality. The General Assembly meeting receives a report of activities carried out in the transition period, and approves members of the organs and business plan of the cooperative. | La première Assemblée générale d'une coopérative dotée d'une personnalité juridique doit être convoquée dans les quinze (15) jours suivant la réception d'un certificat de personnalité juridique. Cette Assemblée générale reçoit un rapport d'activités réalisées dans la période de transition, et approuve les membres des organes et le plan d'affaires de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inshinganozihuriweho z'inteko rusange isanzwe** | **<u>Article 28:</u> Common functions of ordinary General Assembly meetings** | **<u>Article 28 :</u> Fonctions communes aux Assemblées générales ordinaires** |
| Inteko rusange isanzwe, yaba iyo muri Werurwe, cyangwa iyo mu Ukwakira, ifite inshingano zikurikira: | The ordinary General Assembly, whether that of March or that of October, has the following functions: | L'Assemblée générale ordinaire, que ce soit celle de mars ou celle d'octobre, a les fonctions suivantes : |
| 1° gusuzuma no kwemeza ibiri ku murongo w'ibyigwa; | 1° to consider and approve the agenda; | 1° examiner et approuver l'ordre du jour; |
| 2° gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange iheruka; | 2° to consider and approve the minutes of the previous General Assembly meeting; | 2° examiner et approuver le procès-verbal de la réunion de l'Assemblée générale précédente; |
| 3° gutora abagize inzego zinyuranye no kubakuraho; | 3° to elect and remove members of different organs; | 3° élire et révoquer les membres de différents organes; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° kwemeza abanyamuryango bashya; | 4° to admit new members; | 4° admettre de nouveaux membres; |
| 5° kwemeza amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere ya koperative cyangwa kuyavugurura; | 5° to adopt or amend the bylaws and internal rules and regulations of the cooperative; | 5° adopter ou modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur de la coopérative; |
| 6° gusuzuma no kwemeza raporo y'inama y'ubuyobozi y'ibikorwa by'umwaka uheruka na raporo z'izindi komite; | 6° to consider and adopt the report of the Board of Directors on the activities of the preceding year and reports of other committees; | 6° examiner et adopter le rapport du Conseil d'administration sur les activités de l'année précédente et les rapports d'autres comités; |
| 7° gusuzuma no kwemeza imikoreshereze y'umutungo wa koperative; | 7° to examine and approve the accounts of the cooperative; | 7° examiner et approuver les comptes de la coopérative; |
| 8° gufata icyemezo cyo kwishyira hamwe n'izindi koperative mu ihuriro, impuzamahuriro cyangwa urugaga cyangwa kwishyirahamwe kwa koperative n'indi koperative, guhagarika ibikorwa byayo, kuyihinduramo sosiyete, kuyivanaho cyangwa kuyisesa; | 8° to decide on the grouping with other cooperatives to form a union, a federation or confederation or on the merging of a cooperative with another cooperative, cessation of its activities, its transformation into a company, its dissolution or liquidation; | 8° décider le regroupement avec d'autres coopératives pour former une union, une fédération ou confédération ou la fusion d'une coopérative avec une autre coopérative, l'arrêt de ses activités, sa transformation en une société commerciale, sa dissolution ou sa liquidation; |
| 9° gushyiraho abashinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wa koperative hamwe n'akanama gashinzwe gukurikirana iseswa ryayo; | 9° to appoint a liquidator and a liquidation committee; | 9° nommer un liquidateur et mettre en place une commission de liquidation; |
| 10° kwemeza imiterere y'inzego z'imirimo ya koperative; | 10° to approve the management structure of the cooperative; | 10° approuver la structure de gestion de la coopérative; |

| | | |
|---|---|---|
| 11° gusuzuma ikindi kibazo cyose kireba koperative cyamenyeshejwe abanyamuryango nk'uko amategeko shingiro ya koperative abiteganya. | 11° to consider any other issue related to the cooperative of which notice has been given to the members as prescribed by the bylaws of the cooperative. | 11° examiner toute autre question intéressant la coopérative portée à la connaissance des membres, conformément aux statuts de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Inshingano zihariye z'inteko rusange isanzwe yo muri Werurwe** | **<u>Article 29:</u> Special functions of ordinary General Assembly of March** | **<u>Article 29 :</u> Fonctions particulières de l'Assemblée générale ordinaire de mars** |
| Inteko rusange isanzwe yo muri Werurwe ifite inshingano zihariye zikurikira: | The Ordinary General Meeting of March has the following special functions: | L'Assemblée générale ordinaire de mars a les fonctions particulières suivantes : |
| 1° gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'umutungo wa koperative mu mwaka uheruka nk'uko yemejwe n'igenzura hamwe na raporo y'igenzura nyir'izina; | 1° to consider the financial statements of the cooperative for the previous year duly audited and the audit report; | 1° examiner le rapport financier de la coopérative pour l'année précédente dûment auditée ainsi que le rapport d'audit; |
| 2° gusuzuma uburyo urwunguko n'izindi nyungu zabonetse zagabanywa cyangwa zashorwa mu bindi bikorwa bya koperative; | 2° to consider the manner in which any available surplus and interest are distributed or invested in other activities of the cooperative; | 2° examiner la manière dont tout bénéfice et intérêt disponibles sont distribués ou investis dans d'autres activités de la coopérative; |
| 3° kwemeza umubare ntarengwa w'amafaranga azigamwa n'ashorwa mu bikorwa; | 3° to approve the ceiling for deposits and investments; | 3° approuver le plafond des dépôts et des placements; |
| 4° gusuzuma no kwemeza umubare w'amafaranga ntarengwa koperative ishobora kuguza; | 4° to consider and approve the maximum amount of money the cooperative may borrow; | 4° examiner et approuver le montant maximal d'argent que la coopérative peut emprunter; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° kwemeza agahimbazamusyi kagenerwa abagize inzego za koperative n'abakozi bayo; | 5° to approve incentive bonuses granted to members of the organs and employees of the cooperative; | 5° approuver les primes d'encouragement versées aux membres des organes et des employés de la coopérative; |
| 6º gusuzuma no gufata ingamba ku gihombo koperative yagize; | 6° to consider losses incurred by the cooperative and take related measures; | 6° examiner les pertes subies par la coopérative et prendre des mesures qui s'imposent; |
| 7º gusuzuma ikindi kibazo cyose kireba koperative cyamenyeshejwe abanyamuryango nk'uko amategeko shingiro ya koperative abiteganya | 7° to consider any other issue related to the cooperative of which notice has been given to the members as prescribed in the bylaws of the cooperative. | 7° examiner toute autre question intéressant la coopérative portée à la connaissance des membres, conformément aux statuts de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Inshingano zihariye z'inteko rusange isanzwe yo mu Ukwakira** | **<u>Article 30:</u> Special functions of ordinary General Assembly of October** | **<u>Article 30 :</u> Fonctions particulières de l'Assemblée générale ordinaire d'octobre** |
| Inteko rusange isanzwe yo mu Ukwakira ifite inshingano zihariye zikurikira: | The ordinary General Assembly Meeting of October has the following special functions: | L'Assemblée générale ordinaire d'octobre a les fonctions particulières suivantes : |
| 1° gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa ya koperative y'umwaka ukurikira; | 1° to consider and approve the action plan of the cooperative for the following year; | 1° examiner et approuver le plan d'action de la coopérative pour l'année suivante; |
| 2° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka ukurikira; | 2° to approve the budget for the following year; | 2° adopter le budget de l'année suivante; |
| 3° kwemeza amafaranga ateganyijwe kwinjira no gusohoka mu mwaka w'ingengo w'imari ukurikira; | 3° to approve the estimates of income and expenditure for the following financial year; | 3° approuver les prévisions des revenus et dépenses pour l'exercice comptable suivant; |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| 4° gushyiraho umugenzuzi wigenga wa koperative no kwemeza igihembo azahabwa; | 4° to appoint an external auditor and approve his or her remuneration; | 4° nommer un auditeur externe et fixer sa rémunération; |
| 5° gusuzuma ikindi kibazo cyose kireba koperative cyamenyeshejwe abanyamuryango nk'uko amategeko shingiro ya koperative abiteganya. | 5° to consider any other issue concerning the cooperative of which notice has been given to the members as prescribed in the bylaws of the cooperative. | 5° examiner toute autre question intéressant la coopérative portée à la connaissance des membres, conformément aux statuts de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Inshingano z'inteko rusange idasanzwe** | **<u>Article 31:</u> Functions of the extraordinary General Assembly** | **<u>Article 31 :</u> Fonctions de l'Assemblée générale extraordinaire** |
| Inteko rusange idasanzwe ifite inshingano zikurikira: | The Extraordinary General Assembly Meeting has the following functions: | L'Assemblée générale extraordinaire a les fonctions suivantes : |
| 1° gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange iheruka; | 1° to consider and approve the minutes of the previous General Assembly meeting; | 1° examiner et approuver le procès-verbal de la réunion de l'Assemblée générale précédente; |
| 2° gusuzuma no kwemeza ibyihutirwa bidashobora gutegereza inteko rusange isanzwe, uretse kwemeza imikoreshereze y'umutungo wa koperative. | 2° to consider and adopt urgent matters that cannot wait until the next Ordinary General Assembly meeting except the approval of the use of the cooperative's property. | 2° examiner et adopter les questions urgentes qui ne peuvent attendre la prochaine réunion de l'Assemblée générale ordinaire, à l'exception de l'approbation de l'usage du patrimoine de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 32:</u> Ubutumire bw'inteko rusange** | **<u>Article 32:</u> Convening a General Assembly meeting** | **<u>Article 32 :</u> Convocation d'une réunion de l'Assemblée générale** |
| Inyandiko itumiza inama y'inteko rusange iba ikubiyemo isaha, itariki, ahantu inama izabera na gahunda y'inama. | The invitation to a General Assembly meeting specifies time, date, venue and agenda of the meeting. | L'invitation à une réunion de l'Assemblée générale précise l'heure, la date, le lieu et l'ordre du jour de la réunion. |

| | | |
|---|---|---|
| Ubutumire bw'inama y'inteko rusange isanzwe cyangwa idasanzwe bukorwa mu nyandiko cyangwa hagakoreshwa ubundi buryo bw'itumanaho bwemeranyijweho n'abanyamuryango. Bushyikirizwa abitabira Inama y'inteko rusange hasigaye nibura iminsi irindwi (7) ngo inama isanzwe iterane cyangwa iminsi itatu (3) ku nama idasanzwe. | The convening of an ordinary or extraordinary General Assembly meeting is in writing or by any other means agreed upon by members. It is communicated to members at least seven (7) days before the meeting in the case of an ordinary meeting or at least three (3) days in the case of an extraordinary meeting. | La convocation d'une réunion ordinaire ou extraordinaire de l'Assemblée générale est faite par écrit ou par tout autre moyen convenu par les membres. Elle est communiquée aux membres au moins sept (7) jours avant la réunion dans le cas d'une réunion ordinaire et au moins trois (3) jours dans le cas d'une réunion extraordinaire. |
| Inzego z'Ibanze zifite iterambere ry'amakoperative mu nshingano zazo n'izindi nzego zigize umuryango w'amakoperative iyo koperative ibarizwamo zigomba gutumirwa mu nama y'inteko rusange kugira ngo zitangemo ibitekerezo ariko ntizifata ibyemezo kandi ntizitora. | Local authorities in charge of the development of cooperatives and the organs of the cooperative umbrella organisations the cooperative is affiliated to, must be invited to a General Assembly meeting in which they play an advisory role, but do not take part in decision-making or vote. | Les autorités locales qui ont le développement des coopératives dans leurs attributions et les organes faîtières du mouvement coopératif doivent être invitées à une réunion de l'Assemblée générale dans laquelle elles jouent un rôle consultatif mais ne participent ni à la prise de décisions ni au vote. |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Itumizwa ry'inama y'inteko rusange** | **<u>Article 33:</u> Convening the General Assembly** meeting | **<u>Article 33 :</u> Convocation de la réunion de l'Assemblée générale** |
| Inteko rusange ya koperative itumizwa mu nama isanzwe cyangwa idasanzwe. | The General Assembly of the cooperative is convened as an ordinary or extraordinary meeting. | L'Assemblée générale de la coopérative est convoquée en réunion ordinaire ou extraordinaire. |
| Inama y'inteko rusange itumizwa na Perezida w'inama y'ubuyobozi, cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida adahari, babyibwirije cyangwa babisabwe nibura n'abantu batatu (3) bagize inama y'ubuyobozi cyangwa bisabwe nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango cyangwa nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'ababahagarariye | The General Assembly is convened by the chairperson of the Board of Directors or, in his or her absence, by the vice chairperson, upon their own initiative or at the request of at least three (3) members of the Board of Directors or at least one third (1/3) of the members or at least one third (1/3) of member representatives. It may also be convened by | L'Assemblée générale est convoquée par le Président du Conseil d'administration ou par le vice-président en cas d'absence du président, de leur propre initiative ou à la demande d'au moins trois (3) membres du Conseil d'administration ou d'au moins un tiers (1/3) des membres ou d'au moins un tiers (1/3) de leurs représentants. Elle peut être également |

| | | |
|---|---|---|
| bagize koperative. Ishobora kandi gutumizwa n'urundi rwego rufite ububasha bwo kuyitumiza cyangwa rwasabye ko itumizwa. | any other competent organ or an organ which requested its convening. | convoquée par tout autre organe compétent ou par l'organe qui a demandé sa convocation. |
| Inama y'inteko rusange idasanzwe itumizwa igihe cyose bibaye ngombwa. | The extraordinary General Assembly of the cooperative is convened whenever necessary. | L'Assemblée générale extraordinaire de la coopérative est convoquée chaque fois que de besoin. |
| Iyo ibiteganyijwe mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo bidashobotse, ku mpamvu z'inyungu rusange, Ikigo cy'Igihugu gishobora gutumiza inama y'inteko rusange idasanzwe. | If the provisions of Paragraph 2 of this Article are not executed, the National Agency may, for public interest purposes, convene an extraordinary General Assembly. | Lorsque les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne sont pas respectées, l'Agence nationale peut, dans l'intérêt général, convoquer une Assemblée générale extraordinaire. |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Iterana ry'inama y'inteko rusange** | **<u>Article 34:</u> Holding of the meeting of the General Assembly** | **<u>Article 34 :</u> Tenue de la réunion de l'Assemblée générale** |
| Inteko rusange isanzwe ya koperative iterana ari uko nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bemewe cyangwa ababahagarariye bitabiriye iyo nama. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ikurikira. | The quorum for the meeting of the ordinary General Assembly is two-thirds (2/3) of the registered members or member representatives present at the meeting. If the quorum is not present for the first time, the meeting is reconvened within seven (7) days. | Le quorum de la réunion de l'Assemblée générale ordinaire est de deux tiers (2/3) des membres inscrits ou de leurs représentants membres présents à la réunion. Lorsque le quorum n'est pas atteint pour la première fois, la réunion est convoquée à nouveau dans les sept (7) jours suivants. |
| Inteko rusange idasanzwe iterana habonetse nibura bitatu bya kane (3/4) by'abanyamuryango bemewe cyangwa by'ababahagarariye. Iyo uwo mubare utabonetse ku nshuro ya mbere, inama ihamagazwa bwa kabiri mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ikurikira. | The quorum for the meeting of the Extraordinary General Assembly is three-quarters (3/4) of the registered members or member representatives. If the quorum is not present for the first time, the meeting is reconvened within three (3) working days. | Le quorum de la réunion de l'Assemblée générale extraordinaire est de trois quarts (3/4) des membres inscrits ou de leurs représentants. Lorsque ce quorum n'est pas atteint pour la première fois, la réunion est convoquée à nouveau dans les trois (3) jours ouvrables suivants. |

| | | |
|---|---|---|
| Inama z'inteko rusange zivugwa mu gika cya mbere n'icya kabiri (2) by'iyi ngingo zifata ibyemezo ku buryo bwemewe ari uko kimwe cya kabiri (1/2) cy'abanyamuryango bagize koperative cyangwa abahagarariye abandi bayitabiriye kandi batora. | The meetings of the General Assembly provided for under Paragraphs One and 2 of this Article deliberate validly only if half (1/2) the members of the cooperative or representatives of the members are present and have the right to vote. | Les réunions de l'Assemblée générale visées aux alinéas premier et 2 du présent article ne délibèrent valablement que si la moitié (1/2) des membres de la coopérative ou des représentants des membres sont présents et disposent du droit de vote. |
| Iyo inteko rusange itumijwe inshuro ebyiri (2) ntishobore kubona umubare wa ngombwa ikibazo gishyikirizwa Ikigo cy'Igihugu kugira ngo gitange umurongo. | If the General Assembly is convened twice and on each occasion the quorum is not reached, the matter is referred to the National Agency for guidance. | Si l'Assemblée générale est convoquée deux (2) fois, et qu'à chaque fois, le quorum n'est pas atteint, la question est soumise à l'Agence nationale pour orientation. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Gahunda y'ibyigwa n'inama y'inteko rusange** | **<u>Article 35:</u> Agenda of the General Assembly meeting** | **<u>Article 35 :</u> Ordre du jour de la réunion de l'Assemblée générale** |
| Gahunda y'ibyigwa n'inama y'inteko rusange isanzwe n'idasanzwe itegurwa n'inama y'ubuyobozi cyangwa urundi rwego rufite ububasha. | The agenda of the ordinary and extraordinary General Assembly meeting is prepared by the Board of Directors or any other competent organ. | L'ordre du jour de la réunion de l'Assemblée générale ordinaire et extraordinaire est préparé par le Conseil d'administration ou par tout autre organe compétent. |
| Inama y'inteko rusange idasanzwe isuzuma ingingo ziri kuri gahunda y'ibyigwa zonyine. | An extraordinary General Assembly considers only items on the agenda. | L'Assemblée générale extraordinaire examine seulement les points inscrits à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Uyobora inama z'inteko rusange** | **<u>Article 36</u>: Chairperson of meetings of the General Assembly** | **<u>Article 36 :</u> Présidence des réunions de l'Assemblée générale** |
| Inama y'inteko rusange iyoborwa na Perezida w'inama y'ubuyobozi, yaba adahari ikayoborwa na Visi Perezida. Iyo abo bombi batabonetse, abagize inama y'ubuyobozi bitoramo umuyobozi w'inama. | The meeting of the General Assembly is chaired by the chairperson of the Board of Directors or, in his or her absence, by the Vice Chairperson. In the absence of both, members | La réunion de l'Assemblée générale est présidée par le président du Conseil d'administration ou, en cas de son absence, par le vice-président. En cas d'absence des deux, |

| | | |
|---|---|---|
| | of the Board of Directors elect the chair of the meeting from among themselves. | les membres du Conseil d'administration élisent en leur sein le président de la réunion. |
| Iyo inama yatumijwe n'Ikigo cy'Igihugu ni nacyo kiyiyobora. | The meeting convened by the National Agency is chaired by the National Agency. | Une réunion convoquée par l'Agence nationale est présidée par cette dernière. |
| Uyoboye inama, akurikije icyemezo cy'inteko rusange, ku bwiganze busanzwe, ashobora gusubika inama itarangije kwiga ibyari ku murongo w'ibyigwa. Iyo inama isubukuwe, hasuzumwa gusa ingingo zari zisigaje kwigwa mu nama ibanziriza iyo. | The person chairing the meeting may, depending on the General Assembly's decision taken by a simple majority, adjourn the meeting before considering all agenda items. If the meeting resumes, deliberations are restricted to the outstanding agenda items from the preceding meeting. | La personne qui préside la réunion peut, sur décision de l'Assemblée générale prise à la majorité simple, ajourner la réunion avant l'épuisement des points figurant à l'ordre du jour. À la reprise de la réunion, les débats ne portent que sur les points restés en suspens sur l'ordre du jour de la réunion précédente. |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Amatora n'ifatwa ry'ibyemezo mu nama y'inteko rusange** | **<u>Article 37:</u> Voting and decision-making at the General Assembly Meeting** | **<u>Article 37 :</u> Vote et prise de décisions à la réunion de l'Assemblée générale** |
| Amatora mu nama y'inteko rusange akorwa hazamuwe ikiganza cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwumvikanyweho n'abanyamuryango. | The General Assembly votes by show of hands or by any other method agreed upon by the members. | Le vote lors d'une réunion de l'Assemblée générale se fait à main levée ou par toute autre méthode convenue entre les membres. |
| Umunyamuryango wa koperative cyangwa uhagarariye undi, agira ijwi rimwe, agatora ku giti cye ntawe atumye. | A member of a cooperative or a representative of a member has one vote and votes in person and cannot vote by proxy. | Un membre d'une coopérative ou un représentant d'un membre dispose d'une seule voix et vote en personne et non par procuration. |
| Icyemezo cy'inteko rusange isanzwe gifatwa hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abatoye. Iyo amajwi anganye asubirwamo inshuro imwe, yakongera | The decision of the Ordinary General Assembly is conducted by an absolute majority of votes cast. In case of a tie, a new vote is taken, and if the votes are again divided equally, the chair has a casting vote. | La décision de l'Assemblée générale ordinaire est prise à la majorité absolue des voix exprimées. En cas d'égalité de voix, un nouveau vote a lieu, et s'il y a encore égalité de voix, la voix du président compte double. |

| | | |
|---|---|---|
| kungana ijwi rya perezida rikabarwamo abiri (2). | | |
| Icyakora, icyemezo kirebana no guhindura amategeko shingiro ya koperative, kwifatanya n'andi makoperative hagamijwe gukora ihuriro, impuzamahuriro cyangwa urugaga, ukwishyira hamwe, kwihinduramo sosiyete no gusesa koperative, byemezwa n'inteko rusange yitabiriwe nibura na bitatu bya kane (3/4) by'abanyamuryango cyangwa ababahagarariye bitabiriye inama kandi batora. | However, the decision on the amendment of the bylaws of the cooperative, the joining together with other cooperatives to form a union, federation or confederation of cooperatives, the merger, transformation and dissolution of a cooperative is adopted by a meeting of the General Assembly in which at least three-quarters (3/4) of the members or their representatives and having voting rights are present. | Toutefois, la décision concernant la modification des statuts de la coopérative, le regroupement avec d'autres coopératives pour former une union, une fédération ou une confédération des coopératives, la fusion, la transformation en une société commerciale et la dissolution d'une coopérative est adoptée par une réunion de l'Assemblée générale à laquelle au moins trois quarts (3/4) des membres ou leurs représentants ayant voix délibérative sont présents. |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange** | **<u>Article 38:</u> Minutes of the General Assembly meeting** | **<u>Article 38 :</u> Procès-verbal de la réunion de l'Assemblée générale** |
| Inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange yandikwa n'Umunyamabanga wa koperative mu gitabo cyabigenewe cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. | Minutes of the meeting of the General Assembly are drawn up by the secretary of the cooperative in a register provided for this purpose or by electronic means. | Le procès-verbal de la réunion de l'Assemblée générale est rédigé par le secrétaire de la coopérative dans un registre prévu à cet effet ou par voie électronique. |
| Inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange ishyirwaho umukono n'umunyamabanga hamwe n'uwayoboye inama. | Minutes of the meeting of the General Assembly are countersigned by the secretary and the chair of the meeting. | Le procès-verbal de la réunion de l'Assemblée générale est contresigné par le secrétaire et le président de la réunion. |
| Abanyamuryango bitabiriye inama y'inteko rusange bashyira umukono ku rutonde rw'abaje mu nama mu gitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga. | Members present at the meeting of the General Assembly sign an attendance list in a register or by electronic means. | Les membres présents à la réunion de l'Assemblée générale signent une liste des présences dans un registre ou par voie électronique. |

| | | |
|---|---|---|
| Raporo y'inama y'inteko rusange ishyikirizwa ubuyobozi bw'Umurenge n'ubw'Akarere koperative ifitemo icyicaro bitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. Yohererezwa kandi Ikigo cy'Igihugu mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku itariki inama yateraniyeho. | The report of the meeting of the General Assembly is submitted to the authorities of the Sector and District in which the head office of the cooperative is located within three (3) working days. It is also transmitted to the National Agency within seven (7) days of the meeting. | Le rapport de réunion de l'Assemblée générale est soumis aux autorités de Secteur et de District dans lequel se trouve le siège de la coopérative dans les trois (3) jours ouvrables. Il est également transmis à l'Agence nationale dans les sept (7) jours suivant la réunion. |
| **<u>Ingingo ya 39:</u> Igikorwa cyangwa icyemezo giteshwa agaciro n'Ikigo cy'Igihugu** | **<u>Article 39:</u> Annulment of an act or decision by the National Agency** | **<u>Article 39 :</u> Annulation d'un acte ou d'une décision par l'Agence nationale** |
| Ikigo cy'Igihugu gifite ububasha bwo gutesha agaciro igikorwa cyangwa icyemezo cyose cyafashwe na koperative kinyuranyije n'amahame, amategeko n'amabwiriza bigenga koperative. | The National Agency has the power to annul any act or decision taken by a cooperative that is contrary to the principles, laws and regulations governing cooperatives. | L'Agence nationale est habilitée à annuler tout acte posé ou toute décision prise par une coopérative et qui est contraire aux principes, aux lois et règlements régissant les coopératives. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inama y'ubuyobozi** | **<u>Section 2</u>: Board of Directors** | **<u>Section 2 :</u> Conseil d'Administration** |
| **<u>Ingingo ya 40:</u> Abagize inama y'ubuyobozi** | **<u>Article 40:</u> Members of the Board of Directors** | **<u>Article 40 :</u> Membres du Conseil d'administration** |
| Haseguririwe ibiteganywa mu ngingo ya 9, igika cya 3, Inama y'ubuyobozi igizwe n'abantu batanu (5) barimo Perezida na Visi Perezida, umunyamabanga n'abajyanama babiri (2), batorwa n'inteko rusange, hakurikijwe amategeko shingiro ya koperative kandi aho bishoboka hubahirizwa ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo. | Subject to the provisions of Article 9 Paragraph 3, the Board of Directors is composed of five (5) members, including a chairperson, a deputy chairperson, a secretary and two (2) advisors elected by the General Assembly, in accordance with the bylaws of a cooperative, taking into account gender balance, if possible. | Sous réserve des dispositions de l'article 9**,** alinéa 3, le Conseil d'administration est composé de cinq (5) membres dont un président et un vice-président, un secrétaire et deux (2) conseillers élus par l'Assemblée générale, conformément aux statuts de la coopérative, et ce, dans le respect du principe de la parité homme-femme, si possible. |

| | | |
|---|---|---|
| Ikigo cy'Igihugu kigomba kubanza kubemeza mbere y'uko batangira imirimo yabo, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye igihe cyaboneye raporo y'aya matora. | Before they assume duties, the National Agency must approve them within seven (7) working days of receipt of the report of the elections. | Avant leur entrée en fonction, l'Agence nationale doit les approuver dans les sept (7) jours ouvrables suivant la réception du rapport de ces élections. |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Inshingano z'inama y'ubuyobozi** | **<u>Article 41:</u> Responsibilities of the Board of Directors** | **<u>Article 41:</u> Attributions du Conseil d'administration** |
| Inama y'ubuyobozi ni urwego ruyobora koperative rugashyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza bishyirwaho n'inteko rusange, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko shingiro ya koperative. | The Board of Directors is the management organ of a cooperative and it implements the decisions and regulations of the General Assembly, in accordance with the provisions of this Law and bylaws of a cooperative. | Le Conseil d'administration est l'organe de gestion de la coopérative qui exécute les décisions et les directives de l'Assemblée générale conformément aux dispositions de la présente loi et aux statuts d'une coopérative. |
| Inama y'ubuyobozi ya koperative ifite inshingano zikurikira: | The Board of Directors of a cooperative has the following responsibilities: | Le Conseil d'administration d'une coopérative exerce les attributions suivantes : |
| 1° gutegura inama z'inteko rusange no kuzitumiza; | 1° to prepare and convene the General Assembly meetings; | 1° préparer et convoquer les réunions de l'Assemblée générale; |
| 2° gusuzuma dosiye z'abashaka kuba abanyamuryango zishyikirizwa inteko rusange; | 2° to examine files for those who seek to become members to be submitted to the General Assembly; | 2° examiner les dossiers de ceux qui souhaitent devenir membres à soumettre à l'Assemblée générale; |
| 3° gutegura gahunda y'ibikorwa bya koperative; | 3° to prepare the action plan of a cooperative; | 3° préparer le plan d'action d'une coopérative; |
| 4° gucunga umutungo wa koperative; | 4° to manage the property of a cooperative; | 4° gérer le patrimoine d'une coopérative; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° gushyikiriza inteko rusange raporo y'ibikorwa n'iy'imicungire y'imari bya koperative; | 5° to submit to the General Assembly the activity report and financial statements of a cooperative; | 5° soumettre à l'Assemblée générale le rapport d'activités et le rapport financier d'une coopérative; |
| 6° gutegura umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka ukurikira; | 6° to prepare the draft budget for the following year; | 6° élaborer le projet de budget pour l'année suivante; |
| 7° gutegura imishinga ya koperative; | 7° to prepare projects of a cooperative; | 7° élaborer les projets d'une coopérative; |
| 8° gushyiraho umucungamutungo n'abandi bakozi bateganyijwe ku mbonerahamwe y'imirimo yemejwe n'inteko rusange; | 8° to appoint a manager and other staff members provided in the organisational structure approved by the General Assembly; | 8° nommer un gérant et d'autres membres du personnel prévus au cadre organique approuvé par l'Assemblée générale; |
| 9° gushyira umukono ku masezerano mu izina rya koperative; | 9° to sign contracts on behalf of a cooperative; | 9° signer des contrats au nom d'une coopérative; |
| 10° guhagararira koperative imbere y'amategeko; | 10° to represent a cooperative before the Law; | 10° représenter la coopérative devant la loi; |
| 11° gukoresha inama igihe cyose bibaye ngombwa; | 11° to hold meetings whenever necessary; | 11° organiser des réunions chaque fois que de besoin; |
| 12° gutegura amategeko ngengamikorere ya koperative; | 12° to draft the rules of procedure of a cooperative; | 12° élaborer le règlement intérieur d'une coopérative; |
| 13° kubika inyandiko n'ibitabo byose bya koperative; | 13° to keep all records and books of a cooperative; | 13° tenir tous les documents et tous les livres d'une coopérative; |
| 14° gukora ibindi byose bya ngombwa bituma koperative igera ku nshingano zayo. | 14° to carry out any other necessary duties enabling a cooperative to execute its responsibilities. | 14° s'acquitter de toute autre tâche nécessaire permettant à une coopérative de remplir ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 42: Inshingano z'abagize inama y'ubuyobozi** | **Article 42: Responsibilities of members of the Board of Directors** | **Article 42 : Attributions des membres du** Conseil **d'administration** |
| Inshingano z'abagize inama y'ubuyobozi zigenwa n'amategeko shingiro ya koperative. | The bylaws of a cooperative determinant responsibilities of members of the Board of Directors. | Les statuts d'une coopérative déterminent les attributions des membres du Conseil d'administration. |
| **Ingingo ya 43: Manda y'abagize inama y'ubuyobozi** | **Article 43: Term of office of members of the Board of Directors** | **Article 43: Durée du mandat des membres du Conseil d'administration** |
| Manda y'abagize inama y'ubuyobozi ni imyaka itatu (3), ibarwa uhereye igihe batangiriye inshingano zabo. Nta muntu mu bagize inama y'ubuyobozi ushobora gukora manda zirenze ebyiri (2) zikurikirana muri koperative imwe. | The term of office of members of the Board of Directors is three (3) years from the date of their assumption of office. No member of the Board of Directors can serve more than two (2) consecutive terms within one cooperative. | La durée du mandat des membres du Conseil d'administration est de trois (3) ans, à compter de leur entrée en fonction. Aucun membre du Conseil d'administration ne peut exercer plus de deux (2) mandats consécutifs dans une même coopérative. |
| **Ingingo ya 44: Ibisabwa umunyamuryango wifuza kuba mu bagize inama y'ubuyobozi** | **Article 44: Requirements for being a member of the Board of Directors** | **Article 44 : Conditions requises pour être membre du Conseil d'administration** |
| Umunyamuryango ashobora kwiyamamariza cyangwa kwamamazwa kujya mu nama y'ubuyobozi ya koperative ari uko yujuje ibi bikurikira: | A member can stand or be nominated for election to the Board of Directors of a cooperative if he or she fulfils the following requirements: | Un membre peut se porter candidat ou être proposé comme candidat au Conseil d'administration d'une coopérative lorsqu'il remplit les conditions suivantes : |
| 1° kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko; | 1° to be at least eighteen (18) years old; | 1° être âgé d'au moins dix-huit (18) ans; |
| 2° kuba atari umukozi uhembwa muri iyo koperative; | 2° not to be an employee remunerated in that cooperative; | 2° ne pas être un employé rémunéré au sein de la coopérative; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6); | 3° not to have been definitely sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months; | 3° ne pas avoir été définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois; |
| 4° kuba atarigeze anengwa na raporo y'igenzura ku bijyanye no kuyobora cyangwa gucunga umutungo wa koperative; | 4° not to have been blamed in an audit report carried out on matters relating to the management of the cooperative; | 4° ne pas avoir été blâmé dans un rapport d'audit en matière de direction et de gestion de la coopérative; |
| 5° kuba adakora ku buryo buziguye cyangwa butaziguye imirimo isa n'iya koperative hanze yayo; | 5° not to carry on directly or indirectly similar activities outside the cooperative; | 5° ne pas exercer directement ou indirectement des activités similaires à celles de la coopérative en dehors de celle-ci; |
| 6° kuba adakora imirimo yo kugemurira koperative; | 6° not to perform activities consisting of supplying goods to the cooperative; | 6° ne pas exercer les activités d'approvisionnement des biens à la coopérative; |
| 7° kuba atarigeze ahombya iby'abandi yari ashinzwe gucunga; | 7° not to have been the cause of loss to the goods of third parties under his or her management; | 7° n'avoir jamais été à l'origine de la perte pour les biens de tiers dont il assurait la gestion; |
| 8° kuba yaratanze umugabane we muri koperative; | 8° to have paid his or her share in a cooperative; | 8° avoir souscrit sa part sociale dans une coopérative; |
| 9° kuba azi gusoma, kwandika no kubara; | 9° to know how to read, write and calculate; | 9° savoir lire, écrire et calculer; |
| 10° kuba adafitanye isano kugeza ku gisanira cya mbere mu buryo butaziguye n'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi cyangwa inama y'ubugenzuzi; | 10° not to have a direct first-degree family relationship with one of the members of Board of Directors or a Supervisory Board; | 10° ne pas avoir un lien de parenté en ligne directe au premier degré avec l'un des membres du Conseil d'administration ou du Conseil de surveillance; |

| | | |
|---|---|---|
| 11° kuba mu gihe cy'amatora atari mu nama y'ubugenzuzi bwa koperative. | 11° not to be a member of the Supervisory Board of a cooperative at the time of elections. | 11° ne pas être membre du Conseil de surveillance d'une coopérative au moment des élections. |
| Ikigo cy'lgihugu gishyiraho amabwiriza yihariye agena ibindi bisabwa umunyamuryango wifuza kuba mu bagize inama y'ubuyobozi, bitewe n'icyiciro cy'imirimo koperative ibarizwamo. | The National Agency establishes specific regulations determining other requirements for being a member of the Board of Directors depending on the area of activity of a cooperative. | L'Agence nationale émet des instructions spécifiques fixant d'autres conditions à remplir pour être membre du Conseil d'administration, en fonction du domaine d'activité d'une coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 45</u>: Iterana, itumizwa n'iyoborwa ry'inama y'Inama y'ubuyobozi** | **<u>Article 45:</u> Holding, convening and chairing the meeting of the Board of Directors** | **<u>Article 45 :</u> Tenue, convocation et présidence de la réunion du Conseil d'administration** |
| Inama y'inama y'ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa ariko ntirenze inshuro ebyiri (2) mu kwezi. Kugira ngo iterane hagomba kuboneka bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. | The meeting of the Board of Directors is held once a quarter and whenever necessary but not more than twice a month. For the meeting to be held, the quorum required must be two-thirds (2/3) of its members. | La réunion du Conseil d'administration se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin mais pas plus de deux (2) fois par mois. Le quorum requis pour la tenue de la réunion est de deux tiers (2/3) de ses membres. |
| Inama y'inama y'ubuyobozi itumizwa kandi ikanayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari igatumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida. Iyo bombi badahari, itumizwa kandi ikayoborwa n'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi watoranyijwe na bagenzi be. Inama ishobora kandi gutumizwa bisabwe na batatu (3) mu bagize inama y'ubuyobozi. | The meeting is convened by its Chairperson or, in his or her absence, by the Vice Chairperson. In the absence of both, the meeting is convened and chaired by any member of the Board of Directors designated by his or her peers. The meeting can also be convened at the request of three (3) Directors. | La réunion est convoquée par le Président ou, en son absence, par le Vice-Président. En l'absence des deux, la réunion est convoquée et présidée par un membre du Conseil d'administration désigné par ses pairs. Elle peut également être convoquée à la demande de trois (3) membres du Conseil d'administration. |
| Iyo Perezida yanze gutumiza inama y'inama y'ubuyobozi, ishobora gutumizwa ku | If the chairperson refuses to convene the meeting of the Board of Directors, the | Lorsque le Président refuse de convoquer la réunion du Conseil d'administration, la |

| | | |
|---|---|---|
| bwiganze burunduye bw'abayigize kandi bagafata ibyemezo. | absolute majority of its members may convene the meeting and take decisions. | majorité absolue de ses membres peut la convoquer et prendre des décisions. |
| Buri cyemezo gifatwa hakurikijwe ubwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, gifatwa hakurikijwe ubwiganze mu majwi. Iyo amajwi anganye, ijwi ry'umuyobozi w'inama niryo rikemura impaka. | Every decision is taken by consensus. If no consensus is reached, the decision is taken by a majority of votes. In the event of a tie, the chairperson of the meeting has a casting vote. | Chaque décision est prise par consensus. À défaut de consensus, la décision est prise à la majorité des voix. En cas d'égalité des voix, la voix du président de la réunion est prépondérante. |
| Inyandikomvugo ya buri nama y'inama y'ubuyobozi yandikwa kandi igashyirwaho umukono n'umuyobozi wayo n'umwanditsi w'inama. Inyandikomvugo yemezwa mu nama ikurikiyeho. | The minutes of every meeting of the Board of Directors are recorded and signed jointly by the chairperson and the rapporteur of the meeting. The minutes are approved at the next meeting. | Le procès-verbal de chaque réunion du Conseil d'administration est établi et signé conjointement par le président et le rapporteur de la séance. Le procès-verbal est approuvé lors de la réunion suivante. |
| **<u>Ingingo ya 46</u>: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa** | **<u>Article 46:</u> Personal interest in issues under consideration** | **<u>Article 46:</u> Intérêt personnel dans des questions faisant l'objet d'examen** |
| Iyo uri mu bagize inama y'ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, ahita amenyesha inama y'ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ahezwa ku ngingo ijyanye n'ikibazo kimureba. | If a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in issues under consideration, he or she promptly notifies the Board of Directors about the existence of his or her interest. A member who has declared his or her interest in an issue under consideration is kept out of deliberations relating to such an issue. | Lorsqu'un membre du Conseil d'administration a un intérêt direct ou indirect dans des questions faisant l'objet d'examen, il informe immédiatement le Conseil d'administration de l'existence de son intérêt. Un membre ayant déclaré un intérêt sur la question faisant l'objet d'examen est tenu à l'écart des délibérations relatives à cette question. |
| Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata | If it is evident that several or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in issues under consideration to the extent that it is impossible to take decisions, | Lorsqu'il est constaté que plusieurs ou tous les membres du Conseil d'administration ont un intérêt direct ou indirect dans des questions faisant l'objet d'examen à tel point qu'il est |

| | | |
|---|---|---|
| ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bihita bishyikirizwa Ikigo cy'Igihugu kikabifataho icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), ibarwa uhereye igihe Ikigo cy'Igihugu cyashyikiririjwe ikibazo. | such issues are immediately referred to the National Agency for decision within thirty (30) days of submission of the issue to the National Agency. | impossible de prendre des décisions sur ces questions, celles-ci sont immédiatement soumises à l'Agence nationale pour y statuer dans un délai de trente (30) jours à compter de la soumission de la question à l'Agence nationale. |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Uko umucungamutungo akurikirana inama z'inama y'ubuyobozi** | **<u>Article 47:</u> Manager's attendance at the Board of Directors meetings** | **<u>Article 47 :</u> Participation du gérant aux réunions du Conseil d'administration** |
| Umucungamutungo wa koperative yitabira inama z'inama y'ubuyobozi ariko ntatora mu ifatwa ry'ibyemezo. Ibitekerezo bye ni ngishwanama. | The manager of a cooperative attends the Board of Directors meetings without voting rights. His or her opinion is advisory. | Le gérant d'une coopérative assiste aux réunions du Conseil d'administration sans voix délibérative. Son opinion est consultative. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Inama y'ubugenzuzi** | **<u>Section 3</u>: Supervisory Board** | **<u>Section 3 :</u> Conseil de surveillance** |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Abagize inama y'ubugenzuzi na manda yabo** | **<u>Article 48</u>: Members of the Supervisory Board and their term of office** | **<u>Article 48 :</u> Membres du Conseil de surveillance et leur mandat** |
| Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 9 igika cya 3, Inama y'Ubugenzuzi igizwe n'abanyamuryango batatu (3) b'inyangamugayo batorwa n'inteko rusange, hakurikijwe amategeko shingiro ya koperative kandi aho bishoboka hakubahirizwa ihame ry'uburinganire bw'abagore n'abagabo. | Subject to the provisions of Article 9, Paragraph 3, the Supervisory Board is composed of three (3) members of integrity elected by the General Assembly, in accordance with the bylaws of a cooperative and taking into account gender balance where possible. | Sous réserve des dispositions de l'article 9, alinéa 3, le Conseil de surveillance est composé de trois (3) membres intègres élus par l'Assemblée générale, conformément aux statuts d'une coopérative et, si possible, en tenant compte de la parité hommes-femmes. |
| Abagize inama y'ubugenzuzi batowe babanza kwemezwa n'Ikigo cy'Igihugu. | Elected members of the Supervisory Board are approved beforehand by the National Agency. | Les membres du Conseil de surveillance élus sont approuvés au préalable par l'Agence nationale. |

| | | |
|---|---|---|
| Manda y'abagize inama y'ubugenzuzi ni imyaka ibiri (2) ibarwa uhereye igihe batangiriye inshingano zabo kandi ugize inama y'ubugenzuzi ntiyemerewe gukora manda zirenze ebyiri (2) zikurikirana muri koperative imwe. | The term of office of members of the Supervisory Board is two (2) years from the date on which they take up their duties. A member of the Supervisory Board cannot serve more than two (2) consecutive terms within one cooperative. | La durée du mandat des membres du Conseil de surveillance est de deux (2) ans à compter de leur entrée en fonctions. Un membre du Conseil de surveillance ne peut exercer plus de deux (2) mandats consécutifs dans une même coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Ibisabwa umunyamuryango wifuza kuba umwe mu bagize inama y'ubugenzuzi** | **<u>Article 49</u>: Requirements for being a member of the Supervisory Board** | **<u>Article 49 :</u> Conditions requises pour être membre du Conseil de surveillance** |
| Umunyamuryango atorerwa kuba umwe mu bagize inama y'ubugenzuzi ya koperative ari uko yujuje ibisabwa biteganyijwe mu ngingo ya 44 y'iri tegeko kandi akaba, mu gihe cy'amatora, atari mu bagize inama y'ubuyobozi. | A member is elected to the Supervisory Board of a cooperative if he or she fulfils the requirements provided for under Article 44 of this Law and if he or she is not a member of the Board of Directors at the time of elections. | Un membre est élu au Conseil de surveillance d'une coopérative s'il remplit les conditions prévues à l'article 44 de la présente loi et s'il n'est pas membre du Conseil d'administration au moment des élections. |
| Ikigo cy'Igihugu gishobora gushyiraho amabwiriza yihariye agena ibindi bisabwa, bitewe n'icyiciro cy'imirimo koperative ibarizwamo. | The National Agency may establish specific regulations determining other requirements depending on the area of activity of a cooperative. | L'Agence nationale peut émettre des instructions spécifiques fixant d'autres conditions requises en fonction du domaine d'activité d'une coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Inshingano z'inama y'ubugenzuzi** | **<u>Article 50:</u> Responsibilities of the Supervisory Board** | **<u>Article 50 :</u> Attributions du Conseil de surveillance** |
| Inshingano z'inama y'ubugenzuzi ni izi zikurikira: | The responsibilities of the Supervisory Board are as follows: | Les attributions du Conseil de surveillance sont les suivantes : |
| 1° kugenzura imicungire ya koperative byibura rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa; | 1° to supervise the management of a cooperative at least once in every three (3) months and whenever necessary; | 1° contrôler la gestion de la coopérative au moins une fois tous les trois (3) mois et chaque fois que de besoin; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gushyikiriza raporo yayo inteko rusange ikamenyesha inama y'ubuyobozi; | 2° to submit its report to the General Assembly with a copy to the Board of Directors; | 2° soumettre son rapport à l'Assemblée générale avec copie au Conseil d'administration; |
| 3° gukurikirana imikorere y'umugenzuzi uhoraho wa koperative; | 3° to monitor how the internal auditor of the cooperative discharges his or her duties; | 3° faire le suivi de la façon dont l'auditeur interne de la coopérative remplit ses fonctions; |
| 4° kugenzura niba inama y'ubuyobozi n'izindi nzego za koperative zishyira mu bikorwa ibyemezo byose byafashwe hagamijwe kurengera inyungu rusange z'abanyamuryango; | 4° to verify whether the Board of Directors and other organs of a cooperative implement all the decisions made in order to protect the general interests of members; | 4° vérifier si le Conseil d'administration et les autres organes d'une coopérative mettent en application toutes les décisions prises en vue de la protection des intérêts des membres; |
| 5° kugenzura ibitabo by'ibaruramari n'icungamutungo mu rwego rwo kuzuza inshingano zayo; | 5° to check books of accounts in order to accomplish its duties; | 5° vérifier les livres de comptes afin d'accomplir ses tâches; |
| 6° gukora ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cyemejwe n'inteko rusange cyateza imbere koperative. | 6° to carry out any other activity approved by the General Assembly which may help develop the cooperative. | 6° exercer toute autre activité approuvée par l'Assemblée générale pouvant aider au développement de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 51:</u> Iterana ry'inama y'ubugenzuzi** | **<u>Article 51:</u> Holding of a meeting of the Supervisory Board** | **<u>Article 51 :</u> Tenue d'une réunion du Conseil de surveillance** |
| Inama y'ubugenzuzi iterana nibura rimwe mu mezi atatu (3) n'igihe bibaye ngombwa cyangwa ibisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abanyamuryango ba koperative. | The meeting of the Supervisory Board is held once every three (3) months and whenever necessary or upon written request by at least one third (1/3) of the members of the cooperative. | La réunion du Conseil de surveillance se tient au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres de la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| Mu nama yayo ya mbere, inama y'ubugenzuzi yitoramo Perezida n'umwanditsi mu bayigize. | At its first meeting, the Supervisory Board elects a chairperson and a rapporteur among its members. | Lors de sa première réunion, le Conseil de surveillance élit un président et un rapporteur en son sein. |
| <u>**Ingingo ya 52**</u>**: Itumizwa ry'inama y'inteko rusange idasanzwe bisabwe n'inama y'ubugenzuzi** | <u>**Article 52**</u>**: Convening an extraordinary General Assembly meeting on request by the Supervisory Board** | <u>**Article 52 :**</u> **Convocation d'une réunion de l'Assemblée générale extraordinaire à la demande du Conseil de surveillance** |
| Iyo inama y'ubugenzuzi irangije imirimo yayo y'ubugenzuzi igasanga ari ngombwa kugeza raporo yayo ku nama y'inteko rusange ku buryo bwihutirwa, isaba mu nyandiko inama y'ubuyobozi gutumiza inama idasanzwe y'inteko rusange. | On completion of its auditing work and if it believes that it is necessary to urgently submit its report to the General Assembly, the Supervisory Board requests in writing the Board of Directors to convene an extraordinary General Assembly meeting. | À l'issue de son travail d'audit et après constatation que son rapport doit être soumis d'urgence à l'Assemblée générale, le Conseil de surveillance demande au Conseil d'administration de convoquer par écrit une réunion extraordinaire de l'Assemblée générale. |
| Iyo inama y'ubuyobozi idatumije iyo nama mu gihe cy'iminsi irindwi (7), inama y'ubugenzuzi irayitumiza kugira ngo iyisobanurire ibibazo byagaragaye muri raporo yayo ikayisaba kuyifataho icyemezo. | If the Board of Directors does not convene the meeting within seven (7) days, the Supervisory Board convenes it in order to communicate to it issues identified in its report for a decision. | Lorsque le Conseil d'administration ne convoque pas cette réunion dans les sept (7) jours, le Conseil de surveillance la convoque en vue de lui communiquer des questions constatées dans son rapport pour y statuer. |
| Icyo gihe, inama iyoborwa na Perezida w'Inama y'Ubugenzuzi. | In that case, the meeting is chaired by the chairperson of the Supervisory Board. | Dans ce cas, la réunion est présidée par le président du Conseil de surveillance. |
| <u>**Ingingo ya 53**</u>**: Ibyo inama y'ubugenzuzi igomba kwirinda** | <u>**Article 53**</u>**: Restrictions to the Supervisory Board** | <u>**Article 53 :**</u> **Restrictions au Conseil de surveillance** |
| Inama y'Ubugenzuzi, yirinda icyabangamira imikorere y'abakozi cyangwa imigendekere myiza y'imirimo ya koperative mu gihe ishyira mu bikorwa inshingano zayo. | The Supervisory Board, in exercising its duties, avoids acting in any way that may compromise the work of the staff or the activities of a cooperative. | Dans l'exercice de ses fonctions, le Conseil de surveillance évite toute action pouvant entraver le bon fonctionnement du personnel |

| | | |
|---|---|---|
| | | ou la bonne marche des activités d'une coopérative. |
| **<u>Icyiciro cya 4</u>: Komite zihariye** | **<u>Section 4:</u> Specialised committees** | **<u>Section 4 :</u> Comités spécialisés** |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Komite yihariye** | **<u>Article 54:</u> Specialised committee** | **<u>Article 54 :</u> Comité spécialisé** |
| Aho bikenewe, buri koperative ishyiraho komite yihariye igizwe n'inararibonye zitoranywa mu banyamuryango n'inama y'ubuyobozi zikemezwa n'inteko rusange. Umubare wazo, manda, inshingano n'imikorere byazo bigenwa n'inteko rusange. | If necessary, each cooperative establishes a specialized committee comprising cooperative's members of integrity selected by the Board of Directors and approved by the General Assembly. Their number, term of office, responsibilities and functioning are determined by the General Assembly. | Au besoin, une coopérative peut établir un comité spécialisé composé de membres intègres de la coopérative sélectionnés par le Conseil d'administration et approuvés par l'Assemblée générale. Leur nombre, leur mandat, leurs attributions et leur fonctionnement sont déterminés par l'Assemblée générale. |
| **<u>Icyiciro cya 5</u>: Impuguke, abakozi ba koperative n'imyitwarire** | **<u>Section 5:</u> Experts, employees of a cooperative and code of conduct** | **<u>Section 5 :</u> Experts, employés d'une coopérative et code de conduite** |
| **<u>Ingingo ya 55</u>: Ishyirwaho ry'impuguke muri koperative** | **<u>Article 55:</u> Recruitment of an expert in a cooperative** | **<u>Article 55 :</u> Recrutement d'un expert dans une coopérative** |
| Koperative ishobora gushyiraho impuguke imwe cyangwa nyinshi kugira ngo yunganire inzego za koperative mu kurangiza inshingano zayo. | A cooperative may recruit one or more experts in order to support organs of a cooperative in order to accomplish its duties. | Une coopérative peut recruter un ou plusieurs experts pour appuyer les organes d'une coopérative en vue d'accomplir ses attributions. |
| Impuguke ishakwa n'inama y'ubuyobozi ikanayigenera inshingano ariko ikemezwa n'inteko rusange. | The expert is recruited and assigned responsibilities by the Board of Directors and approved by the General Assembly. | L'expert est recruté et se voit assigner les attributions par le Conseil d'administration et est approuvé par l'Assemblée générale. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, inteko rusange na yo ifite ububasha bwo gushyiraho impuguke byemejwe na bitatu bya kane (3/4) by'abanyamuryango bitabiriye inama. | However, the appointment of the expert may also be initiated by the General Assembly upon decision of three-fourths (3/4) of its members present. | Toutefois, la nomination de l'expert peut également être initiée par la décision de l'Assemblée générale prise par trois quarts (3/4) des membres présents. |
| Ntibyemewe ko habaho impuguke irenze imwe kuri buri rwego cyangwa komite. Impuguke ijya mu bitabira inama z'urwego cyangwa komite bireba. Ifite uburenganzira bwo gutanga igitekerezo mu nama ariko ntitora. | Only one expert is allowed for each organ or committee. The expert is invited to each meeting of the respective organ or committee. He or she has the right to be heard in the meetings, but has no voting rights. | Il ne peut y avoir plus d'un expert pour chaque organe ou comité. L'expert est invité à chaque réunion de l'organe ou du comité respectif. Il a le droit d'être entendu dans les réunions, mais n'a pas la voix délibérative. |
| Impuguke itanga raporo yayo ku muyobozi w'urwego cyangwa komite igira inama. | The expert submits his or her report to the chairperson of the organ or to the committee he or she advises. | L'expert soumet son rapport au président de l'organe ou au comité auquel il donne conseils. |
| **<u>Ingingo ya 56</u>: Abakozi ba koperative** | **<u>Article 56</u>: Employees of a cooperative** | **<u>Article 56 :</u> Employés d'une coopérative** |
| Inama y'ubuyobozi ishyiraho umucungamutungo n'abandi bakozi hakurikijwe amategeko agenga umurimo kandi bakemezwa n'Inteko rusange. | The Board of Directors recruits a manager and other employees in compliance with the legislation regulating labour and upon approval by the General Assembly. | Le Conseil d'administration recrute un gérant et d'autres employés conformément à la législation régissant le travail et après approbation de l'Assemblée générale. |
| Umucungamutungo n'abandi bakozi bashyizweho ntibemerewe gukora indi mirimo isa n'iyo koperative ikora mu buryo buziguye cyangwa butaziguye. | The recruited manager and other employees are not allowed to carry out, directly or indirectly, activities similar to those of a cooperative. | Le gérant et les autres employés recrutés ne sont pas autorisés à exercer, directement ou indirectement, les activités similaires à celles d'une coopérative. |
| Umushahara n'ibindi bigenerwa Umucungamutungo n'abandi bakozi bigenwa n'inama y'ubuyobozi, bikemezwa n'Inteko rusange. | The salary and other benefits entitled to the manager and other employees are determined by the Board of Directors and approved by the General Assembly. | Le salaire et les autres avantages alloués au gérant et aux autres employés sont fixés par le Conseil d'administration et approuvés par l'Assemblée générale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 57</u>: Imyitwarir y'abagize inzego za koperative n'abakozi bayo** | **<u>Article 57</u>: Code of conduct for members of organs of a cooperative and its employees** | **<u>Article 57 :</u> Code de conduite des membres des organes d'une coopérative et de ses employés** |
| Abagize inama y'ubuyobozi, inama y'ubugenzuzi, komite zihariye n'abakozi ba koperative, mu mirimo bashinzwe, basabwa kubahiriza ibijyanye n'imyitwarire, imiyoborere n'imicungire myiza ya koperative. | Members of the Board of Directors, the Supervisory Board, specialised committees and employees of a cooperative, in their respective functions, are required to comply with the code of conduct, governance and good management of cooperatives. | Les membres du Conseil d'administration, du Conseil de surveillance, des comités spécialisés et les employés d'une coopérative, dans l'exercice de leurs attributions, sont tenus de se conformer au code de conduite, à la gouvernance et à la bonne gestion des coopératives. |
| Amabwiriza y'Ikigo cy'Igihugu agena imyitwarire y'abayobozi ba koperative n'abakozi bayo. | The regulations issued by the National Agency establish the code of conduct for executives and employees of cooperatives. | Les règlements de l'Agence nationale déterminent le code de conduite des cadres et des employés des coopératives. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IMARI SHINGIRO YA KOPERATIVE N'IMIGABANE** | **<u>CHAPTER IV:</u> SHARE CAPITAL AND SHARES OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE IV :</u> CAPITAL SOCIAL ET PARTS SOCIALES D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Ingingo ya 58</u>: Imari shingiro** | **<u>Article 58:</u> Share capital** | **<u>Article 58 :</u> Capital social** |
| Imari shingiro ya koperative igizwe n'imigabane yemejwe kandi yishyuwe na buri munyamuryango. | The share capital of a cooperative is constituted of shares subscribed and paid up by each member. | Le capital social d'une coopérative est constitué de parts sociales souscrites et libérées par chaque membre. |
| Amategeko shingiro ya koperative agena ingano y'imari shingiro ishyirwaho n'inteko rusange hakurikijwe intego ya koperative. | The bylaws of a cooperative provide for the amount of share capital which is determined by the General Assembly in accordance with the objective of the cooperative. | Les statuts d'une coopérative indiquent le montant du capital social déterminé par l'Assemblée générale en fonction de l'objet de la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 59</u>: Kongerwa kw'imari shingiro** | **<u>Article 59:</u> Increasing the share capital** | **<u>Article 59 :</u> Augmentation du capital social** |
| Imari shingiro ya koperative ishobora kongerwa iyo: | The share capital of a cooperative may be increased by: | Le capital social d'une coopérative peut être augmenté : |
| 1° inteko rusange ifashe icyemezo cyo kongera umugabane kugeza ku mubare wifuzwa; | 1° a decision of the General Assembly to increase the share up to a certain desired amount; | 1° sur décision de l'Assemblée générale d'augmenter la part sociale jusqu'à un certain montant voulu; |
| 2° abanyamuryango, ku bushake bwabo, biyemeje kongera umugabane kugeza ku mubare ntarengwa uteganywa mu mategeko shingiro; | 2° voluntary increase of members' share up to the maximum defined in the bylaws; | 2° par l'augmentation volontaire de la part sociale des membres jusqu'au maximum défini dans les statuts; |
| 3° Inteko rusange yemeye gusubiza inyungu ku migabane itarigeze ihabwa abanyamuryango. | 3° a decision of the General Assembly to grant dividends which were not paid to members. | 3° sur décision de l'Assemblée générale d'octroyer des dividendes qui n'ont pas été versés aux membres. |
| **<u>Ingingo ya 60</u>: Umugabane w'umunyamuryango** | **<u>Article 60:</u> Member's share** | **<u>Article 60 :</u> Part sociale d'un membre** |
| Umunyamuryango agira umugabane umwe (1) cyangwa myinshi. Icyakora, ntashobora kugira imigabane ikubye inshuro eshanu (5) agaciro k'umugabane wagenwe. | A member holds one or several shares. However, such a member cannot hold shares whose value is five (5) times the nominal value of the share. | Un membre peut détenir une ou plusieurs parts sociales. Toutefois, ce membre ne peut pas détenir les parts sociales dont la valeur est cinq (5) fois la valeur nominale de la part sociale. |
| Umugabane urandikwa kandi ugatangwa mu bintu cyangwa mu mafaranga. | A share is registered and it is paid either in kind or money. | Une part sociale est enregistrée et est versée soit en nature soit en espèces. |

| | | |
|---|---|---|
| Amategeko shingiro ya koperative agena agaciro remezo ka buri mugabane, uko utangwa n'uko wishyurwa. | The bylaws of every cooperative determine nominal value of each share, modalities of its subscription and payment. | Les statuts de chaque coopérative déterminent la valeur nominale de chaque part sociale ainsi que les modalités de sa suscription et libération. |
| Agaciro k'umugabane kemezwa n'inyandiko yerekana umubare n'agaciro kawo mu mafaranga yakiriwe, kandi uwo mugabane wandikwa mu izina ry'umunyamuryango. | The value of a share is certified by a receipt of acknowledgement issued for the sum paid and the inscription of such a share is made in the member's personal name. | La valeur d'une part sociale est certifiée par un accusé de réception émis pour la somme payée et cette part sociale est inscrite à titre personnel sur le nom du membre. |
| **<u>Ingingo ya 61</u>: Ingaruka zo kutishyura umugabane** | **<u>Article 61:</u> Effects of failure to pay a share** | **<u>Article 61:</u> Effets de la non-libération de la part sociale** |
| Umunyamuryango wa koperative ntiyemerewe kubona cyangwa gukora ibyo yemererwa n'amategeko igihe cyose atarishyura umugabane we cyangwa aterekana ko abifitiye uburenganzira, nk'uko biteganywa n'iri tegeko. | A member of a cooperative cannot be entitled to or exercise any of the rights of a member as recognized by the Law, unless he or she has paid up his or her share or has shown that he or she has such rights according to the provisions of this Law. | Un membre d'une coopérative ne peut avoir ou exercer des droits reconnus au membre par la loi avant d'avoir payé sa part sociale ou démontré qu'il en a le droit, conformément aux dispositions de la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 62</u>: Uburinganire bw'abanyamuryango** | **<u>Article 62:</u> Equality of members** | **<u>Article 62 :</u> Égalité des membres** |
| Umunyamuryango wa koperative yaba iy'ibanze, ihuriro, impuzamahuriro cyangwa urugaga, agira ijwi rimwe gusa ringana n'irya bagenzi be. | Each member of a cooperative, whether of a primary cooperative, a union, a federation or a confederation has only one vote which is equal to that of his or her peers. | Chaque membre d'une coopérative soit primaire, une union, une fédération ou une confédération dispose d'une seule voix de vote égale à celle de ses pairs. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 63</u>: Uburenganzira bwa koperative bwo kwishyurwa** | **<u>Article 63</u>: Cooperative first charge** | **<u>Article 63 :</u> Créance de premier rang d'une coopérative** |
| Koperative ifite uburenganzira bwo kubanza kwishyurwa, mu mutungo umunyamuryango afite muri koperative, amafaranga yose umunyamuryango yari ayibereyemo igihe asezeye cyangwa yirukanywe. | A cooperative has a first charge upon the property to which a withdrawing or expelled member is entitled within such a cooperative to cover any debts such a member may have with it. | Une coopérative a le droit de se faire payer en premier lieu sur les biens appartenant à un membre pour toutes les dettes que lui doit ce membre lorsqu'il démissionne ou est exclu de la coopérative. |
| Igihe amafaranga yishyuwe koperative hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo adahagije, uwo munyamuryango ahabwa igihe kitarenze umwaka umwe (1) kugira ngo abe yarangije kwishyura umwenda usigaye. Icyo gihe kibarwa uhereye ku itariki amenyesherejweho ayo agomba kongeraho. | In case the sum paid to the cooperative in conformity with Paragraph One of this Article is insufficient, the member is given a period not exceeding one year (1) to pay the remaining amount. Such a period runs from the date he or she is notified of the remaining sum to be paid. | Lorsque la somme payée à la coopérative conformément aux dispositions de l'alinéa premier du présent article est insuffisante, il est accordé à ce membre un délai n'excédant pas un (1) an pour payer le montant restant. Ce délai est compté à partir de la date à laquelle la somme restante à payer lui est notifiée. |
| **<u>Ingingo ya 64</u>: Ishinganwa ry'umugabane** | **<u>Article 64:</u> Protection of a share** | **<u>Article 64:</u> Protection d'une part sociale** |
| Umugabane umunyamuryango afite muri koperative urashinganye, ntushobora gutangwaho ingwate cyangwa gufatirwa, ntugabanywa, ntucuririkanwaho. | A share owned by a member in a cooperative is protected, cannot be given as a security or be subject to seizure and remains indivisible and non-negotiable. | Une part sociale détenue par un membre d'une coopérative est protégée, elle ne peut pas faire l'objet de garantie ou de saisie, elle est indivisible et non-négociable. |
| Icyakora, ushobora guhabwa cyangwa kugurishwa undi muntu byemejwe n'inteko rusange. | However, the share owned by a member is transferable or sold to another person upon approval by the General Assembly. | Toutefois, elle peut être cédée ou vendue à un tiers sur approbation de l'Assemblée générale. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA V</u>: GUSABA UBUZIMAGATOZI** | **<u>CHAPTER V</u>: APPLICATION FOR LEGAL PERSONALITY** | **<u>CHAPITRE V</u>: DEMANDE DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE** |
| **<u>Ingingo ya 65</u>: Ibisabwa kugira ngo koperative ihabwe ubuzimagatozi** | **<u>Article 65</u>: Requirements for a cooperative to be granted legal personality** | **<u>Article 65:</u> Conditions requises pour l'obtention de la personnalité juridique par une coopérative** |
| Koperative isaba ubuzimagatozi igomba kuba yujuje ibi bikurikira: | A cooperative applying for legal personality must meet the following requirements: | Une coopérative qui demande la personnalité juridique doit remplir les conditions suivantes: |
| 1° kugira amategeko shingiro; | 1° to have bylaws; | 1° avoir des statuts**;** |
| 2° kwerekana urwego rw'ibikorwa byayo n'intego yayo; | 2° to define its domain of activity and objectives; | 2° définir le domaine d'activité et ses objectifs; |
| 3° kugira umubare w'abanyamuryango usabwa kugira ngo ishingwe; | 3° to have the required number of founder members; | 3° avoir le nombre de membres fondateurs requis; |
| 4° ifite icyemezo cy'Umurenge w'aho izakorera kigaragaza ko yujuje ibisabwa; | 4° to have a certificate issued by the Sector in which it will operate indicating that the cooperative meets the requirements; | 4° avoir une attestation délivrée par le Secteur où la coopérative exercera ses activités indiquant que cette dernière remplit les conditions; |
| 5° kugira igenamigambi rigaragaza: | 5° to have a business plan indicating: | 5° avoir un plan d'affaires indiquant: |
| a. ishusho y'igikorwa kigamijwe; | a. the intended business model; | a. un modèle de l'activité prévue; |
| b. ishusho y'inyungu z'ubukungu n'imibereho zizahabwa abanyamuryango n'izo bazahabwa kubera ko bakorera hamwe muri koperative; | b. a clear outline of the economic and social benefits the cooperative provides to its members and those it will provide to them as a result | b. un aperçu clair des avantages économiques et sociaux que la coopérative offre à ses membres et ceux qu'elle offrira en raison de leur |

| | | |
|---|---|---|
| | of their collective effort through the cooperative; | effort collectif au sein de la coopérative; |
| c. gahunda y'ibikorwa nibura y'imyaka itatu (3) ya mbere; | c. an action plan for at least the first three (3) years; | c. un plan d'action pour au moins les trois (3) premières années; |
| 6° kwerekana igishoro izakoresha mu bikorwa byayo. | 6° to present its working capital to finance its activities. | 6° définir le fonds de roulement pour financer ses activités. |
| Ikigo cy'Igihugu gishyiraho amabwiriza agena izindi nyandiko z'inyongera zisabwa igihe bibaye ngombwa, kikanagena imiterere yazo kugira ngo koperative yandikwe kandi ihabwe ubuzimagatozi. | The National Agency establishes regulations determining additional documents that are required, where necessary, as well as their format, for a cooperative to be registered and granted legal personality. | L'Agence nationale émet des règlements déterminant d'autres documents à exiger, le cas échéant, et précise leur format, pour qu'une coopérative à une coopérative soit enregistrée et obtiennent la personnalité juridique. |
| **<u>Ingingo ya 66</u>: Ibigomba kugaragara mu mategeko shingiro ya koperative** | **<u>Article 66</u>: Content of bylaws of a cooperative** | **<u>Article 66 :</u> Contenu des statuts d'une coopérative** |
| Koperative igomba gushyira mu mategeko shingiro ayigenga ibi bikurikira: | Each cooperative must include the following provisions in its bylaws: | Les statuts d'une coopérative doivent comprendre les éléments suivants: |
| 1° izina rya koperative ridasa n'iry'iyindi koperative yahawe ubuzimagatozi ikorera mu Rwanda. Iryo zina rigomba kubamo ijambo "Koperative"; | 1° the name of the cooperative which is not similar to any other name of another cooperative with legal personality operating in Rwanda. The name must include the word "Cooperative"; | 1° le nom de la coopérative, qui ne doit pas être identique à celui d'une autre coopérative dotée de la personnalité juridique opérant au Rwanda. Ce nom doit comporter le mot « Coopérative »; |
| 2° intego yayo; | 2° the objective of the cooperative; | 2° l'objectif de la coopérative; |
| 3° aho ibarizwa n'icyicaro cyayo; | 3° the registered office and its full address; | 3° le siège social et l'adresse complète; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° ubwoko bw'imirimo izakora mu rwego rw'imibereho myiza no mu rw'ubukungu; | 4° the type of social and economic activities to carry out; | 4° le type d'activités économiques et sociales à entreprendre; |
| 5° ibisabwa kugira ngo abanyamuryango bemererwe gutanga imigabane yabo; | 5° requirements for the members share subscription; | 5° les conditions requises pour la souscription des parts sociales; |
| 6° agaciro n'umubare w'imigabane y'ibanze kuri buri munyamuryango; | 6° the value and number of nominal shares per member; | 6° la valeur et le nombre de parts nominales par membre; |
| 7° uburenganzira n'inshingano by'abanyamuryango; | 7° rights and obligations of members; | 7° les droits et devoirs des membres; |
| 8° ibikurikizwa n'uburyo umunyamuryango asezera muri koperative cyangwa akayirukanwamo kimwe n'uburyo umunyamuryango azungurwa; | 8° criteria and procedures for withdrawal or expulsion of a member as well as procedures to take over the member's rights as a successor; | 8° les critères et modalités de démission ou d'exclusion d'un membre ainsi que les modalités de succéder à un membre; |
| 9° uburyo ibitabo n'izindi dosiye byandikwamo; | 9° modalities for keeping books and other records; | 9° les modalités de tenue de livres et autres dossiers; |
| 10° kugaragaza inzego z'ubuyobozi za koperative, imikorere yazo, abazigize n'ibikurikizwa kugira ngo batorerwe iyo myanya; | 10° indicate the cooperative management organs, their functioning, composition as well as eligibility criteria for election to such organs; | 10° indiquer les organes de gestion de la coopérative, leur fonctionnement, leur composition ainsi que les critères pour être élu à ces organes; |
| 11° uburyo bwo gutumiza inama z'inzego z'ubuyobozi za koperative no kugena imikorere yazo; | 11° modalities for convening meetings of the management organs of the cooperative and defining of their functioning; | 11° les modalités de convocation des réunions des organes de gestion de la coopérative et détermination de leur fonctionnement; |
| 12° uburyo koperative ivanwaho ku bwende cyangwa iseswa; | 12° procedures for voluntary dissolution or liquidation of the cooperative; | 12° les modalités de dissolution volontaire ou de liquidation de la coopérative; |

| | | |
|---|---|---|
| 13° uburyo bukurikizwa mu guhindura amategeko shingiro; | 13° procedures for amending the bylaws; | 13° la procédure d'amendement des statuts; |
| 14° ibikurikizwa kugira ngo inteko rusange itange uburenganzira bwo guhererekanya imigabane y'ibanze; | 14° criteria for authorisation by the General Assembly of the transfer of nominal shares; | 14° les critères à base desquels l'Assemblée générale autorise le transfert des parts nominales; |
| 15° uburyo umutungo wa koperative ucungwa n'uko ukoreshwa; | 15° modalities for the management and the use of the property of the cooperative; | 15° les modalités de gestion et d'utilisation du patrimoine de la coopérative; |
| 16° ibijyanye n'isaranganywa ry'inyungu n'ubwasisi hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko; | $16^0$ matters pertaining to the distribution of dividends and bonuses in accordance with this Law; | 16° les questions relatives à la distribution des dividendes et des ristournes conformément a la présente loi; |
| 17° ibindi by'ingenzi byatuma intego za koperative zigerwaho byumvikanyweho mu nama shingiro ya koperative. | $17^0$ any other relevant business that may facilitate the achievement of the objectives of the cooperative and agreed upon in the Constituent Assembly. | 17° tous les autres éléments importants susceptibles de contribuer à la réalisation de l'objet de la coopérative et convenue en Assemblée constituante. |
| **<u>Ingingo ya 67</u>: Uruhare rw'Umurenge mu itangwa ry'ubuzimagatozi** | **<u>Article 67</u>: Role of Sector authorities in granting legal personality** | **<u>Article 67 :</u> Rôle des autorités de Secteur dans l'octroi de la personnalité juridique** |
| Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge asuzuma ko ibyangombwa bisabwa n'amategeko kugira ngo hashingwe koperative byuzuye kandi ari ukuri. Nyuma yo kubisuzuma atanga icyemezo kibihamya cyangwa agahita atanga inama mu nyandiko ku cyakorwa igihe asanze hari ibigomba kunozwa. Iyo koperative yujuje ibisabwa icyangombwa gitangwa mu gihe kitarenze | The Sector Executive Secretary verifies the compliance of the file with the legal requirements relating to the establishment of a cooperative as well as their accuracy. After the file is verified, the Executive Secretary gives his or her approval or, where necessary, gives his or her comments in writing as to improvements that must be done. If the cooperative meets the requirements, approval is granted within five (5) working days and | Le Secrétaire Exécutif de Secteur vérifie la conformité du dossier par rapport aux exigences de la loi en ce qui concerne la création d'une coopérative ainsi que leur véracité. Après la vérification du dossier, le Secrétaire exécutif en donne l'approbation ou, si nécessaire, émet par écrit ses commentaires quant aux corrections à y apporter. Lorsque la coopérative remplit les exigences, l'approbation est accordée endéans cinq (5) |

| | | |
|---|---|---|
| iminsi itanu (5) y'akazi, Akarere koperative ikoreramo koherereزwa raporo y'iryo saba. | the District in which this cooperative operates is given a report thereof. | jours ouvrables et le District dans lequel cette coopérative opère en est donné le rapport. |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Gusaba ubuzimagatozi** | **<u>Article 68</u>: Application for legal personality** | **<u>Article 68:</u> Demande de personnalité juridique** |
| Umuyobozi wa koperative umaze kubona icyemezo gitangwa n'Umurenge yohereza dosiye isaba ubuzimagatozi ku Kigo cy'Igihugu. Akarere n'Umurenge koperative ikoreramo bikagenerwa kopi y'iryo saba. | The person who is responsible for a cooperative who obtains the certificate issued by the Sector submits an application for legal personality to the National Agency. The District and the Sector in which the cooperative operates are given a copy. | Le responsable de la coopérative qui obtient l'attestation délivrée par le Secteur soumet à l'Agence nationale le dossier de demande de la personnalité juridique. Une copie de la demande est réservée au District et au Secteur dans lesquels la coopérative opère. |
| Uburyo bukoreshwa mu kohereza dosiye isaba ubuzimagatozi n'imiterere yayo bigenwa n'amabwiriza y'Ikigo cy'Igihugu. | Regulations of the National Agency determine modalities for submitting the application for legal personality as well as its format. | Les modalités de soumission du dossier de demande de la personnalité juridique et le format de ce dossier sont déterminés par les instructions de l'Agence nationale. |
| **<u>Ingingo ya 69</u>: Gutanga ubuzimagatozi** | **<u>Article 69</u>: Granting legal personality** | **<u>Article 69:</u> Octroi de la personnalité juridique** |
| Ikigo cy'Igihugu, iyo cyakiriye dosiye isaba ubuzimagatozi giha koperative icyemezo cy'agateganyo cyangwa kigatanga inama ku cyakorwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi. Icyo cyemezo ni gihamya ko koperative yanditswe by'agateganyo kimara amezi cumi n'abiri (12) kandi kigira agaciro k'ubuzimagatozi muri icyo gihe gusa. | After receiving the application for legal personality, the National Agency issues within two (2) working days, a provisional certificate of registration to the cooperative or provides advice on the way forward. The certificate serves as a proof of its provisional registration valid for a period of twelve (12) months and has the value of legal personality during that period only. | Après réception du dossier de demande de personnalité juridique, l'Agence nationale délivre à la coopérative, dans les deux (2) jours ouvrables, un certificat d'enregistrement provisoire ou lui donne son avis sur la voie à suivre. Le certificat sert de preuve de son enregistrement provisoire, est valable pour une période de douze (12) mois et possède la valeur de personnalité juridique au cours de cette période seulement. |

| | | |
|---|---|---|
| Ikigo cy'Igihugu gihita gitanga ubuzimagatozi bwa burundu cyangwa kikamenyesha koperative impamvu itabuhawe mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi ibarwa uhereye igihe cyakiriye raporo y'Akarere igaragaza ko gahunda y'ibikorwa koperative yari yariyemeje igenda yubahirizwa. Iyo raporo ikorwa hasigaye nibura iminsi mirongo itatu (30) kugira ngo icyemezo cy'agateganyo gitakaze agaciro kacyo. | The National Agency either issues the certificate of legal personality or, where applicable, informs the cooperative of the grounds for refusing to grant the certificate, within two (2) working days of receipt of the District report indicating that the cooperative implemented its action plan. The report must be prepared thirty (30) days before the expiration of the provisional registration. | L'Agence nationale soit délivre le certificat de personnalité juridique ou, le cas échéant, informe la coopérative des motifs de refus d'octroi de ce certificat dans les deux (2) jours ouvrables suivant la réception du rapport de District démontrant que la coopérative a exécuté son plan d'action. Ce rapport doit être élaboré trente (30) jours avant l'expiration d'enregistrement provisoire. |
| Ikigo cy'Igihugu gikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo. | The National Agency monitors the implementation of the provisions of Paragraph 2 of this Article. | L'Agence nationale fait le suivi de la mise en œuvre des dispositions de l'alinéa 2 du présent article. |
| Koperative ihawe icyemezo cy'ubuzimagatozi isaba serivisi z'Igazeti ya Leta kugitangaza mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | A cooperative issued with a certificate of legal personality applies to the Official Gazette department for publication of the certificate in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Une coopérative qui se fait délivrer un certificat de personnalité juridique demande aux services du Journal officiel de publier ce certificat au Journal officiel de la République du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 70</u>: Amafaranga asabwa igihe cy'itangwa ry'ubuzimagatozi** | **<u>Article 70</u>: Fees to be paid for legal personality** | **<u>Article 70 :</u> Frais d'acquisition de la personnalité juridique** |
| Amafaranga asabwa kugira ngo koperative ihabwe ubuzimagatozi agenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite koperative mu nshingano ze. | The fees for issuance of legal personality are determined by an Order of the Minister in charge of cooperatives. | Les frais d'acquisition de la personnalité juridique de la coopérative sont déterminés par un arrêté du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 71</u>: Iyandikwa rya koperative yahawe ubuzimagatozi** | **<u>Article 71</u>: Registration of a cooperative with legal personality** | **<u>Article 71 :</u> Enregistrement d'une coopérative dotée de la personnalité juridique** |
| Ikigo cy'Igihugu kigira igitabo n' uburyo by'ikoranabuhanga byandikwamo koperative yahawe ubuzimagatozi kandi bigahora bihuzwa n'igihe. | The National Agency keeps and regularly updates a register and an electronic system in which cooperatives granted with legal personality are recorded. | L'Agence nationale tient et met à jour régulièrement un registre et un système électronique auxquels sont inscrites les coopératives dotées de la personnalité juridique. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: IBYO KOPERATIVE ISABWA KUBAHIRIZA** | **<u>CHAPTER VI</u>: OBLIGATIONS OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE VI:</u> OBLIGATIONS D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Ingingo ya 72</u>: Iyandika ry'abanyamuryango n'imigabane yabo** | **<u>Article 72:</u> Registration of members and their shares** | **<u>Article 72 :</u> Enregistrement des membres et de leurs parts sociales** |
| Koperative igira igitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga byandikwamo abanyamuryango n'imigabane yabo kandi bigahora bihuzwa n'igihe. | Every cooperative keeps and regularly updates a register or electronic system for its members and their shares. | Chaque coopérative tient et met à jour régulièrement un registre ou un système électronique de ses membres et de leurs parts sociales. |
| Igitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigaragaza ku buryo busobanutse ibi bikurikira: | The register or electronic system referred to in Paragraph one of this Article clearly specifies the following: | Le registre ou le système électronique visé à l'alinéa premier du présent article spécifie clairement ce qui suit : |
| 1° umwirondoro w'umunyamuryango; | 1° the identification of the member; | 1° l'identification du membre; |
| 2° itariki umunyamuryango yandikiweho; | 2° the date of registration of member; | 2° la date d'inscription du membre; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° itariki yo kureka kuba umunyamuryango; | 3° the date on which a member ceased to be a member; | 3° la date de la perte de la qualité de membre; |
| 4° izina ry'umuntu ushobora kuzungura umunyamuryango; | 4° name of a successor of a member; | 4° le nom de la personne pouvant succéder au membre; |
| 5° agaciro k'umugabane wa buri munyamuryango. | 5° value of the share subscribed by every member. | 5° la valeur de la part sociale de chaque membre. |
| **<u>Ingingo ya 73</u>: Inyandiko zibikwa na koperative** | **<u>Article 73</u>: Documents kept by a cooperative** | **<u>Article 73</u>: Documents gardés par une coopérative** |
| Koperative ibika ku cyicaro cyayo inyandiko zikurikira: | A cooperative keeps at its head office the following documents: | Une coopérative garde à son siège les documents suivants : |
| 1° igitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga birimo inyandikomvugo z'inama z'inzego z'ubuyobozi za koperative; | 1° a register or electronic system containing meeting minutes of cooperative governance organs; | 1° un registre ou un système électronique contenant les procès-verbaux des réunions des organes de gouvernance de la coopérative; |
| 2° igitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga bikubiyemo amategeko koperative igenderaho, ari byo: | 2° a register or electronic system containing legal documents of a cooperative, namely: | 2° un registre ou un système électronique contenant les documents juridiques de la coopérative tels que: |
| a. kopi y'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda; | a. a copy of the Law governing cooperatives in Rwanda; | a. une copie de la loi régissant les coopératives au Rwanda; |
| b. amategeko shingiro yayo; | b. a copy of its bylaws; | b. une copie de ses statuts; |

| | | |
|---|---|---|
| c. amategeko agenga imyitwarire y'abayobozi ba koperative n'abakozi bayo; | c. the code of conduct for leaders and staff of the cooperative; | c. le code de conduite des dirigeants et du personnel de la coopérative; |
| d. amategeko ngengamikorere; | d. internal rules and regulations; | d. le règlement d'ordre intérieur; |
| e. icyemezo cy'ubuzimagatozi; | e. a certificate of legal personality; | e. un certificat de la personnalité juridique; |
| f. igitabo cyandikwamo abanyamuryango n'imigabane yabo. | f. a register for members and their shares. | f. un registre des membres et de leurs parts sociales. |
| 3° igenamigambi rikubiyemo imirongo migari, gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari; | 3° a business plan including strategic plan, action plan and budget; | 3° un plan d'affaires comprenant le plan stratégique, le plan d'action et le budget; |
| 4° ibitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga by'ibaruramari n'icungamutungo bikurikije urugero rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu; | 4° books of account or accounting electronic system following the format determined by the National Agency; | 4° les livres comptables ou le system électronique comptable établis suivant le format déterminé par l'Agence nationale; |
| 5° raporo z'imicungire y'umutungo zirimo: | 5° property management reports including: | 5° les rapports de gestion du patrimoine, comprenant: |
| a. raporo z'ubugenzuzi; | a. audit reports; | a. les rapports d'audit; |
| b. raporo z'Inama y'Ubugenzuzi; | b. Supervisory Board reports; | b. les rapports du Conseil de surveillance; |
| c. raporo y'imicungire y'imari; | c. financial reports; | c. les rapports financiers; |
| 6° indi nyandiko yagenwa n'ikigo cy'Igihugu. | 6° any other document as may be determined by the National Agency | 6° tout autre document pouvant être déterminé par l'Agence nationale. |

| | | |
|---|---|---|
| Koperative igomba gushyira ku cyicaro cyayo inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga bivugwa muri iyi ngingo aho bishobora kugenzurwa nta ngorane mu masaha y'akazi. | A cooperative must keep at its head office the records or electronic system referred to in this Article open for inspection, at all reasonable times during business hours. | La coopérative doit garder à son siège les documents ou le système électronique visés au présent article à l'endroit accessible pour inspection à tout moment durant les heures de service. |
| **<u>Ingingo ya 74</u>: Kugira uburyo bw'ibaruramari** | **<u>Article 74:</u> Having an accounting system** | **<u>Article 74 :</u> Avoir un système comptable** |
| Koperative igira ibitabo by'ibaruramari cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga byabugenewe byuzuzwa hagendewe ku mahame y'ibaruramari yemewe ku rwego mpuzamahanga. | A cooperative keeps the books of accounts or electronic system prepared in accordance with the generally accepted international accounting standards. | Une coopérative dispose de livres comptables ou d'un système électronique établis conformément aux standards comptables généralement acceptés au niveau international. |
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMUNYAMURYANGO WA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER VII</u>: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF A MEMBER OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE VII:</u> DROITS ET OBLIGATIONS D'UN MEMBRE D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Ingingo ya 75</u>: Uburenganzira bw'umunyamuryango** | **<u>Article 75</u>: Rights of a member of a cooperative** | **<u>Article 75 :</u> Droits d'un membre d'une coopérative** |
| Umunyamuryango wa koperative afite uburenganzira bukurikira: | A member of a cooperative has the following rights: | Un membre d'une coopérative a les droits suivants : |
| 1° kujya mu nama z'inteko rusange, gutora no kugira uruhare mu gufata ibyemezo; | 1° to attend the General Assembly meetings, vote and participate in decision-making; | 1° assister aux réunions de l'Assemblée générale, voter et participer à la prise de décisions; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gutora cyangwa gutorwa mu nzego za koperative, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko shingiro yayo; | 2° to elect or be elected in the organs of cooperative, in accordance with the provisions of this Law and bylaws of the cooperative; | 2° élire ou être élu dans les organes de la coopérative, conformément aux dispositions de la présente loi et aux statuts de la coopérative; |
| 3° kumenyeshwa uko umutungo n'imari bya koperative bihagaze; | 3° to be informed of the economic and financial situation of the cooperative; | 3° être informé de la situation économique et financière de la coopérative; |
| 4° guhabwa inyungu n'ubwasisi; | 4° to receive dividends and bonuses; | 4° recevoir les dividendes et ristournes; |
| 5° kugira uruhare mu bikorwa byose bya koperative; | 5° to participate in any activity of the cooperative; | 5° participer à toutes les activités de la coopérative; |
| 6° guhabwa amakuru yose yerekeye koperative, harimo amategeko shingiro, amategeko ngengamikorere, inyandikomvugo z'inama z'Inteko rusange n'iz'izindi nama, raporo z'umwaka zerekeye umutungo n'ibikorwa n'izindi nyandiko n'amakuru abitswe bya koperative; | 6° to receive all relevant information relating to a cooperative including bylaws, internal rules and regulations, minutes of the General Assembly meetings and other meetings, annual accounts and activity reports as well as other documents and records of the cooperative; | 6° recevoir toute information valable relative à la coopérative y compris les statuts, le règlement d'ordre intérieur, les procès-verbaux des réunions de l'Assemblée générale et d'autres réunions, les rapports annuels comptables et d'activités et autres documents et données de la coopérative; |
| 7° kureka kuba umunyamuryango wa koperative; | 7° to withdraw his or her membership of a cooperative; | 7° cesser d'être membre d'une coopérative; |
| 8° kubona uruhare rwe igihe koperative isheshwe cyangwa ihindutse sosiyete; | 8° to be entitled to his or her share in case of liquidation of a cooperative or transformation into a company; | 8° avoir droit à sa part en cas de liquidation d'une coopérative ou de sa transformation en société; |
| 9° haseguriwe amategeko abigenga, gushyiraho umuntu ushobora kumuzungura mu gihe apfuye, | 9° subject to relevant laws, appoint a successor who takes over the membership in case of death, a replacement in the | 9° sous réserve des lois en la matière, nommer un successeur en cas de décès, un remplaçant en cas d'invalidité ou de |

| | | |
|---|---|---|
| uwamusimbura igihe agize ubumuga cyangwa iyo yimutse bigaragara ko umunyamuryango wa koperative atabasha kuzuza ibisabwa; | event of disability or relocation in case it is evident that the member cannot fulfil the requirements; | déménagement qui implique manifestement que le membre ne peut pas remplir les conditions requises; |
| 10° gukora no kugaragaza ibindi byose byafasha koperative kurushaho gukora no kugera ku ntego yayo. | 10° to carry out and suggest any other activities that may help the cooperative to improve its functioning and fulfil its mission. | 10° faire et suggérer toutes autres activités pouvant permettre à la coopérative de mieux fonctionner et de réaliser sa mission. |
| **<u>Ingingo ya 76</u>: Inshingano z'umunyamuryango wa koperative** | **<u>Article 76</u>: Obligations of a member of a cooperative** | **<u>Article 76:</u> Obligations d'un membre d'une coopérative** |
| Umunyamuryango wa koperative afite inshingano zo kubahiriza amategeko shingiro n'ibyemezo byafashwe n'inzego zemewe za koperative, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko. | A member of a cooperative has the obligation to comply with the bylaws of the cooperative and decisions taken by the relevant organs of the cooperative, in accordance with legal provisions. | Un membre d'une coopérative a l'obligation d'observer et de se conformer aux statuts de la coopérative et aux décisions prises par les organes compétents de la coopérative, conformément aux dispositions de la législation. |
| **<u>UMUTWE WA VIII</u>: GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO MURI KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER VIII</u>: CESSATION OF MEMBERSHIP OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE VIII :</u> PERTE DE LA QUALITÉ DE MEMBRE D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Ingingo ya 77</u>: Kureka kuba umunyamuryango wa koperative** | **<u>Article 77</u>: Cessation of membership of a cooperative** | **<u>Article 77 :</u> Perte de la qualité de membre d'une coopérative** |
| Umuntu areka kuba umunyamuryango wa koperative y'ibanze, bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira, iyo: | A person ceases to be a member of a primary cooperative on any of the following grounds: | Une personne cesse d'être membre d'une coopérative primaire pour l'une des raisons suivantes : |
| 1° apfuye; | 1° death; | 1° décès; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° asezeye;<br><br>3° yirukanywe;<br><br>4° ahaye umugabane we undi muntu, nk'uko biteganywa n'iri tegeko.<br><br>Mu ihuriro, mu mpuzamahuriro cyangwa mu rugaga, kuba umunyamuryango birangizwa no:<br><br>1° gusezera;<br><br>2° kwirukanwa;<br><br>3° kwamburwa ubuzimagatozi n'Ikigo cy'Igihugu cyangwa urukiko;<br><br>4° guseswa kwa koperative.<br><br>Igihe umunyamuryango ari ikigo cyangwa umuryango bifite ubuzimagatozi, ubunyamuryango burangirana n'iyamburwa ry'ubuzimagatozi bwabyo.<br><br>**<u>Ingingo ya 78</u>: Uburenganzira bwo gusezera muri Koperative**<br><br>Umunyamuryango wese afite uburenganzira bwo gusezera muri koperative igihe icyo ari cyo cyose akabimenyesha inama y'ubuyobozi | 2° withdrawal from membership;<br><br>3° expulsion;<br><br>4° transfer of his or her share to any other person in accordance with this Law.<br><br>In a cooperative union, a federation or a confederation, membership ends with:<br><br>1° withdrawal;<br><br>2° expulsion;<br><br>3° cancellation of legal personality by the National Agency or a Court;<br><br>4° dissolution of a cooperative.<br><br>In case the member is a moral person or an organisation with legal personality, membership ends with loss of their legal personality.<br><br>**<u>Article 78:</u> Right to withdraw from a cooperative**<br><br>Any member of a cooperative has the right to withdraw from a cooperative at any time in writing to the Board of Directors which | 2° retrait;<br><br>3° exclusion;<br><br>4° transfert de sa part de membre à une autre personne, conformément à la présente loi.<br><br>Dans une union, une fédération ou une confédération, la qualité de membre se perd par:<br><br>1° le retrait;<br><br>2° l'exclusion;<br><br>3° l'annulation de personnalité juridique par l'Agence nationale ou une juridiction;<br><br>4° la dissolution de la coopérative.<br><br>Dans le cas où le membre est une personne morale ou une organisation dotée de la personnalité juridique, l'adhésion se termine avec la perte de leur personnalité juridique.<br><br>**<u>Article 78 :</u> Droit de se retirer d'une coopérative**<br><br>Tout membre d'une coopérative a le droit de se retirer de la coopérative à tout moment et il adresse une notification écrite au Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| akoresheje inyandiko, na yo ikabishyikiriza inteko rusange kugira ngo ibyemeze. | communicates it to the General Assembly for approval. | d'administration qui la communique à son tour à l'Assemblée générale pour approbation. |
| **<u>Ingingo ya 79</u>: Guhagarikwa by'agateganyo** | **<u>Article 79:</u> Suspension** | **<u>Article 79:</u> Suspension** |
| Inama y'ubuyobozi cyangwa inteko rusange zishobora guhagarika by'agateganyo umunyamuryango wa koperative. | The Board of Directors or the General Assembly may suspend a member of a cooperative. | Le Conseil d'administration ou l'Assemblée générale peut suspendre un membre d'une coopérative. |
| Umunyamuryango wahagaritswe by'agateganyo atakaza uburenganzira bwo kwitabira inama no gufata ibyemezo mu nzego za koperative. | The suspended member loses the right to attend the General Assembly meetings and that of making decisions in the organs of the cooperative. | Le membre suspendu perd son droit d'assister aux réunions de l'Assemblée générale et de prendre des décisions au niveau des organes de la coopérative. |
| Iyo mu gihe kitarenze amezi icyenda (9) ikibazo cy'umunyamuryango wahagaritswe by'agateganyo kitarakemurwa n'inteko rusange, uwo munyamuryango asubirana uburenganzira bwe bwose. | In case the issue of a suspended member is not settled by the General Assembly within nine (9) months, the member regains all his or her rights. | Si la question d'un membre suspendu n'est pas réglée par l'Assemblée générale dans un délai de neuf (9) mois, le membre recouvre tous ses droits. |
| Amategeko shingiro ya koperative ateganya impamvu zituma umunyamuryango ashobora guhagarikwa by'agateganyo. | The bylaws of a cooperative provide for the grounds for suspension of a member. | Les statuts d'une coopérative prévoient les motifs de suspension d'un membre. |
| **<u>Ingingo ya 80</u>: Kwirukanwa muri koperative** | **<u>Article 80</u>: Expulsion from a cooperative** | **<u>Article 80:</u> Exclusion d'une coopérative** |
| Umunyamuryango ashobora kwirukanwa muri koperative iyo: | A member may be dismissed from a cooperative if he or she: | Un membre peut être exclu d'une coopérative s'il: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° adaharanira inyungu za koperative; | 1° fails to strive for the interests of the cooperative; | 1° ne veille pas aux intérêts de la coopérative; |
| 2° atubahiriza inshingano ze zivugwa mu ngingo ya 76 y'iri tegeko. | 2° does not fulfil his or her obligations referred to under article 76 of this Law. | 2° ne respecte pas ses obligations visées à l'article 76 de la présente loi. |
| Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'inteko rusange ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'amajwi y'abanyamuryango bitabiriye inama kandi batora, nyuma y'uko uwo munyamuryango yahawe umwanya wo kwisobanura. | A decision to expel a member is taken by the General Assembly with a majority of three-quarters (3/4) of the members present and who vote, after the concerned member is given the opportunity to be heard. | La décision d'exclusion d'un membre est prise par l'Assemblée générale à la majorité des trois quarts (3/4) des membres présents et votants après avoir donné au concerné l'occasion d'être entendu. |
| **<u>Ingingo ya 81</u>: Ibigize inyandikomvugo y'icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo cyangwa kwirukanwa** | **<u>Article 81</u>: Content of minutes of the decision to suspend or expel a member** | **<u>Article 81:</u> Contenu du procès-verbal de la décision de suspension ou d'exclusion d'un membre** |
| Inyandiko mvugo y'inama yafatiwemo icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo cyangwa kwirukana umunyamuryango igaragaramo impamvu zose zatanzwe ngo hafatwe icyo cyemezo n'ukwisobanura kwe. | The minutes of the meeting where the decision to suspend or expel a member was taken include all the reasons for the decision and the member's justifications. | Le procès-verbal de la réunion au cours de laquelle la décision de suspension ou d'exclusion d'un membre a été prise comprend tous les motifs de la décision et les justifications données par le membre. |
| Icyo cyemezo kimenyeshwa mu nyandiko umunyamuryango wagifatiwe, mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi ibarwa uhereye igihe cyafatiwe. | Such a decision is notified in writing to the concerned member within two (2) working days after it is taken. | Une telle décision est notifiée par écrit au membre concerné dans les deux (2) jours ouvrables suivant sa prise. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 82</u>: Gusubiza uwari umunyamuryango umugabane we n'amafaranga yashoye muri koperative** | **<u>Article 82</u>: Refund of share and money invested in a cooperative** | **<u>Article 82 :</u> Remboursement des parts sociales et des fonds investis dans une coopérative** |
| Uwari umunyamuryango wirukanwe cyangwa usezeye muri koperative, asubizwa agaciro k'amafaranga angana n'umugabane koperative igezeho hiyongereyeho inyungu n'ubwasisi atahawe. | A member who is expelled or decides to withdraw from membership in the cooperative is entitled to a refund of the value of his or her paid-up share together with all unpaid dividends and bonuses. | Lorsqu'un membre est expulsé ou décide de se retirer de la coopérative se voit rembourser la valeur de sa part sociale majorée de tous les dividendes et ristournes non versés. |
| Icyakora, iyo umutungo wose wa Koperative uri munsi y'agaciro k'imari shingiro yatanzwe, uwari umunyamuryango asubizwa umugabane we hamaze kuvamo igihombo koperative yagize akiri umunyamuryango hamwe n'umwenda afitiye koperative. | However, in case the total equity of a cooperative is less than the total value of the paid-up capital of a cooperative, the past member is refunded his or her share minus the loss incurred by the cooperative when he or she was still a member and the debt he or she owes to the cooperative. | Toutefois, si l'avoir total de la coopérative est inférieur à la valeur totale du capital versé de la coopérative, le membre obtient le remboursement de sa part sociale moins la perte subie par la coopérative lorsqu'il était encore membre et la dette qu'il doit à la coopérative. |
| Iryo subizwa rikorwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe umunyamuryango yasezereyeho cyangwa yirukaniweho. | Such refund is made within twelve (12) months starting from the effective date of withdrawal or expulsion. | Ce remboursement est effectué endéans douze (12) mois à compter de la date de retrait ou d'exclusion. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA IX</u>: UMUTUNGO WA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER IX</u>: PROPERTY OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE IX :</u> PATRIMOINE D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Aho umutungo wa koperative ukomoka** | **<u>Section One</u>: Sources of property of a cooperative** | **<u>Section première :</u> Sources du patrimoine d'une coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 83:</u> Umutungo wa koperative n'inkomoko yawo** | **<u>Article 83</u>: Property of a cooperative and its sources** | **<u>Article 83 :</u> Patrimoine d'une coopérative et ses sources** |
| Koperative igira umutungo wimukanwa n'utimukanwa. | The property of a cooperative is comprised of movable and immovable assets. | Le patrimoine d'une coopérative est composé de biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa koperative ukomoka kuri ibi bikurikira: | The property of a cooperative comes from the following sources: | Le patrimoine d'une coopérative provient des sources suivantes : |
| 1° imari shingiro yishyuwe n'inyungu itarasaranganyijwe; | 1° paid share capital and retained dividends; | 1° capital versé et dividendes retenus; |
| 2° amafaranga azigamirwa koperative mu bigega by'ingoboka; | 2° general reserves; | 2° les réserves générales; |
| 3° inguzanyo yahawe koperative; | 3° a loan granted to the cooperative; | 3° un prêt accordé à la coopérative; |
| 4° ikigega cy'inyigisho n'amahugurwa; | 4° training and education fund; | 4° le fonds d'éducation et de formation; |
| 5° impano, umurage n'inkunga byemewe n'amategeko; | 5° donations, bequests and contributions legally obtained; | 5° les dons, legs et contributions légalement obtenus; |
| 6° igihombo koperative ifite. | 6° losses incurred by the cooperative. | 6° les pertes subies par la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 84</u>: Ikigega cy'ingoboka** | **<u>Article 84</u>: General reserves** | **<u>Article 84 :</u> Réserves générales** |
| Koperative yabonye urwunguko ku bikorwa byayo by'ubukungu igomba gushyira mu kigega cy'ingoboka cyayo igice cy'urwo rwunguko. | A cooperative that derives a surplus from its economic transactions must retain a part of the surplus as general reserves. | Une coopérative qui tire des profits de ses transactions économiques doit conserver une partie des profits à titre de réserves générales. |
| Koperative ntiyemerewe kugabanya urwunguko abanyamuryango ikoresheje amafaranga yazigamwe mu kigega cy'ingoboka. | A cooperative is not permitted to allocate dividends to its members from the general reserves. | Une coopérative n'est pas autorisée à octroyer à ses membres des dividendes prélevés des réserves générales. |
| Umunyamuryango ntafite uburenganzira bwo gusaba amafaranga azigamirwa koperative mu kigega cy'ingoboka keretse igihe koperative yasheshwe. | Member does not have the right to claim for a specific share of the general reserves except in case of dissolution of the cooperative. | Un membre n'a aucun droit de réclamer une part spécifique des réserves générales, sauf en cas de dissolution de la coopérative. |
| Amafaranga yazigamwe mu kigega cy'ingoboka ashorwa gusa, hakurikijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko. | The general reserves are only invested in accordance with modalities provided for by this Law. | Les réserves générales ne sont investies que selon les modalités prévues par la présente loi. |
| **<u>Ingingo ya 85</u>: Ikigega gihoraho cy'inyigisho n'amahugurwa** | **<u>Article 85:</u> Permanent education and training fund** | **<u>Article 85 :</u> Fonds permanent pour l'éducation et la formation** |
| Koperative isabwa gushyiraho ikigega gihoraho gishinzwe inyigisho n'amahugurwa. | A cooperative must establish a permanent education and training fund. | Une coopérative constitue un fonds permanent pour l'éducation et la formation. |
| Amafaranga azigamirwa koperative mu kigega cy'inyigisho n'amahugurwa ntashobora kugabanywa keretse koperative isheshwe. | A cooperative is not permitted to allocate dividends to its members from the education and training fund except in case of dissolution of the cooperative. | Une coopérative n'est pas autorisée d'octroyer aux membres les dividendes prélevés du fonds permanent pour l'éducation et la formation sauf en cas de dissolution de la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| Koperative ishobora guterwa inkunga na Leta, abikorera n'abandi bafatanyabikorwa zikagenerwa ikigega cy'inyigisho n'amahugurwa. | The cooperative may receive contributions from the Government, the private sector and other partners and allocate them to the permanent education and training fund. | La coopérative peut recevoir des contributions du Gouvernement, du secteur privé et d'autres partenaires et les affecter au fonds permanent pour l'éducation. |
| Ikigo cy'Igihugu gishyiraho amabwiriza agena uko ikigega cy'inyigisho n'amahugurwa gishyirwaho, uko gicungwa n'uko amafaranga yacyo akoreshwa. | The National Agency sets up regulations governing the establishment of the permanent education and training fund, its management and use of its fund. | L'Agence nationale émet des directives régissant la création du fonds permanent pour l'éducation et la formation, sa gestion et l'utilisation de ses fonds. |
| **<u>cyiciro cya 2</u>: Isaranganywa ry'urwunguko, igihombo, inyungu ku mari shingiro n'ubwasisi** | **<u>Section 2:</u> Distribution of net surplus, loss, dividends and bonuses** | **<u>Section 2 :</u> Répartition du bénéfice net, de la perte, des dividendes et ristournes** |
| **<u>Ingingo ya 86</u>: Isaranganywa ry'urwunguko n'igihombo** | **<u>Article 86</u>: Distribution of net surplus and loss** | **<u>Article 86 :</u> Répartition du bénéfice net et de la perte** |
| Iyo koperative yungutse, urwunguko rusaranganywa mu buryo bukurikira: | In case a cooperative makes profit, the net surplus is distributed as follows: | Dans le cas où une coopérative fait des bénéfices, le bénéfice net est réparti comme suit : |
| 1° nibura mirongo itanu ku ijana (50%) by'urwunguko bihabwa abanyamuryango nk'inyungu ariko kimwe cya kabiri (½) cyayo ni cyo gihabwa abanyamuryango, mu gihe ikindi kimwe cya kabiri (½) gishyirwa muri koperative mu rwego rwo kongera umugabane w'umunyamuryango mu mari shingiro; | 1° at least fifty percent (50%) of the net surplus is assigned as dividend to members, but one half (½) of this is paid out to members and the other half (½) is retained in the cooperative to increase the share of a member in the capital; | 1° au moins cinquante pourcent (50%) du bénéfice net est attribué comme dividende aux membres, mais la moitié (½) est versée aux membres et l'autre moitié (½) est retenue dans la coopérative pour augmenter la part sociale d'un membre dans le capital; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° atarenze icumi ku ijana (10%) y'urwunguko ashyirwa mu kigega cy'inyigisho n'amahugurwa; | 2° not more than ten percent (10%) of the net surplus is deposited into the education and training fund; | 2° pas plus de dix pour cent (10%) du bénéfice net est versé au fond d'éducation et de formation; |
| 3° ubwizigame bw'abanyamuryango butegetswe bungana n'icumi kw'ijana (10%) y'urwunguko. | 3° the compulsory savings of members is equivalent to ten percent (10%) of the net surplus. | 3° l'épargne obligatoire des membres est de dix pour cent (10%) du bénéfice net. |
| Urwunguko rusigaye rungana na 30% rusaranganywa mu buryo bukurikira: | The remaining net surplus equivalent to thirty percent (30%) is distributed as follows: | Le bénéfice net restant, équivalent à trente pour cent (30 %), est distribué de la manière suivante : |
| 1° amafaranga atarenga mirongo itatu ku ijana (30%) ashyirwa mu bigega by'ingoboka bya koperative; | 1° an amount of not more than thirty percent (30%) is deposited into the general reserves of the cooperative; | 1° pas plus de trente pour cent (30%) est retenu dans les réserves générales de la coopérative; |
| 2° ubwasisi ku banyamuryango budashobora kurenga mirongo itanu ku ijana (50%), hakurikijwe imirimo buri munyamuryango yagiye akorana na koperative; | 2° bonuses paid out to members which cannot exceed fifty percent (50%) in proportion to the activities carried out by every member with the cooperative; | 2° ristournes aux membres de la coopérative ne pouvant pas excéder cinquante pour cent (50%), en proportion de l'apport de chaque membre dans la coopérative; |
| 3° agahimbazamusyi kadashobora kurenga icumi ku ijana (10%) ku bagize inama y'ubuyobozi n'inama y'ubugenzuzi ya koperative no ku bakozi bayo; | 3° incentive bonuses to the Board of Directors, Supervisory Committee and employees, which may not exceed ten percent (10%); | 3° primes d'encouragement aux membres du Conseil d'administration, aux membres du Comité de surveillance et aux employés, lesquelles ne peuvent pas excéder dix pour cent (10%); |
| 4° amafaranga atarenga icumi ku ijana (10%) akoreshwa mu bindi bintu bitavuzwe haruguru bishobora gufasha koperative kugera ku nshingano zayo. | 4° not more than ten percent (10%) used for any other matter not specified above that may help the cooperative execute its responsibilities. | 4° pas plus de dix pour cent (10%) utilisés pour toute autre chose non mentionnée ci-haut pouvant aider la coopérative à accomplir ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| Igihe cyose koperative yagize igihombo umwaka ukurikiyeho ibanza kugena amafaranga yo kuziba igihombo mbere y'uko itekereza kugabana. | Any time the cooperative incurs a loss, it earmarks, for the following year, for funds to compensate the loss before planning the allocation of dividends. | Chaque fois que la coopérative subit une perte, elle prévoit, pour l'année suivante, des fonds pour compenser cette perte avant de planifier l'attribution des dividendes. |
| Icyakora, kuri koperative yarangije gushora imari kandi abanyamuryango badashaka kongera gushora inyungu babona, inama y'ubuyobozi ishobora kwereka inteko rusange ubundi buryo bwo kugabana inyungu ariko bikamenyeshwa Ikigo cy'Igihugu. | However, concerning a cooperative which has already invested while its members do not want to reinvest their net surplus, the Board of Directors may present to the General Assembly an alternative for distributing dividends but must notify the National Agency. | Toutefois, en ce qui concerne une coopérative qui a déjà investi alors que ses membres ne veulent pas réinvestir leur bénéfice, le Conseil d'administration peut présenter à l'Assemblée générale une alternative pour la distribution des dividendes mais doit en informer l'Agence nationale. |
| **<u>Ingingo ya 87</u>: Inyungu ku mari shingiro** | **<u>Article 87</u>: Dividends** | **<u>Article 87:</u> Dividendes** |
| Inyungu ku mari shingiro ishobora guhabwa umunyamuryango cyangwa ikabikwa muri koperative. | A dividend may be paid out to the member or retained in the cooperative. | Un dividende peut être versé au membre ou conservé dans la coopérative. |
| Koperative igenera abanyamuryango bayo igice cy'urwunguko nk'inyungu ku migabane. | A cooperative assigns to its members dividends on share capitals. | Une coopérative attribue à ses membres des dividendes sur les actions. |
| Umuyamuryango ahabwa inyungu ku mari shingiro bitewe n'umugabane yatanze mu mari shingiro. | A member is given dividends on the basis of the individual member's share in the share capital. | Un membre reçoit des dividendes sur base de sa part de contribution au capital. |
| Inyungu ku mari shingiro zihabwa abari abanyamuryango ba koperative umwaka w'imari wose urwo rwunguko rwabonetsemo. | Dividends are assigned to those who were members of the cooperative for the full financial year in which the profit was generated. | Les dividendes sont attribués à ceux qui ont été membres pour l'exercice financier complet au cours duquel le bénéfice a été généré. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 88</u>: Ubwasisi** | **<u>Article 88</u>: Bonus** | **<u>Article 88:</u> Ristourne** |
| Koperative ishobora guha umunyamuryango wayo ubwasisi, hashingiwe ku bivugwa mu ngingo ya 86 y'iri tegeko. | A cooperative may give a bonus to its member in accordance with Article 86 of this Law. | Une coopérative peut verser une ristourne à son membre conformément à l'article 86 de la présente loi. |
| Ingano n'agaciro k'ubwasisi bigenwa hashingiwe ku ruhare ku nyungu y'umunyamuryango muri koperative ye. | The amount and value of bonus are determined on the basis of a member's contribution in his or her net surplus in his or her cooperative. | Le montant et la valeur de la ristourne sont déterminés sur base de la contribution d'un membre à son bénéfice dans sa coopérative. |
| Icyakora, inteko rusange ishobora kugenera ubwasisi undi wese wafashije koperative kubona urwunguko. | However, the General Assembly may provide a bonus to any other person who helped the cooperative to generate the net surplus. | Toutefois, l'Assemblée générale peut octroyer une ristourne à toute autre personne qui a aidé la coopérative à générer le bénéfice. |
| Uburyo bwo gutanga ubwasisi ku banyamuryango bugenwa n'amategeko shingiro ya koperative. | The bylaws of a cooperative determine modalities for bonus distribution among individual members. | Les statuts de la coopérative déterminent les modalités de répartition de la ristourne entre les membres. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Amafaranga abitswa, inguzanyo n'igishoro** | **<u>Section 3</u>: Deposits, loans and investments** | **<u>Section 3 :</u> Dépôts, prêts et investissements** |
| **<u>Ingingo ya 89</u>: Amafaranga abitswa n'abanyamuryango** | **<u>Article 89</u>: Deposits of members** | **<u>Article 89 :</u> Dépôts des membres** |
| Koperative idatanga serivisi y'imari yemerewe kubikira amafaranga abanyamuryango bayo gusa. Amategeko shingiro ya koperative n'amategeko ngengamikorere bigena uburyo kubitsa bikorwa. | A non-financial cooperative may only receive deposits from its members. The bylaws and internal rules and regulations of the cooperative determine modalities for making such deposits. | Une coopérative non-financière ne peut recevoir que les dépôts de ses membres. Les statuts de la coopérative et son règlement d'ordre intérieur déterminent les modalités de versement de ces dépôts. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 90</u>: Inguzanyo zakwa na koperative** | **<u>Article 90:</u> Loans contracted by the cooperative** | **<u>Article 90 :</u> Prêts contractés par une coopérative** |
| Uburyo koperative yaka inguzanyo bugenwa n'amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere byayo. Icyakora, iyo nguzanyo igomba kwemezwa n'Inteko Rusange. | The bylaws and internal rules and regulations of a cooperative determine modalities for contracting loans by a cooperative. However, such loan is approved by the General Assembly. | Les statuts et le règlement d'ordre intérieur d'une coopérative déterminent les modalités par lesquelles elle contracte des prêts. Toutefois, ces prêts doivent être approuvés par l'Assemblée générale. |
| **<u>Ingingo ya 91</u>: Gushora no kuzigama amafaranga ya koperative** | **<u>Article 91</u>: Investing and placement of funds of a cooperative** | **<u>Article 91 :</u> Investir et placer les fonds d'une coopérative** |
| Koperative ishobora gushora no kuzigama amafaranga yayo mu gikorwa icyo ari cyo cyose kibyara inyungu, mu gihe byemejwe n'inteko rusange. | A cooperative may invest and place funds in any activity deemed profitable upon approval by the General Assembly. | Une coopérative peut investir ou placer les fonds dans toute activité jugée profitable après approbation par l'Assemblée générale. |
| Mbere yo gushora imari, inama y'ubuyobozi igomba kubanza kureba umutungo koperative ifite, kandi ikareba niba aho ishoye imari hafite umutekano. | Before funds are invested, the Board of Directors considers the revenues of the cooperative as well as the security aspects of the investment. | Avant l'investissement des fonds, le Conseil d'administration s'assure des revenus de la coopérative et des aspects de sécurité de l'investissement. |
| **<u>Icyiciro cya 4</u>: Itangwa rya raporo** | **<u>Section 4</u>: Reporting** | **<u>Section 4 :</u> Rapports** |
| **<u>Ingingo ya 92</u>: Raporo, ifoto y'umutungo n'igenzura ry'imari bya koperative** | **<u>Article 92</u>: Report, balance sheet and financial audit of a cooperative** | **<u>Article 92 :</u> Rapport, bilan et audit financier d'une coopérative** |
| Koperative ikora raporo ku myinjirize y'umutungo n'uko ukoreshwa buri mezi atatu (3). | A cooperative makes a report on its income and expenses every three (3) months. | Une coopérative fait un rapport sur ses revenus et dépenses tous les trois (3) mois. |

| | | |
|---|---|---|
| Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ashyiraho amabwiriza agaragaza uburyo koperative za buri cyiciro zigaragaza ifoto y'umutungo, raporo ku myinjirize n'imikoreshereze y'amafaranga, n'uburyo imari yazo igenzurwa. | The Minister in charge of cooperatives issues instructions specifying how each category of cooperatives declares its balance sheet, its income and expenses statement and modalities for its financial auditing. | Le ministre ayant les coopératives dans ses attributions émet des instructions précisant comment chaque catégorie de coopératives déclare son bilan, son rapport sur les revenus et les dépenses et les modalités de son audit financier. |
| Ifoto y'umutungo na raporo igaragaza uko imari yinjiye n'uko yakoreshejwe byohererezwa abanyamuryango, Umurenge, Akarere n'Ikigo cy'Igihugu, buri mwaka, bitarenze tariki ya mbere Werurwe umwaka ukurikira. Iyi foto yifashishwa mu byemezo by'inama y'Inteko rusange yo muri Werurwe. | The balance sheet as well as the income and expenses statement are submitted to the members, the Sector, the District and the National Agency no later than 1st of March of the following year. The balance sheet serves the General Assembly for taking decisions in its meeting held in March. | Le bilan ainsi que le rapport sur les revenus et les dépenses sont transmis aux membres, au Secteur, au District et à l'Agence nationale chaque année au plus tard le 1er Mars de l'année suivante. L'Assemblée générale tenue en Mars se sert du bilan pour prendre des décisions. |
| **<u>Ingingo ya 93</u>: Kutamenyakanisha ifoto y'umutungo na raporo y'imari yagenzuwe** | **<u>Article 93:</u> Failure to submit the balance sheet and audited financial report** | **<u>Article 93:</u> Défaut de présentation du bilan et du rapport d'audit financier** |
| Inama y'ubuyobozi ya koperative itamenyekanisha ifoto y'umutungo n'igenzura ry'imari nk'uko biteganywa n'ingingo ya 92 y'iri tegeko yihanangirizwa n'Ikigo cy'Igihugu. | The National Agency warns the Board of Directors of a cooperative that fails to submit the balance sheet and the audited financial report in accordance with Article 92 of this Law. | Le Conseil d'administration d'une coopérative qui ne présente pas le bilan et le rapport d'audit financier conformément à l'article 92 de la présente loi reçoit un avertissement de l'Agence nationale. |
| Iyo uko kwihanangirizwa ntacyo gutanze mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), Ikigo cy'Igihugu gishobora guhagarika inama y'ubuyobozi kigasaba ko abayigize bakurikiranwa kandi abanyamuryango bagashyiraho indi nama y'ubuyobozi nshya. | In case such warning is not adhered to within one (1) month of its issuance, the National Agency may suspend the Board of Directors and request its members to be prosecuted and the members set up a new Board of Directors. | Si, dans un délai d'un (1) mois, l'avertissement n'a pas donné de résultats, l'Agence nationale peut suspendre le Conseil d'administration dont il requiert les poursuites judiciaires et les membres mettent en place un nouveau Conseil d'administration. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 94</u>: Guhagarika by'agateganyo abayobozi n'abakozi bacunga nabi umutungo wa koperative** | **<u>Article 94</u>: Suspension of leaders and employees due to mismanagement of the property of a cooperative** | **<u>Article 94 :</u> Suspension des dirigeants et des employés qui gèrent mal le patrimoine d'une coopérative** |
| Ikigo cy'Igihugu gishingiye kuri raporo y'ubugenzuzi yakozwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa gihereye ku makosa yakozwe gihagarika by'agateganyo abayobozi n'abakozi ba koperative bagaragaraho gucunga nabi umutungo wa koperative. Icyo gihe, Ikigo cy'Igihugu gihita gitumiza inama y'inteko rusange igafata umwanzuro n'ingamba bikwiye. | Basing on the audit report made in conformity with the provisions of this Law or faults committed, the National Agency provisionally suspends leaders and employees of a cooperative due to mismanagement of the property of the cooperative. In that case, the National Agency convenes immediately the General Assembly to take a decision and appropriate measures. | Sur base du rapport d'audit fait conformément aux dispositions de la présente loi ou en se référant aux fautes commises, l'Agence nationale suspend provisoirement les dirigeants et les employés d'une coopérative qui font preuve de mauvaise gestion du patrimoine d'une coopérative. Dans ce cas, l'Agence nationale convoque immédiatement l'Assemblée générale pour prendre une décision et des mesures adéquates. |
| Iyo abagize inzego za koperative bose bahagaritswe by'agateganyo, kubera inyungu rusange z'abanyamuryango, Ikigo cy'Igihugu gihita gishyiraho umunyamuryango w'iyo koperative cyangwa umukozi wacyo ushinzwe gukurikirana no kureberera inyungu n'imitungo bya koperative mu gihe abasimbura abahagaritswe batarajyaho. | In case all members of organs of a cooperative are suspended in the general interest of the members, the National Agency immediately appoints a member of the cooperative or its employee to follow up and manage the interests and assets of the cooperative if the replacements of the suspended persons are not yet appointed. | Si tous les membres des organes d'une coopérative sont suspendus dans l'intérêt général des membres, l'Agence nationale désigne immédiatement un membre de la coopérative ou son employé pour suivre et gérer les intérêts et les biens de la coopérative lorsque les remplaçants des personnes suspendues ne sont pas encore nommés. |
| Ikigo cy'Igihugu gishyira kandi abayobozi n'abakozi ba koperative bahamijwe ibyaha n'inkiko byo gucunga nabi umutungo wa koperative ku rutonde rw'abantu batemerewe kuyobora no gucunga umutungo wa koperative iyo ari yo yose. | The National Agency also blacklists all leaders and employees convicted of mismanagement of the cooperative assets who are also not eligible to serve in any cooperative as leaders or managers. | L'Agence nationale met aussi tout dirigeant et employé reconnu coupable de mauvaise gestion du patrimoine de la coopérative sur la liste noire des personnes qui ne sont pas éligibles comme dirigeants ou gérants de n'importe quelle coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 5</u>: Imikoreshereze y'umutungo wa koperative** | **<u>Section 5:</u> Use of the property of a cooperative** | **<u>Section 5 :</u> Utilisation du patrimoine d'une coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 95</u>: Imikoreshereze y'umutungo wa koperative** | **<u>Article 95:</u> Use of the property of a cooperative** | **<u>Article 95 :</u> Utilisation du patrimoine de la coopérative** |
| Umutungo wa koperative ukoreshwa gusa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko shingiro yayo. | The property of the cooperative is only used in accordance with provisions of this Law and its bylaws. | Le patrimoine de la coopérative est uniquement utilisé conformément aux dispositions de la présente loi et des statuts de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 96</u>: Itangwa ry'amasoko muri koperative** | **<u>Article 96:</u> Tender award in a cooperative** | **<u>Article 96 :</u> Attribution des marchés dans une coopérative** |
| Koperative igomba gushyiraho akanama gashinzwe amasoko, gafite inshingano yo gutegura no gufungura inyandiko z'ipiganwa, kuzisesengura no gutanga umwanzuro mu itangwa ry'amasoko. | A cooperative must establish an internal tender committee in charge of preparation, opening and evaluation of bids and proposals for the award of tenders. | Une coopérative doit établir un comité interne de passation des marchés chargée de la préparation, l'ouverture et évaluation des offres et de la proposition d'attribution des marchés. |
| Ako kanama kagizwe n'abantu batanu (5) batorwa n'inteko rusange kandi gaterana mu buryo bwemewe n'amategeko iyo bitatu bya kane (3/4) by'abakagize bahari. | The committee is composed of five (5) persons elected by General Assembly and legally meets only when three quarters (3/4) of its members are present. | Le comité comprend cinq (5) personnes élues par l'Assemblée générale et ne peut se réunir valablement que lorsque trois quarts (3/4) de ses membres sont présents. |
| Uburyo amasoko atangwamo, manda y'abagize akanama k'amasoko, imikorere yako n'ibyo bagenerwa biteganywa mu gitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutongo bya koperative. | Modalities for procurement, the term of office and functioning of the tender committee and allowances for its members are provided for in the Administrative and Accounting Procedure Manual of the cooperative. | Les modalités de passation des marchés, le mandat et le fonctionnement du comité de passation des marchés ainsi que les avantages accordés à ses membres sont prévus dans le manuel de procédures administratives et comptables de la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA X:</u> IBARURAMARI, IBITABO BY'IBARURAMARI N'UBURYO BW'IKORANABUHANGA** | **<u>CHAPTER X</u>: ACCOUNTING, ACCOUNTING RECORDS AND ELECTRONIC SYSTEM** | **<u>CHAPITRE X:</u> COMPTABILITÉ, DOCUMENTS COMPTABLES ET SYSTÈME ÉLECTRONIQUE** |
| **<u>Ingingo ya 97</u>: Umwaka w'ibaruramari** | **<u>Article 97</u>: Financial year** | **<u>Article 97 :</u> Exercice financier** |
| Umwaka w'ibaruramari wa koperative utangira ku wa 01 Mutarama ukarangira ku wa 31 Ukuboza k'uwo mwaka. | The financial year of a cooperative begins on 01 January and ends on 31 December of the same year. | L'exercice financier d'une coopérative débute le 01 janvier et se termine le 31 décembre de la même année. |
| Icyakora, igihe fatizo cy'ibaruramari ku mwaka wa mbere gitangira koperative imaze guhabwa ubuzimagatozi kikarangira ku wa 31 Ukuboza k'uwo mwaka. | However, the first financial year of a cooperative begins from the date of its registration and ends on 31 December of the same year. | Toutefois, le premier exercice financier d'une coopérative commence à la date de son enregistrement et se termine le 31 décembre de la même année. |
| **<u>Ingingo ya 98</u>: Ibitabo by'ibaruramari, iby'umutungo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 98</u>: Books of accounts, assets records or electronic system** | **<u>Article 98</u>: Livres comptables, registres des biens ou système électronique** |
| Koperative igira ibitabo by'ibaruramari, iby'umutungo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga byandikwamo ibikorwa byose bifitanye isano n'ishoramari, amafaranga, imirimo n'umutungo byayo. | A cooperative has books of accounts, books of assets or an electronic system for purposes of recording all transactions relating to its investments, funds, activities and assets. | Une coopérative dispose de livres comptables, de registres des biens ou d'un système électronique aux fins de l'enregistrement de toutes les transactions relatives à ses investissements, fonds, activités et actifs. |
| Koperative: | A cooperative: | Une coopérative : |
| 1° igenzura niba amafaranga yose yishyurwa atangirwa uburenganzira kandi mu buryo bwemewe, kandi ko amafaranga yinjiye, ayasohotse, | 1° ensures that all payments are authorised and properly made and that adequate control is maintained over its income, expenditure, assets and liabilities; | 1° s'assure que tous les paiements sont autorisés et dûment faits et qu'un contrôle adéquat est maintenu sur ses revenus, dépenses, actifs et passifs; |

| | | |
|---|---|---|
| umutungo n'imyenda byayo bigenzurwa ku buryo buhagije; | | |
| 2° ihuza n'igihe ibitabo by'ibaruramari n'ibitabo by'umutungo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga byerekana umutungo nyakuri wayo, ku buryo umugenzuzi uhoraho cyangwa uturutse hanze ashobora kubigeraho igihe cyose; | 2° updates books of accounts and assets records or electronic system that reflect its financial status so that the internal or external auditor can have access to them at any time; | 2° actualise les livres comptables et les registres des biens ou le système électronique reflétant son statut financier afin que l'auditeur interne ou l'auditeur externe puisse y avoir accès à tout moment; |
| 3° ikora ku buryo ibitabo cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga byerekana imicungire y'imari ku mwaka byandikwa neza kandi bikagenzurwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amategeko shingiro ya koperative. | 3° ensures that books or electronic system relating to financial management in respect of a financial year are drawn up and audited in accordance with the provisions of this Law and bylaws of the cooperative. | 3° veille à ce que les livres ou le système électronique relatifs à la gestion financière dans un exercice financier soient établis et vérifiés conformément aux dispositions de la présente loi et des statuts de la coopérative. |
| Koperative ifungura kandi igacunga konti imwe cyangwa nyinshi zakira amafaranga yose yinjira kandi zibikuzwaho amafaranga yose yo kwishyura. | A cooperative opens and maintains one or more accounts into which all money received is to be paid and from which all necessary payments are to be made. | Une coopérative ouvre et maintient un ou plusieurs comptes auxquels toutes les sommes d'argent reçues doivent être payées et à partir desquels tous les paiements nécessaires doivent être effectués. |
| Mbere yo gufungura konti nshya cyangwa indi konti iyishamikiyeho, inteko rusange igomba kubitangira uburenganzira. | The General Assembly must give its approval prior to opening a new account or sub-account. | L'Assemblée générale doit donner son accord avant l'ouverture d'un nouveau compte ou d'un sous-compte. |
| Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cya koperative giteganya ibijyanye n'umubare w'amafaranga | The Administrative and Accounting Procedure Manual of a cooperative | Le manuel de procédures administratives et comptables de la coopérative détermine le |

| | | |
|---|---|---|
| ntarengwa koperative ishobora kubika mu isanduku ngo akoreshwe. | determines the maximum amount that may be kept by a cooperative in form of petty cash. | montant maximal qui peut être conservé par une coopérative sous forme de petite caisse. |
| **<u>UMUTWE WA XI</u>: IGENZURA N'UBUGENZUZI BYA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER XI:</u> INSPECTION AND AUDIT OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE XI :</u> INSPECTION ET AUDIT D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Igenzura rya koperative** | **<u>Section One</u>: Inspection of a cooperative** | **<u>Section première :</u> Inspection d'une coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 99</u>: Igenzura rihoraho** | **<u>Article 99:</u> Regular inspection** | **<u>Article 99 :</u> Inspection régulière** |
| Ikigo cy'Igihugu cyangwa undi muntu cyabihereye uburenganzira bashobora gukorera igenzura koperative ku bijyanye n'ishingwa, imikorere, imirimo n'imari byayo. | The National Agency or any person it may authorise may inspect the establishment, functioning, activities and financial affairs of a cooperative. | L'Agence nationale ou toute personne qu'il peut autoriser peut procéder à une inspection sur la constitution, le fonctionnement, les activités et la situation financière de la coopérative. |
| Abakozi n'abanyamuryango bose ba koperative bireba bafite inshingano zo kwerekana ibitabo n'izindi nyandiko za koperative no gutanga amakuru yose yerekeye imirimo ya koperative, babisabwe n'abantu babiherewe uburenganzira n'Ikigo cy'Igihugu. | All concerned staff and members of a cooperative are required to present books and other documents of a cooperative and to provide any information regarding the affairs of a cooperative upon request of persons authorised by the National Agency. | Tous les cadres et membres d'une coopérative concernés ont l'obligation d'exhiber les livres et autres documents de la coopérative et fournir, sur demande des personnes autorisées par l'Agence nationale, des informations relatives aux affaires de la coopérative. |
| Nyuma yo gukora igenzura, abagenzuzi b'Ikigo cy'Igihugu bandika mu gitabo cyabugenewe ibyavuye mu igenzura, bakabitangaho inama, ndetse bakanatanga | After conducting inspection, the inspectors from the National Agency enters their findings in an appropriate register, advise the cooperative on these findings and give | À la fin de l'inspection, les inspecteurs envoyés par l'Agence nationale consignent leurs conclusions dans un registre approprié, conseillent la coopérative sur ces constatations et donnent des directives et |

| | | |
|---|---|---|
| umurongo ngenderwaho mu gushyira mu bikorwa imyanzuro y'igenzura ryakozwe. | directives and guidance on how to implement the recommendations from the inspection. | conseils sur la manière de mettre en œuvre les recommandations de l'inspection. |
| **<u>Ingingo ya 100:</u> Igenzura ritegetswe n'Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu** | **<u>Article 100</u>: Inspection ordered by the Director General of the National Agency** | **<u>Article 100 :</u> Inspection ordonnée par le Directeur général de l'Agence nationale** |
| Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu ashobora: | The Director General of the National Agency may: | Le Directeur général de l'Agence nationale peut : |
| 1° iyo bisabwe mu nyandiko n'umunyamuryango cyangwa itsinda ryabo; | 1° upon request in writing by a member or a group of members; | 1° sur demande écrite d'un membre ou d'un groupe de membres; |
| 2° iyo abona ko gushyiraho umugenzuzi ari ngombwa mu kurengera inyungu z'abanyamuryango cyangwa rubanda; | 2° if he or she considers it necessary to appoint an inspector in the interests of members or general interest; | 2° lorsqu'il l'estime nécessaire de nommer un inspecteur pour les intérêts des membres ou l'intérêt général; |
| gusaba cyangwa gutegeka ko umugenzuzi akora igenzura rya koperative nk'uko biba byanditswe mu nyandiko imushyiraho kandi akabikorera raporo akurikije imiterere n'uburyo bwasabwe n'Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu. | request or order an inspector to conduct inspection of a cooperative as specified in a letter appointing him or her, after which the inspector drafts a report in accordance with the format and method proposed by the Director General of the National Agency. | demander ou ordonner à un inspecteur de faire une inspection d'une coopérative comme spécifié dans sa lettre de nomination, lequel inspecteur rédige par la suite un rapport selon le format et la méthode proposés par le Directeur général de l'Agence nationale. |
| **<u>Ingingo ya 101</u>: Igenzura rikozwe n'urundi rwego ku bikorwa byihariye bya koperative** | **<u>Article 101</u>: Inspection carried out by another organ on specific activities of a cooperative** | **<u>Article 101 :</u> Inspection menée par un autre organe sur des activités particulières d'une coopérative** |
| Urwego rushinzwe iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibikorwa koperative | The organ in charge of enforcement of the legislation governing the activities within the mission of a cooperative is responsible for the | L'organe chargé de faire respecter la législation régissant les activités relevant de la mission d'une coopérative est responsable de |

| | | |
|---|---|---|
| yiyemeje gukora ni rwo rushinzwe igenzura ryabyo bitewe n'umwihariko w'ibyo bikorwa. | inspection of those activities because of their specificity. | l'inspection de ces activités en raison de leur particularité. |
| Urwego rwavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ruha kopi ya raporo ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu, Akarere n'Umurenge koperative ikoreramo. | The organ referred to in Paragraph One of this Article submits a copy of the report to the General Directorate of the National Agency, the District and the Sector where the cooperative operates. | L'organe visé à l'alinéa premier du présent article transmet une copie du rapport à la Direction générale de l'Agence nationale, au District et au Secteur où la coopérative mène ses activités. |
| **<u>Icyiro cya 2</u>: Ubugenzuzi bwa koperative** | **<u>Section 2</u>: Audit of a cooperative** | **<u>Section 2 :</u> Audit d'une coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 102</u>: Inshingano z'umugenzuzi w'umutungo wigenga** | **<u>Article 102</u>: Duties of an external auditor** | **<u>Article 102:</u> Attributions d'un auditeur externe** |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga agenzura ibitabo by'ibaruramari na konti, inyandiko zerekana uko amafaranga yinjiye cyangwa yasohotse n'izindi nyandiko za ngombwa koperative itunze. | The external auditor audits all books of accounts and bank accounts, all vouchers in support of them and all relevant papers and records in the possession of a cooperative. | L'auditeur externe fait l'audit de tous les livres comptables et comptes bancaires, tous les facturiers et carnets de quittance et tous les autres documents appartenant à la coopérative. |
| Igihe bibaye ngombwa umugenzuzi w'umutungo wigenga asaba ibisobanuro uri mu bagize inama y'ubuyobozi, umunyamuryango n'umukozi wa koperative cyangwa undi ukorana na koperative kugira ngo arangize inshingano ze. | If necessary, an external auditor requires explanations from any member of the Board of Directors, a member of a cooperative as well as from any officer or associate of a cooperative in order to fulfil his or her duties. | Si nécessaire, un auditeur externe demande des explications à un membre du Conseil d'administration, à tout membre de la coopérative et à tout employé ou associé de celle-ci afin de remplir ses tâches. |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga yemerewe kureba uko umutungo wa koperative wifashe, uko inzego zifata ibyemezo zikora n'uko ibisabwa n'amategeko | The external auditor has the right to check the financial status of the cooperative and the functioning of its decisions-making organs and the compliance with the procedures set | Un auditeur externe a le pouvoir de s'enquérir sur les états financiers et le fonctionnement des organes de prise de décision et le respect des procédures spécifiées dans les statuts ou dans |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa izindi nyandiko za ngombwa byubahirizwa. | out in the bylaws or in any other relevant documents of the cooperative. | tout autre document de la coopérative pouvant s'avérer nécessaire. |
| Iyo umugenzuzi w'umutungo wigenga atahuye ikibazo mu bitabo by'ibaruramari cyangwa mu mikorere ya koperative, atanga inama ku byakorwa n'ingamba zafatwa. | Where the external auditor identifies any shortcoming in the books of account or in the functioning of the cooperative, he or she recommends such remedial action and measure as he or she considers appropriate. | Si l'auditeur externe constate une anomalie dans les livres comptables ou dans le fonctionnement de la coopérative, il recommande des actions et des mesures correctives qui s'imposent. |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga afite uburenganzira bwo kwitabira inama y'inteko rusange kandi agafata ijambo ku ngingo zirebana n'akazi ashinzwe. | The external auditor has the right to participate in the meeting of the General Assembly and to be heard on any issue related to his or her mandate. | L'auditeur externe a le droit de participer à la réunion de l'Assemblée générale et d'être entendu sur toute question liée à son mandat. |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga ntiyemerewe gukora umurimo w'ubugenzuzi muri koperative abereye umunyamuryango. | The external auditor is not allowed to conduct audit in a cooperative of which he or she is a member. | L'auditeur externe n'est pas permis de faire l'audit dans une coopérative dont il est membre. |
| **<u>Ingingo ya 103</u>: Ibisabwa umugenzuzi w'umutungo wigenga** | **<u>Article 103</u>: Requirements for an external auditor** | **<u>Article 103 :</u> Conditions requises pour un auditeur externe** |
| Umuntu aba umugenzuzi w'umutungo wigenga muri koperative, haba ku giti cye cyangwa isosiyete, ari uko yemejwe n'inteko rusange ya koperative hashingiwe ku rutonde rw'abagenzuzi bigenga rwemejwe n'ikigo cy'Igihugu. | No one can act, either individually or as a company, as an external auditor in a cooperative unless he or she is approved by the General Assembly of the cooperative basing on the list of external auditors approved by the National Agency. | Nul ne peut, en tant qu'individu ou société, servir en tant qu'auditeur externe dans une coopérative à moins qu'il se soit approuvé par l'Assemblée générale d'une coopérative sur base d'une liste d'auditeurs externes approuvée par l'Agence nationale. |
| Nta mugenzuzi wigenga ukora ubugenzuzi bw'umutungo wa koperative cyangwa ngo akore raporo y'ubugenzuzi bwa koperative iyo: | No external auditor may audit a cooperative or prepare an audit report if he or she: | Aucun auditeur externe ne peut faire un audit d'une coopérative ou préparer un rapport d'audit concernant une coopérative s'il : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° yabaye umwe mu bagize inama y'ubuyobozi ya koperative, umucungamutungo cyangwa undi mukozi ufite aho ahuriye n'imicungire y'umutungo w'iyo koperative mu mwaka ukorerwa igenzurwa cyangwa mu mwaka uwubanziriza; | 1° was a member of the Board of Directors of the cooperative, an accountant or another employee with tasks related to the financial management of the cooperative during the audited year or the preceding year; | 1° a été un membre du Conseil d'administration, un comptable ou un autre employé exerçant des fonctions en rapport avec la gestion financière de la coopérative pendant l'année d'audit ou l'année précédant celle de l'audit; |
| 2° ari uwashakanye n'umukozi cyangwa umwe mu bagize inama y'ubuyobozi y'iyo koperative cyangwa undi bafitanye isano kugeza ku gisanira cya mbere mu buryo butaziguye; | 2° is a spouse of an employee or one of the members of the Board of Directors of the cooperative or any other direct relative to the first degree; | 2° est époux ou employé d'un des membres du Conseil d'administration de la coopérative ou tout autre parent direct au premier degré; |
| 3° ari ushinzwe kwakira umutungo wa koperative; | 3° is a collector of the property of the cooperative; | 3° est receveur des biens de la coopérative; |
| 4° afitiye umwenda koperative; | 4° owes a debt to the cooperative; | 4° a une dette envers la coopérative; |
| 5° yirukanywe muri koperative yari abereye umunyamuryango; | 5° was expelled from the cooperative of which he or she was a member; | 5° a été exclu de la coopérative dont il était membre; |
| 6° afite inyungu zitaziguye muri iyo koperative. | 6° has a direct interest in the cooperative. | 6° a un quelconque intérêt direct dans la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 104:</u> Imyitwarire y'umugenzuzi w'umutungo wigenga** | **<u>Article 104:</u> Code of conduct of an external auditor** | **<u>Article 104 :</u> Code de conduite d'un auditeur externe** |
| Mu mirimo ye yo kugenzura, umugenzuzi w'umutungo wigenga n'undi muntu waba amufasha mu kazi ke bagomba: | In carrying out audit, an external auditor and any person assisting him or her must: | En effectuant l'audit, l'auditeur externe et toute personne qui l'assiste doivent : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° gukorana ubwitonzi n'ubushishozi no kubahiriza amategeko agenga umwuga w'abagenzuzi; | 1° work with due diligence and discernment and respect the standards of auditors' profession; | 1° travailler avec prudence et discernement et observer les règles de la profession des auditeurs; |
| 2° kugira ibanga ku bintu byose byerekeye koperative bamenye igihe bakoraga umurimo wabo w'igenzura; | 2° maintain professional secrecy on internal matters of the cooperative obtained during the exercise of their duties of audit; | 2° garder le secret professionnel des informations dont ils ont eu connaissance durant l'exercice de leurs fonctions d'audit; |
| 3° kuryozwa, umwe ukwe cyangwa afatanije n'abandi, igihombo koperative yagize cyangwa ibyononekaye kubera ibi bikurikira: | 3° be individually or jointly liable for any loss sustained by or damage caused to a cooperative by: | 3° être individuellement ou solidairement responsable de toute perte encourue par la coopérative ou dommage causé à celle-ci par: |
| a. uburangare mu kazi; | a. negligence on duties; | a. la négligence dans l'exercice des fonctions; |
| b. kumena ibanga ku bushake ry'ibyo babonye cyangwa bamenye igihe bakoraga akazi kabo; | b. voluntary breach of the professional secrecy obtained during the performance of their duties; | b. la violation volontaire du secret professionnel obtenu durant l'exercice de leurs fonctions; |
| c. kutita ku mategeko agenga umwuga w'abagenzuzi. | c. failure to comply with the standards of the audit profession. | c. le non respect des standards de la profession d'audit. |
| **<u>Ingingo ya 105</u>: Ubugenzuzi bukozwe n'Ikigo cy'Igihugu cyangwa undi muntu cyabihereye uburenganzira** | **<u>Article 105</u>: Audit conducted by the National Agency or any person authorized by the National Agency** | **<u>Article 105 :</u> Audit exercé par l'Agence nationale ou toute personne autorisée par l'Agence nationale** |
| Ikigo cy'Igihugu, cyangwa undi muntu cyabihereye uburenganzira bishobora kugenzura: | The National Agency or any person authorised by this Agency may audit: | L'Agence nationale ou toute personne autorisée par elle, peut auditer : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ibitabo byose n'ishusho y'umutungo bya koperative; | 1° all books and the balance sheet of a cooperative; | 1° tous les livres et le bilan d'une coopérative; |
| 2° imiyoborere ya koperative n'imicungire yayo n'iy'abakozi bayo; | 2° the administration and management of a cooperative and its human resources; | 2° l'administration et la gestion de la coopérative et de ses ressources humaines; |
| 3° uko imyanzuro y'inama zitandukanye za koperative yagiye ishyirwa mu bikorwa; | 3° how recommendations of different meetings held by the cooperative were implemented; | 3° la façon dont les différentes recommandations des réunions tenues par la coopérative ont été mises en œuvre; |
| 4° ikindi cyose cyasabwa na koperative cyangwa izindi nzego. | 4° any other task as may be assigned by the cooperative or other organs. | 4° toute autre tâche que peut lui assigner la coopérative ou d'autres organes. |
| Ubugenzuzi bushobora gukorwa kandi n'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo kibifitiye ubushobozi byatoranyijwe na koperative hashingiwe ku rutonde rwemejwe n'Ikigo cy'Igihugu. | The audit may also be carried out by a competent person selected by the cooperative basing on the list approved by the National Agency. | L'audit peut également être effectué par une personne compétente sélectionnée par la coopérative sur base de la liste approuvée par l'Agence nationale. |
| Ikigo cy'Igihugu gikorana amasezerano y'imikorere n'imikoranire n'ubuyobozi bw'Akarere koperative ikoreramo kugira ngo Akarere kayikorere ubugenzuzi igihe bibaye ngombwa. | The National Agency enters into a contract of performance and collaboration with the authorities of the District where the cooperative operates so that the District can audit it if necessary. | L'Agence nationale conclut un contrat de performance et de collaboration avec l'autorité du District où la coopérative exerce ses activités pour que le District l'audite en cas de nécessité. |
| **Ingingo ya 106: Raporo y'umugenzuzi w'umutungo wigenga** | **Article 106: External auditor's report** | **Article 106 : Rapport de l'auditeur externe** |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga urangije imirimo ye, ashyikiriza raporo inteko rusange | Upon completion of his or her mandate, the external auditor submits the report to General | À la fin de sa mission, l'auditeur externe remet un rapport à l'Assemblée générale et réserve |

| | | |
|---|---|---|
| akagenera kopi Ikigo cy'Igihugu, Akarere n'Umurenge koperative ifitemo icyicaro. | Assembly with copy to the National Agency, the District and the Sector in which a cooperative is established. | une copie à l'Agence nationale, au District et au Secteur dans lequel une coopérative est basée. |
| Raporo y'igenzura iba ikubiyemo ibi bikurikira: | The audit report includes the following: | Le rapport d'audit comprend ce qui suit : |
| 1° inyandiko isobanura niba umugenzuzi yarashyikirijwe ibitabo by'ibaruramari, izindi nyandiko n'andi makuru ya ngombwa akenewe mu gihe yakoraga igenzura; | 1° a statement as to whether the auditor had access to books of account, other records and relevant information required while carrying out the audit; | 1° une déclaration indiquant si l'auditeur a pu avoir accès aux livres comptables, aux autres rapports et à toute information utile pour la réalisation de l'audit; |
| 2° inyandiko yerekana niba, hakurikijwe uko umugenzuzi abibona, inyandiko zijyanye n'ibaruramari zarakozwe kandi zikabikwa hakurikijwe ibipimo ngenderwaho mpuzamahanga; | 2° a statement as to whether, in the opinion of the auditor, proper accounting records have been kept and maintained in accordance with internationally recognised standards; | 2° une déclaration indiquant si, de l'avis de l'auditeur, les rapports comptables ont été bien tenus et conservés conformément aux règles internationalement reconnues; |
| 3° inyandiko yerekana niba uburyo bw'ubugenzuzi bw'imbere bunoze bwarakomeje gukoreshwa; | 3° a statement as to whether a proper internal control system has been maintained; | 3° une déclaration indiquant si un système de contrôle interne approprié a été maintenu; |
| 4° inyandiko yerekana niba imibare yateguwe na koperative ubwayo yerekana ishusho nyakuri kandi niba idafite amakemwa ku bikorwa bya koperative; | 4° a statement as to whether the accounts prepared by the cooperative give a true and fair view of the affairs of the cooperative; | 4° une déclaration indiquant si les comptes préparés par la coopérative donnent une vision fidèle et juste des affaires de la coopérative; |
| 5° inyandiko yerekana niba koperative icunzwe neza; | 5° a statement as to whether the cooperative is effectively managed; | 5° une déclaration indiquant si la coopérative est effectivement gérée; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° inyandiko yerekana niba ibiteganywa n'iri tegeko byubahirizwa; | 6° a statement as to whether provisions of this Law are respected; | 6° une déclaration indiquant si les dispositions de la présente loi sont respectées; |
| 7° uko abona bihagaze n'inama agira koperative ashingiye ku bushishozi bwe cyangwa ku byavuye mu bugenzuzi. | 7° his or her audit opinion and recommendations to the cooperative basing on his or her discernment or the audit findings. | 7° son avis de vérification et ses recommandations à la coopérative sur base de son discernement ou des résultats de l'audit. |
| Umugenzuzi w'umutungo wigenga agomba kwerekana, muri raporo ye y'ubugenzuzi, ibyo yashingiyeho byose kugira ngo arangize akazi ke. | The external auditor must document his or her work in his or her audit report. | L'auditeur externe est tenu de documenter son travail dans son rapport d'audit. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Amafaranga y'ubugenzuzi no kwishyura umutungo** | **<u>Section 3</u>: Audit costs and assets recovery** | **<u>Section 3 :</u> Frais d'audit et recouvrement des biens** |
| **<u>Ingingo ya 107</u>: Amafaranga atangwa ku igenzura cyangwa ubugenzuzi** | **<u>Article 107</u>: Costs arising from inspection or audit** | **<u>Article 107 :</u> Frais occasionnés par l'inspection ou l'audit** |
| Urwego rwasabye igenzura cyangwa ubugenzuzi ni rwo rutanga amafaranga akoreshwa muri ako kazi. | The organ requesting for inspection or audit pays the costs pertaining to the task. | L'organe qui demande l'inspection ou l'audit paie les frais liés à la tâche. |
| Amabwiriza ya Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano agena koperative zishyurirwa n'Ikigo cy'Igihugu n'iziyishyurira. Icyakora, igihe hakozwe igenzura cyangwa ubugenzuzi biturutse ku makosa yakozwe na koperative, amafaranga yishyurwa n'iyo koperative. | Instructions of the Minister in charge of cooperatives determine cooperatives for which the National Agency pays the costs and those which bear the costs themselves. However, the costs of an inspection or audit conducted due to the faults of a cooperative are borne by that cooperative. | Les instructions du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions déterminent les coopératives pour lesquelles l'Agence national paie les frais et celles qui supportent elles-mêmes les frais. Toutefois, les coûts d'une inspection ou d'un audit effectué en raison des fautes commises par une coopérative sont payés par cette coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 108</u>: Kugaruza umutungo wa koperative** | **<u>Article 108</u>: Recovery of the assets of a cooperative** | **<u>Article 108 :</u> Recouvrement des biens d'une coopérative** |
| Umunyamuryango cyangwa uwahoze ari we, uri mu bagize inzego z'ubuyobozi za koperative cyangwa uwazihozemo, umukozi wa koperative cyangwa uwahoze ari we, yishyura umutungo wa koperative wakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. | A current or past member of a cooperative, a current or past member of the leadership organs of a cooperative, a present or former officer of a cooperative repays the property of a cooperative unlawfully used. | Un membre ou un ancien membre d'une coopérative, un membre ou un ancien membre des organes de direction d'une coopérative, un employé ou ex-employé d'une coopérative rembourse les biens d'une coopérative utilisés illégalement. |
| Perezida w'inama y'ubuyobozi ya koperative amenyesha, mu nyandiko, umuntu urebwa n'ubwishyu buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ingano y'umutungo agomba kwishyura n'igihe agomba kuba yawishyuye. | The Chairperson of the Board of Directors gives notice in writing to the person subject to repayment referred to under Paragraph One of this Article specifying the amount and the deadline for repayment. | Le Président du Conseil d'administration notifie par écrit, à une personne concernée par le payement visé à l'alinéa premier du présent article, le montant à rembourser et le délai de remboursement. |
| **<u>UMUTWE WA XII</u>: UKWIBUMBIRA HAMWE NO GUHINDUKA KWA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER XII</u>: MERGER AND TRANSFORMATION OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE XII :</u> FUSION ET TRANSFORMATION D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Ukwibumbira hamwe kwa koperative** | **<u>Section One:</u> Merger of cooperatives** | **<u>Section première :</u> Fusion des coopératives** |
| **<u>Ingingo ya 109</u>: Ukwibumbira hamwe** | **<u>Article 109:</u> Merger** | **<u>Article 109 :</u> Fusion** |
| Koperative ebyiri (2) cyangwa zirenga zikora ibintu bimwe mu rwego rumwe rw'imirimo zifite ubuzimagatozi zishobora kwishyira hamwe, inteko rusange zazo zibyemeje, zigakora koperative imwe nshya. | Two (2) or more cooperatives in the same value chain in a given economic activity or sector legally registered may, by resolution of their General Assembly meetings, merge as a single new cooperative. | Deux (2) ou plusieurs coopératives œuvrant dans la même chaîne de valeur dans un même secteur d'activité économique légalement enregistrées peuvent, par une résolution de leurs Assemblées Générales, fusionner en une seule coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| Kopi y'icyemezo cyo kwibumbira hamwe cyohererezwa abanyamuryango bose n'abantu bose buri koperative ibereyemo umwenda n'abandi bantu bose icyo cyemezo kigiraho ingaruka. | A copy of the resolution to merge in a new single cooperative is sent to all the members and creditors of each merging organisation and to all other persons affected by the merger. | Une copie de la résolution relative à la fusion est envoyée à tous les membres et à tous les créanciers de chaque coopérative fusionnée ainsi qu'à toutes les personnes affectées par la fusion. |
| **<u>Ingingo ya 110</u>: Uburenganzira bwo kutaba umunyamuryango wa koperative nshya** | **<u>Article 110</u>: Right of not being a member of the merged cooperative** | **<u>Article 110 :</u> Droit de ne pas devenir membre de la coopérative résultant de la fusion** |
| Umunyamuryango wa koperative amenyesha mu nyandiko perezida w'inama y'ubuyobozi icyifuzo cye cyo kutaba umunyamuryango wa koperative nshya, bitarenze ukwezi kumwe (1) nyuma y'aho inteko rusange ya koperative ifatiye icyemezo cyo kwishyira hamwe n'indi koperative. | A member of a cooperative who does not intend to be a member of the new cooperative gives written notice thereof to the chairperson of the Board of Directors within one (1) month of the decision by the General Assembly of the cooperative to merge the cooperative with another cooperative. | Un membre d'une coopérative qui n'a pas l'intention de devenir membre d'une nouvelle coopérative en informe par écrit le président du Conseil d'administration dans un délai d'un (1) mois suivant la prise par l'Assemblée générale de la coopérative d'une décision de fusionner avec une autre coopérative. |
| Iyo umunyamuryango ahisemo kutaba umunyamuryango wa koperative nshya, asubizwa umugabane we, inyungu n'ubwasisi atahawe na koperative yari abereye umunyamuryango. | If a member decides not to become a member of the new cooperative, he or she is entitled to a refund by his or her former cooperative of the value of his or her share and unpaid dividends and bonuses. | Lorsqu'un membre choisit de ne pas devenir membre de la nouvelle coopérative, il se voit rembourser par son ancienne coopérative la valeur de sa part sociale et ses dividendes et ristournes non versés. |
| Koperative zafashe icyemezo cyo kwibumbirahamwe zumvikana mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uburyo imyenda koperative ifite n'iyo ifitiwe izishyurwa. Iyi minsi ibarwa uhereye igihe inteko rusange z'izo koperative zemereje kwibumbira hamwe. | Merging cooperatives agree within thirty (30) days on payment of debts and credits. The days are counted from the date when the General Assembly meetings of the cooperatives decided to merge. | Les coopératives en fusion s'accordent dans les trente (30) jours sur le paiement des dettes et des crédits. Les jours sont comptés à partir de la date à laquelle les Assemblées générales de ces coopératives ont décidé de fusionner. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 111</u>: Agaciro k'umugabane nyuma yo kwihuza kwa koperative** | **<u>Article 111:</u> Share value after merger of cooperatives** | **<u>Article 111 :</u> Valeur d'une part sociale après fusion de coopératives** |
| Agaciro k'umugabane umunyamuryango yatanze ntigahungabanywa n'ukwihuza kwa koperative. | The merger of cooperatives does not affect the value of the share paid up by each single member. | La fusion de coopératives n'affecte pas la valeur de la part sociale payée par un membre. |
| **<u>Ingingo ya 112</u>: Imitungo n'imyenda bya koperative zibumbiye hamwe** | **<u>Article 112</u>: Assets and liabilities of the merged cooperatives** | **<u>Article 112 :</u> Actif et passif des coopératives fusionnées** |
| Imitungo ya koperative zibumbiye hamwe n'imyenda zari zifite mbere yo kwihuza bifatwa na koperative nshya. | The assets and liabilities of the merged cooperatives are taken over by the new cooperative. | L'actif et le passif des coopératives fusionnées sont repris par la nouvelle coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 113</u>: Icyemezo cyo kwandikwa kwa koperative nyuma yo kwibumbira hamwe** | **<u>Article 113</u>: Registration certificate of a cooperative after merger** | **<u>Article 113 :</u> Acte d'enregistrement d'une coopérative née de la fusion** |
| Koperative yavutse mu zibumbiye hamwe isaba ubuzimagatozi hakurikijwe inzira zisanzwe koperative inyuramo isaba ubuzimagatozi, nk'uko biteganywa n'iri tegeko. | Application for legal personality by a cooperative after merger follows the same ordinary procedure similar to the one a cooperative follows as specified by this Law. | La demande de personnalité juridique de la coopérative née de la fusion est faite dans la même procédure que celle ordinairement suivie par une coopérative, en conformité avec les dispositions de la présente loi. |
| Ubuzimagatozi bwa koperative nyuma yo kwibumbira hamwe buhita busimbura ubwa koperative zihuje. | The legal personality of the new merged entity immediately replaces the legal personality of the merging cooperatives. | La personnalité juridique de la nouvelle entité remplace immédiatement la personnalité juridique des coopératives qui fusionnent. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Guhinduka kwa koperative** | **<u>Section 2:</u> Transformation of a cooperative** | **<u>Section 2 :</u> Transformation d'une coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 114</u>: Guhinduka isosiyete y'ubucuruzi** | **<u>Article 114:</u> Transformation into a company** | **<u>Article 114 :</u> Transformation en société commerciale** |
| Koperative ishaka kwihinduramo isosiyete y'ubucuruzi ihamagaza inama y'inteko rusange igaterana kugira ngo bifatweho umwanzuro. Umwanzuro ufashwe umenyeshwa Ikigo cy'Igihugu, Akarere n'Umurenge mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibarwa uhereye ku munsi umwanzuro w'ihinduka wafatiweho. | A cooperative that intends to transform itself into a company convenes a General Assembly meeting to consider the matter. The decision taken is communicated to the National Agency, the District and the Sector within seven (7) days from the date the decision of transformation is taken. | Une coopérative qui a l'intention de se transformer en une société commerciale convoque l'Assemblée générale qui se réunit à cet effet. La décision prise est portée à la connaissance de l'Agence nationale, du District et du Secteur endéans sept (7) jours à compter du jour d'adoption de la décision de transformation. |
| Koperative yujuje ibisabwa kugira ngo ihinduke sosiyete y'ubucuruzi ihabwa icyemezo kiyemerera gukomeza inzira yo kwihinduramo isosiyete y'ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi. | A cooperative that fulfils all the requirements for being transformed into a company receives a certificate allowing it to proceed with the process of transformation into a company within three (3) working days. | Une coopérative qui remplit toutes les conditions requises pour être transformée en société commerciale reçoit un certificat lui permettant de poursuivre le processus de transformation en société commerciale dans les trois (3) jours ouvrables. |
| Ikigo cy'Igihugu gishyiraho amabwiriza agena ibyo koperative isaba kwihinduramo sosiyete y'Ubucuruzi igomba kuba yujuje. | The National Agency establishes regulations determining requirements for a cooperative to be transformed into a company. | L'Agence nationale établit des règlements fixant les conditions requises pour la transformation d'une coopérative en société commerciale. |
| **<u>Ingingo ya 115:</u> Kutaba umunyamigabane wa sosiyete** | **<u>Article 115:</u> Non-shareholding in a company** | **<u>Article 115 :</u> Non-participation à une société commerciale** |
| Umunyamuryango amenyesha mu buryo bwanditse icyifuzo cye cyo kutaba | A member of a cooperative transformed into a company who does not intend to be a | Un membre d'une coopérative transformée en société commerciale qui n'a pas l'intention de |

| | | |
|---|---|---|
| umunyamigabane w'isosiyete bitarenze iminsi mirongo itatu (30) inteko rusange imaze gufata icyemezo cyo guhinduramo koperative isosiyete. Uwo munyamuryango asubizwa umugabane we, inyungu n'ubwasisi atahawe n'iyo koperative, bitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe koperative yakiriye ubwo busabe. | shareholder of the company declares by a written notice his or her intention within thirty (30) days of the General Assembly's decision to transform the cooperative into a company. Such a member is entitled to a refund of his or her share, dividends and bonus that he or she did not receive from the cooperative within thirty (30) days from the date of receipt of the application by the cooperative. | participer à la société commerciale déclare par écrit son intention dans les trente (30) jours suivant la décision de transformation de la coopérative en société commerciale prise par l'Assemblée générale. Un tel membre a droit au remboursement de sa part, des dividendes et des ristournes qu'il n'a pas reçus de la coopérative dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception de la demande par la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 116</u>: Kuvanaho ubuzimagatozi bwa koperative yahindutse isosiyete** | **<u>Article 116:</u> Cancellation of the legal personality of a cooperative transformed into a company** | **<u>Article 116 :</u> Annulation de la personnalité juridique d'une coopérative transformée en société commerciale** |
| Ikigo cy'Igihugu kivanaho ubuzimagatozi bwa koperative yahindutse isosiyete iyo gisanze inyungu z'abo koperative ibereyemo imyenda, iz'abanyamuryango, n'iz'abandi bafite inyungu muri iyo koperative yahindutse zitaweho. | The National Agency immediately nullifies the legal personality of the cooperative that was transformed into a company if it is satisfied that the interest of the creditors, members and other interested parties are taken care of. | Si elle estime que les intérêts des créanciers, ceux des membres et d'autres personnes intéressées sont sauvegardés, l'Agence nationale procède immédiatement à l'annulation de la personnalité juridique de la coopérative transformée en société commerciale. |
| **<u>UMUTWE WA XIII</u>: GUHAGARIKA KOPERATIVE** | **<u>CHAPTER XIII</u>: SUSPENSION OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE XIII :</u> SUSPENSION D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Ingingo ya 117</u>: Guhagarika koperative by'agateganyo** | **<u>Article 117</u>: Suspension of a cooperative** | **<u>Article 117 :</u> Suspension d'une coopérative** |
| Koperative byagaragaye ko ikora imirimo yayo itubahiriza amahame agenga koperative isabwa ibisobanuro mu nyandiko mu gihe | A cooperative which carries out its business without complying with the principles governing cooperatives is requested to give | Une coopérative qui exerce ses activités sans se conformer aux principes régissant les coopératives est invitée à fournir des |

| | | |
|---|---|---|
| kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yakiriye ibaruwa. | written explanations within fifteen (15) days from receipt of the letter requesting for explanations. | explications écrites endéans quinze (15) jours suivant la réception de la lettre de demande d'explications. |
| Igihe ibisobanuro byatanzwe na koperative bidahagije cyangwa bidasubiza ikibazo, Ikigo cy'Igihugu gifata icyemezo cyo guhagarika iyo koperative by'agateganyo mu mirimo yayo, mu gihe cy'amezi atatu (3). Icyo cyemezo gishyikirizwa koperative kikamenyeshwa Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano n'Akarere koperative ikoreramo. | In case the explanations given by the cooperative are insufficient or fail to respond to the problems, the National Agency decides to suspend the cooperative for a period of three (3) months. The decision is submitted to the cooperative and notified to the Minister in charge of cooperatives and the District in which the cooperative operates. | Si les explications fournies par la coopérative sont insuffisantes ou ne répondent pas aux problèmes, l'Agence nationale décide de suspendre les activités de la coopérative pour une période de trois (3) mois. La décision est soumise à la coopérative et notifiée au Ministre ayant les coopératives dans ses attributions et au District où la coopérative exerce ses activités. |
| **<u>Ingingo ya 118</u>: Gukuraho icyemezo gihagarika by'agateganyo koperative** | **<u>Article 118</u>: Cancellation of the decision of suspension of a cooperative** | **<u>Article 118 :</u> Levée de la décision de suspension d'une coopérative** |
| Koperative ishobora gukurirwaho icyemezo kiyihagarika by'agateganyo bisabwe n'inama y'ubuyobozi yayo cyangwa abanyamuryango bifuza gukomeza imirimo yabo bakurikiza amategeko kandi bizeza gukosora imikorere yabo. | A cooperative may benefit from the cancellation of the suspension decision at the request of its Board of Directors or members of the cooperative willing to pursue their activities in conformity with the laws and promising to improve their functioning. | Une coopérative peut bénéficier de la levée de la décision de suspension à la demande de son Conseil d'administration ou de ses membres désireux de poursuivre leurs activités conformément aux lois et en promettant de corriger leur fonctionnement. |
| Icyemezo gihagarika by'agateganyo koperative gishobora gukurwaho n'Ikigo cy'Igihugu kimaze kubiganiraho n'urwego rw'Akarere n'inzego koperative ikoreramo. | The National Agency may cancel the decision to suspend a cooperative after consultation with the District and organs in which the cooperative operates. | L'Agence nationale peut lever la décision de suspension d'une coopérative après concertation avec le District et les organes où la coopérative exerce ses activités. |
| Ikigo cy'Igihugu cyemeza, mbere y'uko amezi atatu (3) koperative ihagaritswe arangira, niba iyo koperative ishobora | Before the three (3) month suspension period ends, the National Agency determines | L'Agence nationale décide, avant la fin de la période de trois (3) mois de suspension, si la |

| | | |
|---|---|---|
| kongera gukora cyangwa niba igomba guhagarikwa burundu mu mirimo yayo. | whether a cooperative continues operating or completely stops its activities. | coopérative concernée peut reprendre ses activités ou les arrêter définitivement. |
| Icyemezo gifashwe icyo gihe kimenyeshwa Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze, ubuyobozi bw'Akarere n'Umurenge koperative ikoreramo. | The decision made is communicated to the Minister in charge of cooperatives and the authorities of the District and Sector where the cooperative carries out its business. | La décision prise à cet effet est communiquée au Ministre ayant les coopératives dans ses attributions et aux autorités du District et du Secteur où la coopérative exerce ses activités. |
| **<u>Ingingo ya 119</u>: Kwambura koperative ubuzimagatozi** | **<u>Article 119</u>: Revocation of the legal personality of a cooperative** | **<u>Article 119 :</u> Révocation de la personnalité juridique d'une coopérative** |
| Ikigo cy'Igihugu cyambura koperative ubuzimagatozi, iyo: | The National Agency revokes legal personality of a cooperative if: | L'Agence nationale révoque la personnalité juridique d'une coopérative si : |
| 1° nyuma yo gukurirwaho icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo, koperative yongeye gukora amakosa yari yaratumye ihagarikwa by'agateganyo cyangwa ikirengagiza integuza yahawe ku buryo bwanditse n'ubuyobozi bubishinzwe; | 1° after cancellation of the suspension decision, the cooperative commits the same faults as those that led to its suspension or ignores the notice given to it in writing by relevant authority; | 1° après l'annulation de la décision de suspension, une coopérative commet les mêmes fautes que celles qui ont conduit à sa suspension ou ignore l'avis qui lui a été donné par écrit par l'autorité compétente; |
| 2° ikomeje kwirengagiza amategeko agenga urwego rw'umurimo ikoreramo cyangwa gukora ibyo itaherewe uburenganzira; | 2° it continues to deliberately violate the legislation governing the sector in which it is operating or carrying out activities for which it has no authorisation; | 2° elle continue à enfreindre délibérément la législation régissant le secteur d'activités dans lequel elle opère ou mène les activités pour lesquelles elle n'a pas obtenu l'autorisation; |
| 3° ikora imirimo yayo itubahiriza amahame, amategeko n'amabwiriza agenga amakoperative n'andi mategeko agomba kubahirizwa; | 3° it is carrying out its activities without complying with the cooperative principles, laws and regulations and other relevant laws in force; | 3° elle mène ses activités sans se conformer aux principes, lois et règlements régissant les coopératives ainsi qu'à d'autres lois en vigueur; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° igenzura ryakozwe ku micungire y'umutungo wayo rigaragaje ko yahombye ku buryo budasubirwaho; | 4° the audit on the management of its property concludes that it has become irreversible insolvent; | 4° l'audit sur la gestion de son patrimoine conclut que sa faillite est irréversible; |
| 5° bigaragaye ko idakora ibikorwa yari yariyemeje gukora nyuma yo gukurirwaho icyemezo cyo guhagarikwa by'agateganyo; | 5° after the cancellation of the decision of suspension it is clear that the cooperation does not carry out its stated activities; | 5° après l'annulation de la décision de suspension, il est clair qu'elle ne réalise pas les activités qu'elle s'était fixé; |
| 6° raporo y'ubugenzuzi igaragaje ko imaze umwaka umwe (1) yarahagaritse ibikorwa byayo. | 6° the audit report reveals that it has spent one (1) year without doing its activities. | 6° le rapport d'audit révèle qu'elle a passé un (1) an sans exercer ses activités. |
| Inteko rusange ya koperative yambuwe ubuzimagatozi, iraterana kugira ngo iyisese hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. | The General Assembly of a cooperative whose legal personality is revoked meets to dissolve the cooperative as provided for by this Law. | L'Assemblée générale de la coopérative dont la personnalité juridique a été retirée se réunit afin de dissoudre la coopérative conformément aux dispositions de la présente loi. |
| **<u>UMUTWE WA XIV</u>: ISESWA RYA KOPERATIVE, IYEGERANYA N'IGABAGABANYA RY'UMUTUNGO WAYO** | **<u>CHAPTER XIV:</u> DISSOLUTION AND LIQUIDATION OF A COOPERATIVE** | **<u>CHAPITRE XIV :</u> DISSOLUTION ET LIQUIDATION D'UNE COOPÉRATIVE** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Iseswa n'uko rikorwa** | **<u>Section One</u>: Dissolution and its procedures** | **<u>Section première:</u> Dissolution et sa procédure** |
| **<u>Ingingo ya 120</u>: Gutumiza inama y'ubuyobozi igihe koperative itagishoboye kwishyura imyenda** | **<u>Article 120</u>: Convening the meeting of the Board of Directors in case of insolvency of a cooperative** | **<u>Article 120 :</u> Convoquer la réunion du Conseil d'administration en cas d'insolvabilité de la coopérative** |
| Igihe bigaragaye ko koperative itagishoboye kwishyura umwenda, umwe mu bagize inama | In case a cooperative is unable to pay its debts, a member of the Board of Directors of the | Lorsqu'une coopérative est incapable de payer ses dettes, un membre du Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| y'ubuyobozi ya koperative asaba guhamagaza mu minsi itanu (5) inama y'ubuyobozi kugira ngo ifate icyemezo cyo gutumiza inama y'inteko rusange idasanzwe hagamijwe gusesa koperative cyangwa kwemeza ko ikomeza imirimo yayo. | cooperative requests for convening a meeting of the Board of Directors within five (5) days to take a decision to convene an extraordinary General Assembly meeting to decide on the dissolution or continuation of the activities of the cooperative. | d'administration d'une coopérative demande la convocation d'une réunion du Conseil d'administration dans les cinq (5) jours pour décider de la convocation d'une réunion de l'Assemblée générale extraordinaire dans le but de décider sur la dissolution ou la poursuite des activités de la coopérative. |
| **<u>Ingingo ya 121</u>: Iseswa rya koperative n'impamvu zaryo** | **<u>Article 121</u>: Dissolution of a cooperative and its grounds** | **<u>Article 121:</u> Dissolution d'une coopérative et ses causes** |
| Koperative ishobora guseswa kandi umutungo wayo ukegeranywa ukagabagabanywa mu byiciro biteganywa mu mategeko ajyanye n'isesa, iyo inteko rusange idasanzwe ibyemeje ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'amajwi y'abanyamuryango bemewe bafite ububasha bwo gutora kandi bitabiriye inama. | A cooperative may be dissolved and liquidated as provided for in the general procedure relating to liquidation, on the decision of an extraordinary General Assembly, taken by a majority of three-quarters (3/4) of the effective members present at the meeting and who have voting right. | Une coopérative peut être dissoute et liquidée suivant les procédures légales de liquidation sur une décision prise à la majorité des trois quarts (3/4) des membres effectifs présents à la réunion et ayant le droit de vote réunis en Assemblée générale extraordinaire. |
| Koperative ishobora kandi guseswa umutungo wayo ukegeranywa ukagabanywa byemejwe n'urukiko rubifitye ububasha. | A cooperative may also be dissolved and liquidated on the decision of a competent court. | Une coopérative peut également être dissoute et liquidée par une décision d'une juridiction compétente. |
| Bitabangamiye itegeko ryerekeye igihombo cy'isosiyete n'icy'umuntu ku giti cye, koperative iseswa bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira: | Without prejudice to the Law relating to insolvency and bankruptcy, a cooperative is dissolved due to any of the following events: | Sans préjudice de la loi relative à l'insolvabilité et à la faillite, une coopérative est dissoute pour l'un des motifs suivants : |
| 1° igihe yateganyaga kumara cyarangiye; | 1° expiration of the duration for which it was established; | 1° l'expiration de la durée pour laquelle elle avait été créée; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° igihombo; | 2° bankruptcy; | 2° la faillite; |
| 3° kutubahiriza, mu mirimo yayo, amahame, amategeko n'amabwiriza agenga koperative; | 3° failure to comply with applicable principles, Laws and regulations governing cooperatives in its activities; | 3° le non respect des principes, lois et règlements qui régissent les coopératives dans l'accomplissement de ses activités; |
| 4° kwamburwa ubuzimagatozi n'urwego rubifitiye ububasha; | 4° withdrawal of legal personality by a competent organ; | 4° retrait de la personnalité juridique par l'autorité compétente; |
| 5° icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha. | 5° a decision taken by a competent court. | 5° décision prise par une juridiction compétente. |
| **<u>Ingingo ya 122</u>: Imenyekanisha ry'icyemezo cyo gusesa koperative** | **<u>Article 122</u>: Notification of a decision on dissolution of a cooperative** | **<u>Article 122 :</u> Notification de la décision de dissolution d'une coopérative** |
| Koperative imenyesha Ikigo cy'Igihugu icyemezo cy'inteko rusange cyangwa icy'urukiko rubifitiye ububasha cyo gusesa koperative mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibyo byemezo bifashwe. | A cooperative must notify the National Agency of the decision of the General Assembly or competent court to dissolve a cooperative, within seven (7) days from the date the decision is taken. | Une coopérative doit notifier à l'Agence nationale la résolution de dissolution de la coopérative prise par l'Assemblée générale ou par une juridiction compétente, dans les sept (7) jours suivant le jour de l'adoption de la résolution. |
| Icyemezo cyo gusesa koperative kigaragaza umuntu ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'iyo koperative kandi kigashyiraho komite y'abanyamuryango ishinzwe gukurikirana iseswa rya koperative. Ikigo cy'Igihugu gihita cyambura ubuzimagatozi iyo koperative. | The decision on dissolution of a cooperative indicates the name of a liquidator and sets up a liquidation committee composed of members of the cooperative. The National Agency immediately revokes the legal personality of the cooperative. | La résolution de dissolution d'une coopérative indique le nom de la personne chargée de sa liquidation et met en place un comité de liquidation, composée de membres de la coopérative. L'Agence nationale procède immédiatement à l'annulation de la personnalité juridique de la coopérative. |

| | | |
|---|---|---|
| Koperative yatswe ubuzimagatozi ireka gukora nka koperative guhera ku itariki icyemezo cyafatiwe n'Ikigo cy'Igihugu cyangwa Urukiko. | A cooperative whose legal personality is revoked ceases to operate as a cooperative with effect from the date on which the National Agency or court takes the decision of revocation. | Une coopérative dont la personnalité juridique est retirée cesse de fonctionner comme une coopérative à partir de la date à laquelle l'Agence nationale ou la juridiction a pris la décision de retrait. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo** | **<u>Section 2:</u> Liquidation** | **<u>Section 2 :</u> Liquidation** |
| **<u>Ingingo ya 123</u>: Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo** | **<u>Article 123:</u> Appointment of a liquidator** | **<u>Article 123 :</u> Nomination d'un liquidateur** |
| Inteko rusange ya koperative yafashe icyemezo cyo gusesa koperative ishyiraho umuntu ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative. Uhereye ku munsi yashyiriweho, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo acunga umutungo wa koperative. | When a General Assembly takes a decision to dissolve a cooperative, it appoints a liquidator of the cooperative. The liquidator manages the assets of the cooperative from the date of his or her appointment. | L'Assemblé générale de la coopérative ayant pris la décision de liquidation nomme un liquidateur de la coopérative. Le liquidateur gère le patrimoine de la coopérative dès la date de sa nomination. |
| Umuntu ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative yemezwa n'inteko rusange ya koperative ishingiye ku rutonde rwemejwe n'Ikigo cy'Igihugu. | The General Assembly, basing on the list adopted by the National Agency, approves the liquidator of the cooperative. | L'Assemblée générale approuve le liquidateur de la coopérative sur la base de la liste adoptée par l'Agence nationale. |
| Iyo kuri urwo rutonde harimo n'abanyamuryango b'iyo koperative irebwa n'iseswa nta numwe muri bo wemerewe guhabwa iyo nshingano yo kwegeranya no kugabagabanya uwo mutungo. | When the list includes members of the cooperative under dissolution, none of them is allowed to carry out the duty of liquidation. | Lorsque la liste comprend des membres de coopérative en cours de dissolution, personne parmi eux n'est autorisé à exercer la tâche de liquidation. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo koperative yasheshwe n'icyemezo cy'urukiko, urwo rukiko rushyiraho ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wayo. | When a cooperative is dissolved by a court, the court appoints a liquidator. | Lorsque la liquidation de la coopérative est décidée par une juridiction, celle-ci nomme le liquidateur. |
| Ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo akorera raporo Ikigo cy'Igihugu akagenera kopi abayobozi b'Akarere n'Umurenge koperative ikoreramo. | The liquidator submits a report to the National Agency with a copy to the authorities of the District and Sector where the cooperative operates. | Le liquidateur soumet un rapport à l'Agence nationale et réserve une copie aux autorités du District et du Secteur où la coopérative exerce ses activités. |
| Ubuyobozi bw'Akarere n'Umurenge koperative ikoreramo bakurikirana uko isesa n'iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo bya koperative bikorwa. | Authorities of the District and Sector where the cooperative operates make a follow-up of the process of dissolution and liquidation of the cooperative. | Les autorités du District et du Secteur où la coopérative exerce ses activités font le suivi du processus de dissolution et de liquidation de la coopérative. |
| **Ingingo ya 124: Ibisabwa ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative** | **Article 124: Requirements for a liquidator of a cooperative** | **Article 124 : Conditions requises pour être liquidateur d'une coopérative** |
| Umuntu ushingwa kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative agomba kuba ari umugenzuzi w'imari, umucungamari cyangwa undi wemerewe gukora ako kazi n'urwego rubifitiye ububasha. | A person appointed as liquidator must be a certified auditor, an accountant or any other person authorised by the competent authority to execute such a function. | Une personne nommée comme liquidateur doit être un auditeur, un comptable agréé ou toute autre personne autorisée par l'autorité compétente. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 125</u>: Ububasha n'inshingano z'ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative** | **<u>Article 125</u>: Powers and duties of a liquidator of a cooperative** | **<u>Article 125 :</u> Pouvoirs et obligations d'un liquidateur d'une coopérative** |
| Umuntu washinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative agomba: | A liquidator of a cooperative must: | Le liquidateur d'une coopérative doit : |
| 1° gushyira mu maboko ye umutungo wose wa koperative n'ibitabo byayo byose n'izindi nyandiko zifitanye isano n'imicungire yayo; | 1° take control of all the assets of the cooperative and of all books, records and other documents pertaining to its management; | 1° prendre le contrôle du patrimoine d'une coopérative et de tous les livres, registres et autres documents relatifs à la gestion de la coopérative; |
| 2° gufata ingamba zose za ngombwa zatuma umutungo wa koperative udahungabana cyangwa ngo wangirike; | 2° take all measures necessary to prevent loss or damage of the assets of the cooperative; | 2° prendre toutes les mesures nécessaires pour prévenir la perte ou la détérioration du patrimoine de la coopérative; |
| 3° gukomeza gutunganya imirimo yakorwaga na koperative igihe cyose ari ngombwa kugira ngo iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative bikorwe neza; | 3° carry on the business of the cooperative as far as it may be necessary for the effective liquidation of the cooperative; | 3° poursuivre les activités d'une coopérative aussi longtemps qu'il est nécessaire de procéder à sa liquidation effective; |
| 4° gusaranganya ku buryo buboneye umutungo wa koperative, igihe gahunda y'iryo saranganya yemejwe na komite ishinzwe gukurikirana iseswa rya koperative, abanyamuryango ndetse n'Ikigo cy'Igihugu; | 4° arrange for the distribution of the assets of the cooperative in a convenient manner in case the scheme of distribution has been approved by the liquidation committee, members of the cooperative and the National Agency; | 4° procéder au partage approprié des biens de la coopérative dès lors qu'un plan de partage a été approuvé par le comité de liquidation, les membres de la coopérative et l'Agence nationale; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° gushyiraho igihe ntarengwa abo koperative ibereyemo imyenda, bagomba kuba batanzeho ibyifuzo byabo kugira ngo imyenda yabo isuzumwe, yemerwe cyangwa ivanwe ku rutonde rw'igomba kwishyurwa na koperative; | 5° fix a deadline before which the creditors must forward their proposals for claims to be considered and admitted or excluded from the list of claims to be paid by the cooperative; | 5° fixer un délai dans lequel les créanciers doivent formuler leurs propositions pour que les créances soient analysées et incluses ou exclues de la liste des créances que la coopérative doit payer; |
| 6° gushyiraho umwunganizi mu by'amategeko wo kumufasha mu kurangiza inshingano ze iyo ari ngombwa ariko bikabanza kwemezwa n'Ikigo cy'Igihugu; | 6° appoint an advocate, subject to the approval of the National Agency, to assist him or her in the performance of his duties if necessary; | 6° si nécessaire, désigner un avocat, après approbation par l'Agence nationale, en vue de l'assister dans l'accomplissement de ses fonctions; |
| 7° gutanga ibirego mu nkiko no gukora ibindi byose bijyanye n'amategeko mu izina rya koperative; | 7° institute Law suits and conduct other legal proceedings on behalf of the cooperative; | 7° engager des poursuites judiciaires et autres procédures légales au nom de la coopérative; |
| 8° gusuzuma ibyo abantu bashaka kuryoza koperative byose no kugena uko ibyo bibazo bizakurikirana mu kwitabwaho; | 8° examine all claims against the cooperative and decide on the priority arising between the claimants; | 8° examiner toutes les questions engageant la responsabilité de la coopérative et en arrêter l'ordre de priorité; |
| 9° kwishyura abishyuza koperative, harimo n'inyungu zihagarara ku munsi w'iseswa rya koperative, iyo zari zarumvikanyweho mu nyandiko igaragazwa n'abishyuza, hakurikijwe urutonde rw'ibigomba kwitabwaho gusumba ibindi, mu gihe urwo rutonde ruhari. Abishyurwa babona ibyo bishyuza byose cyangwa igice | 9° pay creditors of the cooperative, including interest payables up to the date of liquidation of the cooperative, which were agreed upon through a document presented by claimants, in accordance with respective priorities, if any. The claims are satisfied in full or to such extent as the assets of the cooperative may permit; | 9° payer les créanciers de la coopérative, y compris les intérêts dus jusqu'à la date de la liquidation de la coopérative, qui étaient convenus par le biais d'un document présenté par les demandeurs, et suivant les priorités respectives, s'il y en a. Les réclamations sont pourvues en totalité ou en partie dans les limites des avoirs de la coopérative; |

| | | |
|---|---|---|
| cyabyo hakurikijwe ubushobozi buva ku mutungo wa koperative; | | |
| 10° kugeza ibibazo birimo impaka mu bukemurampaka bwa koperative cyangwa bw'Ikigo cy'Igihugu; | 10° refer disputes to the arbitration mechanism of the cooperative or the National Agency; | 10° soumettre les litiges au mécanisme d'arbitrage de la coopérative ou de l'Agence nationale; |
| 11° gufatanya na komite ishinzwe gukurikirana iseswa rya koperative mu gufungura no gukoresha konti ijyanye n'ikibazo cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wa koperative; | 11° open and operate a liquidation account in conjunction with the liquidation committee; | 11° ouvrir et utiliser un compte de liquidation de commun accord avec le comité de liquidation; |
| 12° gutumiza, igihe cyose bibaye ngombwa, inama y'inteko rusange idasanzwe y'abanyamuryango cyangwa inama z'abo koperative ibereyemo imyenda kugira ngo iyegeranywa n'isaranganywa ry'umutungo wa koperative bigende neza; | 12° convene the extraordinary General Assembly meetings of members or such meetings of creditors as may be necessary to facilitate effective liquidation; | 12° convoquer les réunions de l'Assemblée générale ou celles des créanciers autant de fois que de besoin pour une meilleure conduite de la liquidation; |
| 13° kumenya no kwemeza umunyamuryango, uwahoze ari umunyamuryango cyangwa uhagarariye umunyamuryango wa koperative wapfuye; | 13° identify and confirm a member, past member or a representative of a deceased member of a cooperative; | 13° identifier et confirmer qu'une personne est un membre, un ancien membre ou un représentant d'un membre de la coopérative décédé; |
| 14° kumenya imyenda abanyamuryango n'abandi bantu babereyemo | 14° determine the debts members and any other persons owe to the cooperative and ensure their collection; | 14° déterminer les dettes dues par des membres de la coopérative et par toutes |

koperative no gukora ku buryo yishyurwa;

15° gukora ibindi byose bya ngombwa kugira ngo imirimo yo gufunga koperative no gusaranganya umutungo wayo irangire neza;

16° gutanga raporo igihe cyose bibaye ngombwa n'igihe arangije inshingano ze.

**<u>Ingingo ya 126</u>: Ubujurire**

Umuntu wese wumva yarenganyijwe n'icyemezo cy'ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative ashobora kukijuririra mu rukiko rubifitiye ububasha mu minsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi icyo cyemezo gifashwe.

Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko ryerekeye igihombo cy'isosiyete n'icy'umuntu ku giti cye, iyo hari ujuririye icyemezo cyo gusesa koperative, imihango yose ijyanye no kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa koperative irahagarara kugeza igihe ubujurire burangiriye. Hagati aho, umutungo wa koperative ukomeza gucungwa n'ushinzwe kuwegeranya no kuwugabagabanya**.**

15° carry out any other functions as may be necessary for winding up of the cooperative and distribution of its assets;

16° submit a report as may be necessary and when he or she completes his or her duties.

**<u>Article 126</u>: Appeal**

A person who is aggrieved by a decision of the liquidator may appeal against the decision to a competent court within thirty (30) days from the day such a decision is made by the liquidator.

Without prejudice to the Law relating to insolvency and bankruptcy, where an appeal is made against an order to dissolve and liquidate a cooperative, all proceedings of liquidation are stayed until the appeal is determined. Meanwhile, the assets of the cooperative remain vested under the control of the liquidator.

autre personne et en assurer le recouvrement;

15° accomplir toute autre tâche jugée nécessaire à la liquidation de la coopérative et au partage de ses biens;

16° présenter un rapport chaque fois que de besoin et à la fin de sa mission.

**<u>Article 126 :</u> Appel**

Toute personne s'estimant lésée par une quelconque décision du liquidateur peut, dans les trente (30) jours suivant la date à laquelle la décision a été prise, interjeter appel contre cette décision auprès de la juridiction compétente.

Sans préjudice de la loi relative à l'insolvabilité et à la faillite, en cas d'appel contre une décision de dissolution d'une coopérative et de sa liquidation, toutes les procédures en cours sont suspendues suite à cette décision jusqu'à ce qu'il soit statué sur l'appel et le patrimoine reste sous le contrôle du liquidateur pendant ce temps.

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 127</u>: Irangira ry'imirimo y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative** | **<u>Article 127:</u> Cessation of duties of a liquidator of a cooperative** | **<u>Article 127 :</u> Fin des fonctions d'un liquidateur d'une coopérative** |
| Imirimo y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative irangira iyo: | Duties of a liquidator end if: | Les fonctions d'un liquidateur prennent fin si : |
| 1° arangije akazi yari ashinzwe; | 1° he or she accomplishes the assigned work; | 1° il termine le travail lui confié; |
| 2° yitwaye nabi mu kazi ashinzwe; | 2° he or she is characterised by a professional misconduct; | 2° il est coupable de mauvaise conduite professionnelle; |
| 3° akazi bamushinze atagashoboye, atagishoboye kugakora cyangwa agakorana uburangare. | 3° he or she is no longer able to perform his or her duties or performs them by negligence. | 3° il n'est plus capable de remplir ses fonctions ou les accomplit avec négligence. |
| Igihe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative avuyeho atarangije akazi yashinzwe, urwego rwamushyizeho rushyiraho undi ako kanya, kugira ngo arangize akazi gasigaye. | If a liquidator is removed without accomplishing his or her duties, the appointing organ appoints a new liquidator immediately to complete the unfinished liquidation proceedings. | Si le liquidateur est révoqué avant l'accomplissement de ses fonctions, l'organe l'ayant nommé désigne immédiatement un autre liquidateur pour terminer les procédures de liquidation inachevées. |
| **<u>Ingingo ya 128</u>: Igihembo kigenerwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative** | **<u>Article 128</u>: Remuneration of a liquidator of a cooperative** | **<u>Article 128 :</u> Rémunération d'un liquidateur d'une coopérative** |
| Igihembo kigenerwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative cyemezwa n'urwego rwamushyizeho rumaze kugisha inama komite ishinzwe gukurikirana | The appointing organ, after consultation with the liquidation committee, determines the remuneration of a liquidator. | L'organe ayant affecté le liquidateur, en consultation avec le comité de liquidation, fixe la rémunération de ce liquidateur. |

| | | |
|---|---|---|
| iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative. | | |
| **<u>Ingingo ya 129</u>: Ikurwa rya koperative mu gitabo cy'amakoperative cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga** | **<u>Article 129:</u> Removal of a cooperative from books or electronic system of cooperatives** | **<u>Article 129 :</u> Radiation d'une coopérative du registre ou du système électronique des coopératives** |
| Koperative ikurwa mu gitabo cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga byandikwamo amakoperative iyo yasheshwe burundu n'umutungo wayo umaze kwegeranywa no kugabagabanywa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. | A cooperative is removed from a register or electronic system of cooperatives if it is dissolved and finally liquidated, in accordance with the provisions of this Law. | Une coopérative est radiée du registre ou du système électronique des coopératives lorsqu'elle est dissoute et définitivement liquidée, conformément aux dispositions de la présente loi. |
| Gukurwa mu gitabo cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga bya koperative bikorwa nyuma y'uko Ikigo cy'Igihugu gishyize umukono ku cyemezo kibigaragaza. | The removal from the register or electronic system of cooperatives is done after the signature of a certificate attesting the removal by the National Agency. | La radiation du registre ou du système électronique des coopératives est effectuée après la signature d'une attestation y relative par l'Agence nationale. |
| Koperative yasheshwe burundu igomba guha Ikigo cy'Igihugu inyandikomvugo y'inama yafatiwemo icyemezo cyo kuyisesa. | A dissolved and liquidated cooperative must submit to the National Agency the minutes of the decision for dissolution. | Une coopérative dissoute et liquidée doit soumettre à l'Agence nationale le procès-verbal de la décision de dissolution. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA XV</u>: UBURYOZWE BW'ABAGIZE INZEGO ZA KOPERATIVE, ABANYAMURYANGO ABAKOZI CYANGWA UNDI MUNTU** | **<u>CHAPTER XV</u>: LIABILITY OF MEMBERS OF ORGANS OF THE COOPERATIVE, MEMBERS AND STAFF OF A COOPERATIVE OR ANY OTHER PERSON** | **<u>CHAPITRE XV :</u> RESPONSABILITÉ DES MEMBRES DES ORGANES DE LA COOPÉRATIVE, DES MEMBRES ET EMPLOYÉS DE LA COOPÉRATIVE OU DE TOUTE AUTRE PERSONNE** |
| **<u>Ingingo ya 130</u>: Uburyozwe bw'abagize inama y'ubuyobozi** | **<u>Article 130:</u> Liability of members of the Board of Directors** | **<u>Article 130 :</u> Responsabilité des membres du Conseil d'administration** |
| Abagize inama y'ubuyobozi baryozwa, umwe ku giti cye cyangwa bose, ibyo bahombeje cyangwa bangije, n'amakosa bakoreye koperative mu gihe bari mu mirimo yabo, uretse ugize Inama y'Ubuyobozi wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandiko mvugo y'inama y'uwo munsi. | Board members are individually or jointly held liable for losses incurred or damage caused and faults committed against a cooperative in the exercise of their duties, except for a Board member having dissented from the decision taken during a meeting, with the dissent being recorded in the minutes of the meeting. | Les membres du Conseil d'administration sont responsables, individuellement ou solidairement, des pertes encourues, des dommages causés et des fautes commises envers la coopérative lors de l'exercice de leurs fonctions, à l'exception d'un membre du Conseil d'administration ayant manifesté son désaccord avec la décision prise au cours d'une réunion, lequel désaccord a été consigné dans le procès-verbal de la réunion. |
| **<u>Ingingo ya 131</u>: Uburyozwe nyuma y'iyandukurwa rya koperative** | **<u>Article 131</u>: Liability after deregistration of a cooperative** | **<u>Article 131 :</u> Responsabilité après la radiation d'une coopérative** |
| Iyandukurwa rya koperative mu gitabo cy'amakoperative cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ntirivanaho uburyozwe bw'abari bagize inzego z'ubuyobozi za koperative cyangwa abanyamuryango bayo cyangwa undi muntu, hitawe ku gikorwa cyangwa ukudakora ibisabwa kwabayeho mbere y'iyandukurwa rya koperative mu | The deregistration of a cooperative from the register or electronic system of cooperatives cannot affect the liability of past members of organs of the cooperative or its members or any other person, in respect of any act or omission that occurred before the removal of the cooperative from the register or the electronic system. | La radiation d'une coopérative du registre ou du système électronique des coopératives n'affecte pas la responsabilité des anciens membres des organes de la coopérative, des membres de cette dernière ou de toute autre personne en rapport avec tout acte ou omission qui a eu lieu avant la radiation de la coopérative du registre ou du système électronique. |

| | | |
|---|---|---|
| gitabo cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. | | |
| **<u>UMUTWE WA XVI</u>: INZEGO ZIKEMURA IMPAKA CYANGWA AMAKIMBIRANE, AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO** | **<u>CHAPTER XVI</u>: DISPUTE OR CONFLICT SETTLEMENT ORGANS, ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS, OFFENCES AND PENALTIES** | **<u>CHAPITRE XVI :</u> ORGANES DE RÈGLEMENT DES LITIGES OU CONFLITS, FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inzego zikemura impaka cyangwa amakimbirane** | **<u>Section One:</u> Dispute or conflict settlement organs** | **<u>Section première :</u> Organes de règlement des litiges ou conflits** |
| **<u>Ingingo ya 132</u>: Inzego zikemura impaka cyangwa amakimbirane** | **<u>Article 132</u>: Dispute or conflict settlement organs** | **<u>Article 132 :</u> Organes de règlement des litiges ou conflits** |
| Impaka cyangwa amakimbirane bivutse hagati ya koperative ubwazo, hagati ya koperative n'abanyamuryango bayo, abazivuyemo cyangwa abazungura b'abapfuye, hagati ya koperative n'abo zibereyemo imyenda cyangwa abaziyibereyemo, impaka cyangwa amakimbirane byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko shingiro cyangwa ibikorwa bya koperative, zitashoboye gukemurwa n'inama y'ubuyobozi cyangwa n'inteko rusange ya koperative zikemurwa n'Ikigo cy'Igihugu. | Any dispute or conflict arising between cooperatives, between a cooperative and its current and past members or heirs of deceased members, between a cooperative and its debtors or creditors, any litigation and conflict related to the application of bylaws or to the activities of a cooperative which could not be settled by the Board of Directors or by the General Assembly are settled by the National Agency. | Tout litige ou conflit survenant entre des coopératives, entre une coopérative et ses membres présents et anciens ou les héritiers des membres décédés ou entre une coopérative et ses débiteurs ou créanciers, tout litige et conflit en rapport avec la mise en application des statuts ou des activités de la coopérative, n'ayant pas pu être réglé par le Conseil d'administration ou par l'Assemblée générale sont réglés par l'Agence nationale. |

| | | |
|---|---|---|
| Uruhande rutishimiye imyanzuro yatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu rufite uburenganzira bwo kuregera urukiko rubifitiye ububasha. | A party which is dissatisfied with the decision of the National Agency has the right to refer the case to the competent court. | Une partie qui n'est pas satisfaite par la décision de l'Agence nationale a le droit de saisir la juridiction compétente. |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Section 2</u>: Administrative faults and sanctions** | **<u>Section 2 :</u> Fautes et sanctions administratives** |
| **<u>Ingingo ya 133</u>: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Article 133</u>: Powers to impose administrative sanctions** | **<u>Article 133 :</u> Pouvoirs de donner des sanctions administratives** |
| Ikigo cy'Igihugu nicyo gifite ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe n'iri tegeko. | The National Agency has the power to impose administrative sanctions provided for under this Law. | L'Agence nationale a le pouvoir d'imposer les sanctions administratives prévues par la présente loi. |
| Uri mu nzego z'ubuyobozi za koperative, ategetswe kumenyesha Ikigo cy'Igihugu ikosa ryose ryakozwe kugira ngo gihane uwarikoze. | A member of the governance organs of a cooperative has the obligation to notify the National Agency of any fault committed for the National Agency to impose a sanction to the offender. | Un membre des organes de gouvernance d'une coopérative a l'obligation de notifier à l'Agence nationale toute faute commise pour que l'Agence nationale puisse imposer une sanction au fautif. |
| Amafaranga akomotse kuri ibyo bihano ashyirwa mu isanduku ya Leta. | The fees arising from the sanctions are deposited in the State treasury. | Les frais découlant des sanctions sont déposés au Trésor public. |
| **<u>Ingingo ya 134</u>: Kunaniza cyangwa kudatumiza inama ya koperative yemewe n'amategeko** | **<u>Article 134</u>: Hindering or failure to convene a lawful meeting of a cooperative** | **<u>Article 134 :</u> Entrave ou défaut de convoquer une réunion légale d'une coopérative** |
| Perezida, Visi Perezida cyangwa undi ubifitiye ububasha udatumiza ku gihe inama iteganywa n'amategeko nta mpamvu cyangwa unaniza abandi bafite ububasha bwo kuyitumiza, aba akoze ikosa. | The Chairperson, Deputy Chairperson or other competent person who fails to convene a lawful meeting without any reason or hinders the efforts of others with powers to convene it, commits a fault. | Le Président, Vice-président ou toute autre personne compétente qui ne convoque pas une réunion légale sans raison ou qui entrave les efforts d'autres personnes habilitées à convoquer cette réunion, commet une faute. |

| | | |
|---|---|---|
| Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW). | He or she is liable to an administrative fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000). | Il est passible d'une amende administrative d'au moins cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW). |
| **Ingingo ya 135: Koshya umunyamuryango kutitabira inama cyangwa ibikorwa bya koperative** | **Article 135: Inciting a member not to attend the meetings or activities of the cooperative** | **Article 135 : Inciter un membre à ne pas participer aux réunions ou activités de la coopérative** |
| Perezida, Visi Perezida, umunyamuryango cyangwa umukozi ushishikariza umunyamuryango kutitabira inama cyangwa ibikorwa bya koperative, aba akoze ikosa. | A chairperson, deputy chairperson, member or employee of a cooperative who incites a member not to attend meetings or activities of a cooperative commits a fault. | Le président, vice-président, membre ou employé d'une coopérative qui incite un membre à ne pas participer aux réunions ou aux activités d'une coopérative commet une faute. |
| Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW). | He or she is liable to an administrative fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000). | Il est passible d'une amende administrative d'au moins cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW). |
| **Ingingo ya 136: Kuterekana inyandiko, ibitabo cyangwa umutungo bya koperative** | **Article 136: Failing to provide documents, books or assets of a cooperative** | **Article 136 : Défaut de fournir les documents, les livres ou les biens de la coopérative** |
| Umukozi wese cyangwa umunyamuryango wa koperative ubishinzwe, wanga kwereka ubifitiye ububasha, inyandiko, ibitabo cyangwa umutungo bya koperative, aba akoze ikosa. | Any employee or a member of a cooperative who is responsible for documents, books and assets of a cooperative who refuses to provide them to a competent officer commits a fault. | Tout employé ou membre d'une coopérative dépositaire des documents, livres ou biens d'une coopérative qui refuse de les fournir à l'agent habilité commet une faute. |

| | | |
|---|---|---|
| Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW). | He or she is liable to an administrative fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000). | Il est passible d'une amende administrative d'au moins cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 137:</u> Kutagira igitabo, inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga biteganywa n'iri tegeko** | **<u>Article 137</u>: Lack of register, documents or electronic system provided for under this Law** | **<u>Article 137 :</u> Manque de registre, de documents ou de système électronique prévus par la présente loi** |
| Koperative itagira igitabo, inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga biteganywa n'iri tegeko, iba ikoze ikosa. | A cooperative which does not have a register, documents or electronic system provided for under this Law commits a fault. | Une coopérative qui ne dispose pas du registre, des documents ou du système électronique prévus par la présente loi commet une faute. |
| Ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW). | It is liable to an administrative fine of not less than twenty thousand Rwandan francs (FRW 20,000) but not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000). | Elle est passible d'une amende administrative d'au moins vingt mille francs rwandais (20.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 138</u>: Kutabika inyandiko n'ibirango bya koperative ku cyicaro cyayo** | **<u>Article 138:</u> Failure to keep documents and logos of a cooperative at its head office** | **<u>Article 138 :</u> Défaut de conserver les documents et logos d'une coopérative à son siège social** |
| Koperative itabika ku cyicaro cyayo inyandiko n'ibirango bya koperative bivugwa muri iri tegeko, iba ikoze ikosa. | A cooperative which does not keep at its head office its documents and logos specified in this Law commits a fault. | Une coopérative qui ne conserve pas à son siège social ses documents et logos spécifiés dans la présente loi commet une faute. |
| Ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari | It is liable to an administrative fine of not less than twenty thousand Rwandan francs (FRW | Elle est passible d'une amende administrative d'au moins vingt mille francs rwandais (20.000 |

| | | |
|---|---|---|
| munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW). | 20,000) but not exceeding three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000). | FRW) mais n'excédant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW). |
| <u>**Ingingo ya 139:**</u> **Umugenzuzi w'imari ukora igenzura mu buryo butabereye umurimo** | <u>**Article 139:**</u> **Auditor who conducts inadequate audit** | <u>**Article 139 :**</u> **Auditeur qui effectue un audit inadéquat** |
| Umugenzuzi w'imari ukora igenzura mu buryo butabereye umurimo, aba akoze ikosa. | An auditor who conducts inadequate audit commits a fault. | Un auditeur qui effectue un audit inadéquat commet une faute. |
| Ahanishwa kwihanangirizwa, iyo yongeye gukora iryo kosa, ahanishwa gukurwa ku rutonde rw'abemerewe gukora ubugenzuzi bw'imari mu makoperative kandi umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu akageza ikibazo cye ku nzego zibifitiye ububasha. | He or she is liable to a warning and, in case of recidivism, to removal from the list of recognized auditors of cooperatives and the Director General of the National Agency reports his or her case to competent organs. | Il est passible d'un avertissement et, en cas de récidive, d'une radiation de la liste des auditeurs reconnus des coopératives et le Directeur général de l'Agence nationale transmet un rapport sur son cas aux organes compétents. |
| <u>**Ingingo ya 140**</u>**: Kutuzuza ibitabo by'ibaruramari, kuvana mu mwanya cyangwa kwangiza inyandiko za koperative** | <u>**Article 140:**</u> **Failure to keep books of accounts, displacing or damaging documents of a cooperative** | <u>**Article 140 :**</u> **Défaut de tenue des livres comptables, déplacement ou endommagement des documents d'une coopérative** |
| Umuntu wese ubishinzwe: | Any person who is in charge thereof and who: | Toute personne qui en a la charge est qui : |
| 1° utuzuza neza ibitabo by'ibaruramari; | 1° fails to properly keep books of accounts; | 1° ne parvient pas à tenir correctement les livres comptables; |
| 2° uvana mu mwanya cyangwa wangiza inyandiko za koperative; | 2° displaces or damages documents of a cooperative; | 2° déplace ou endommage les documents d'une coopérative; |
| aba akoze ikosa. | commits a fault. | commet une faute. |

| | | |
|---|---|---|
| Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW). | He or she is liable to an administrative fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000). | Elle est passible d'une amende administrative d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW). |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Ibyaha n'ibihano** | **<u>Section 3</u>: Offences and penalties** | **<u>Section 3 :</u> Infractions et peines** |
| **<u>Ingingo ya 141</u>: Ikoreshwa ry'izina rya koperative utabifitiye uburenganzira** | **<u>Article 141</u>: Use of name of a cooperative without authorisation** | **<u>Article 141 :</u> Utilisation du nom d'une coopérative sans autorisation** |
| Umuntu wese ukoresha izina rya koperative abereye cyangwa atabereye umunyamuryango, agamije inyungu ze bwite, aba akoze icyaha. | Any person, whether a member of a cooperative or not, who, uses, for his or her personal interest, the name of a cooperative, commits an offence. | Toute personne qui, utilise dans son intérêt personnel le nom d'une coopérative dont elle est membre ou non, commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW). | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding three (3) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding three million Rwandan francs (FRW 3,000,000). | Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 142</u>: Gutangaho umugabane ingwate** | **<u>Article 142</u>: Pledge of a share** | **<u>Article 142 :</u> Constituer en garantie une part sociale** |
| Umunyamuryango wa koperative utanzeho ingwate umugabane we, aba akoze icyaha. | A member of a cooperative who pledges his or her share as a security commits an offence. | Un membre d'une coopérative qui constitue en garantie sa part sociale, commet une infraction. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ikubye inshuro ebyiri (2) kugeza ku nshuro eshatu (3) agaciro k'imigabane yatanzweho ingwate. | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than six (6) months but not exceeding two (2) years and a fine equivalent to two (2) up to three (3) times the value of pledged share. | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende de deux (2) à trois (3) fois la valeur de la part sociale constituée en garantie. |
| **Ingingo ya 143: Igikorwa kibangamira inyungu za koperative** | **Article 143: Act against interests of a cooperative** | **Article 143 : Acte portant atteinte aux intérêts d'une coopérative** |
| Umuyobozi wa koperative, umunyamuryango cyangwa umukozi wayo, ukora igikorwa kibangamira inyungu za koperative kandi cyagombye kubanza kwemezwa n'urwego rwa koperative rubifitiye ububasha, aba akoze icyaha. | A leader, a member or an employee of a cooperative who performs any act which is against the interests of a cooperative and which requires prior approval of a competent organ of the cooperative, commits an offence. | Un dirigeant, membre ou employé d'une coopérative qui pose un acte qui compromet les intérêts d'une coopérative et qui exige l'approbation préalable d'un organe compétent de la coopérative, commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano. | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than one (1) year but not exceeding two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or one of these penalties. | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement. |
| **Ingingo ya 144: Guhishira amakuru yerekeranye n'imicungire mibi ya koperative** | **Article 144: Concealing information concerning mismanagement of a cooperative** | **Article 144 : Dissimulation d'une information concernant la mauvaise gestion d'une coopérative** |
| Umuyobozi wa koperative, umunyamuryango cyangwa umukozi wayo, uhishira ibyo | A leader, a member or an employee of a cooperative, who conceals the information | Un dirigeant, un membre ou un employé d'une coopérative qui dissimule les informations |

| | | |
|---|---|---|
| yamenye ku micungire mibi ya koperative, hagamijwe inyungu ze bwite, aba akoze icyaha.<br><br>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).<br><br>**<u>Ingingo ya 145</u>: Guhishira ibitagenda neza mu micungire ya koperative bikozwe n'umugenzuzi w'imari**<br><br>Umugenzuzi w'imari uhishira ibyo yamenye bitagenda neza mu micungire ya koperative, aba akoze icyaha.<br><br>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ennye (4.000.000 FRW). | concerning mismanagement of a cooperative for personal benefits, commits an offence.<br><br>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than six (6) months but not exceeding two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).<br><br>**<u>Article 145</u>: Auditor's concealment of information concerning the mismanagement of a cooperative**<br><br>An auditor who conceals the information concerning mismanagement of a cooperative commits an offence.<br><br>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding three (3) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding four million Rwandan francs (FRW 4,000,000). | concernant la mauvaise gestion d'une coopérative dans ses intérêts personnels commet une infraction.<br><br>Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).<br><br>**<u>Article 145</u>: Dissimulation par un auditeur d'une information concernant la mauvaise gestion d'une coopérative**<br><br>Un auditeur qui dissimule les informations concernant la mauvaise gestion d'une coopérative, commet une infraction.<br><br>Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins deux million de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas quatre millions de francs rwandais (4.000.000 FRW). |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 146</u>: Gukoresha amakuru ya koperative mu nyungu bwite** | **<u>Article 146:</u> Using information on a cooperative for personal interests** | **<u>Article 146 :</u> Usage d'informations sur une coopérative pour des intérêts personnels** |
| Umugenzuzi w'imari cyangwa undi muntu ukoresha mu nyungu ze bwite cyangwa iz'undi muntu, amakuru yerekeye koperative yamenyeye ku kazi ke, aba akoze icyaha. | An auditor or any other person who uses information on a cooperative obtained during the exercise of his or her duties in his or her own interests or in the interests of another person, commits an offence. | Un auditeur ou une autre personne qui, dans son propre intérêt ou dans l'intérêt d'autrui, utilise des informations sur une coopérative recueillies dans l'exercice de ses fonctions, commet une infraction. |
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ennye (4.000.000 FRW). | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than six (6) months but not exceeding two (2) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not exceeding four million Rwandan francs (FRW 4,000,000). | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas quatre millions de francs rwandais (4.000.000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 147:</u> Kwigira ufitiwe umwenda na koperative mu buriganya** | **<u>Article 147</u>: Falsely pretending to be a creditor of a cooperative** | **<u>Article 147 :</u> Prétendre frauduleusement être un créancier d'une coopérative** |
| Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative cyangwa undi muntu ubwe cyangwa binyuze ku wundi muntu, ucunga, uhisha, uyobora cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo wa koperative mu mwanya w'uhagarariye koperative akigira ufitiwe imyenda mu buriganya ku mafaranga atariyo; | A liquidator of a cooperative or any other person directly or through a third party, a manager, a concealer, a leader or a liquidator of a cooperative on behalf of representative of a cooperative who falsely pretends to be a creditor of a false amount of money; | Un liquidateur d'une coopérative ou toute autre personne directement ou par l'intermédiaire d'un tiers, un gestionnaire, un dissimulateur, un dirigeant ou un liquidateur d'une coopérative au nom d'un représentant d'une coopérative qui prétend frauduleusement être un créancier d'une fausse somme d'argent ; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000FRW). | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding five (5) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan Francs (FRW 500,000) but not exceeding two million Rwandan Francs (FRW 2,000,000). | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW). |
| **<u>Ingingo ya 148:</u> Gukoresha nabi cyangwa konona umutungo wa koperative** | **<u>Article 148:</u> Misusing or damaging the property of a cooperative** | **<u>Article 148 :</u> Mauvaise utilisation ou endommagement des biens d'une coopérative** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, umwe mu bagize inama y'ubuyobozi ya koperative cyangwa bose hamwe, umukozi cyangwa umunyamuryango: | Without prejudice to the Law determining offences and penalties in general, one member or all members of the Board of Directors, an employee or a member of a cooperative: | Sans préjudice de la loi déterminant les infractions et les peines en général, un membre ou tous les membres du Conseil d'administration, un employé ou un membre d'une coopérative : |
| 1° ukoresha mu buriganya umutungo wa koperative mu nyungu ze bwite cyangwa akawukoresha ku zindi mpamvu zinyuranyije n'izo wari ugenewe; | 1° who fraudulently uses the property of a cooperative in his or her personal interests or for objectives other than those it was designed for; | 1° qui utilise frauduleusement le patrimoine d'une coopérative dans son intérêt personnel ou à des fins autres |
| 2° ugurisha cyangwa uwonona mu buryo bw'uburiganya umutungo wa koperative. | 2° sells or damages fraudulently the property of a cooperative; | 2° que celles pour lesquelles il a été conçu;<br>qui vend ou endommage frauduleusement les biens d'une coopérative; |
| aba akoze icyaha. | commits an offence. | commet une infraction. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW). | Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than two (2) years but not exceeding five (5) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan Francs (FRW 500,000) but not exceeding five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000). | Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). |
| **UMUTWE WA XVII: INGINGO ZINYURANYE** | **CHAPTER XVII: MISCELLANEOUS PROVISIONS** | **CHAPITRE XVII : DISPOSITIONS DIVERSES** |
| **Ingingo ya 149: Umwihariko kuri koperative zitanga serivisi z'imari** | **Article 149: Specificity of financial service cooperatives** | **Article 149 : Particularité des coopératives financières** |
| Koperative zitanga serivisi z'imari zigengwa n'amategeko agenga ibigo by'imari. Zikurikiranwa, zikanagenzurwa n'Urwego rubifitiye ububasha. | Financial service cooperatives are governed by the Laws governing financial institutions. They are monitored and controlled by the competent organ. | Les coopératives financières sont régies par les lois régissant les institutions financières. Leur suivi et contrôle sont assurés par l'Organe compétent. |
| Icyakora, ibyerekeranye n'ubuzimagatozi no kuzongerera ubushobozi bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu. | However, matters relating to their legal personality and capacity building fall within the competence of the National Agency. | Toutefois, les matières relatives à leur personnalité juridique et au renforcement de leurs capacités relèvent de la compétence de l'Agence nationale. |
| **Ingingo ya 150: Inshingano z'inzego z'ibanze mu iterambere rya koperative** | **Article 150: Responsibilities of decentralised administrative entities in the development of cooperatives** | **Article 150 : Attributions des entités administratives décentralisées dans le développement des coopératives** |
| Inzego z'ibanze mu bushobozi bwazo, zifite inshingano zikurikira mu iterambere rya koperative: | Decentralised administrative entities in their respective capacity have the following responsibilities in the development of cooperatives: | Les entités administratives décentralisées dans leurs capacités respectives ont les responsabilités suivantes dans le développement des coopératives : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° gushishikariza abantu gukorera hamwe muri koperative nk'inzira yo kurwanya ubukene no kubumvisha ko ari izabo; | 1° to sensitise people to work together in cooperatives as a way to alleviate poverty and instil in them a sense of ownership of their cooperatives; | 1° sensibiliser la population à travailler ensemble dans des coopératives afin de lutter contre la pauvreté et lui inculquer un sentiment d'appropriation de leurs coopératives; |
| 2° gufasha koperative kwiyandikisha no gutegura neza amadosiye asaba ubuzimagatozi; | 2° to assist cooperatives in registering and preparing applications for legal personality; | 2° aider les coopératives à se faire enregistrer et à préparer les dossiers de demande de personnalité juridique; |
| 3° gukora ku buryo koperative ziyoborwa neza kandi umutungo wazo ugacungwa neza; | 3° to ensure that cooperatives are well governed and well financially managed; | 3° veiller à ce que les coopératives soient bien administrées et bien gérées financièrement; |
| 4° gukumira no kurwanya imicungire mibi ndetse n'inyerezwa by'umutungo wa koperative zitanga serivisi z'imari no muri koperative zisanzwe ku bufatanye n'izindi nzego zibifitiye ububasha; | 4° to prevent and fight mismanagement and embezzlement of funds of financial service cooperatives and in non-financial cooperatives in collaboration with competent organs; | 4° prévenir et combattre la mauvaise gestion et le détournement de fonds dans les coopératives de services financiers et dans les coopératives non financières en collaboration avec des organes compétents; |
| 5° gukora ku buryo koperative zihagararirwa mu nzego zitandukanye zifatirwamo ibyemezo birebana n'iterambere ry'amakoperative zibarizwa mu Karere koperative ikoreramo; | 5° to ensure representation of cooperatives in various forums where decisions are taken regarding the development of cooperatives located in the District where a cooperative carries out its activities; | 5° assurer la représentation des coopératives dans divers forums où sont prises les décisions concernant le développement des coopératives situées dans le District où une coopérative exerce ses activités; |
| 6° gukurikirana no gusuzuma buri gihe uko koperative zigenda zizamuka mu ntera no kubikorera raporo; | 6° to conduct regular monitoring and evaluations of the graduation process of cooperatives and make reports thereon; | 6° effectuer un suivi et des évaluations réguliers quant au processus de graduation des coopératives et faire rapport à ce sujet; |

| | | |
|---|---|---|
| 7° gutanga ubufasha mu rwego rwa tekiniki, urw'amategeko ndetse n'urw'ubuvugizi ku bijyanye n'iterambere rya koperative; | 7° to provide technical, legal and advocacy services for the development of cooperatives; | 7° fournir de services techniques, juridiques et de plaidoyer pour le développement des coopératives; |
| 8° gusinya imihigo na koperative z'ibanze, ihuriro ndetse n'impuzamahuriro aho bishoboka; | 8° to sign performance contracts with primary cooperatives, unions and, where possible, with federations; | 8° signer des contrats de performance avec des coopératives primaires, des unions et, si possible, avec des fédérations; |
| 9° gushakira igisubizo ikibazo cyavuka muri koperative, ihuriro, impuzamahuriro no kuri koperative zizishamikiyeho; | 9° to address any issue that may arise in a cooperative, a union, a federation and affiliated cooperatives; | 9° trouver une solution à tout problème pouvant surgir au sein d'une coopérative, une union, une fédération et dans les coopératives affiliées; |
| 10° gutanga raporo buri gihembwe yerekeye uko koperative zihagaze ku Kigo cy'Igihugu gifite mu nshingano zacyo guteza imbere koperative. | 10° to submit to the National Agency a quarterly report on the status of cooperatives. | 10° soumettre à l'Agence nationale un rapport trimestriel sur la situation des coopératives. |
| **<u>Ingingo ya 151</u>: Ibigenerwa abagize inzego za koperative** | **<u>Article 151:</u> Benefits for members of organs of a cooperative** | **<u>Article 151:</u> Allocations aux membres des organes d'une coopérative** |
| Abagize inama y'ubuyobozi kimwe n'abagize inama y'ubugenzuzi ya koperative bakora ku bwitange kandi nta gihembo bahabwa. | Members of the Board of Directors and those of the Supervisory Committee of a cooperative work on a voluntary basis and are not entitled to any remuneration. | Les membres du Conseil d'administration d'une coopérative et ceux du Comité de surveillance travaillent bénévolement et ne perçoivent aucune rémunération. |
| Icyakora, amategeko ngengamikorere ya koperative ateganya uko abagize inama y'ubuyobozi kimwe n'abagize inama | However, the internal rules and regulations of a cooperative provide for allowances for members of the Board of Directors and those of the Supervisory Committee. | Toutefois, le règlement d'ordre intérieur de la coopérative prévoit les allocations aux membres du Conseil d'administration et ceux du Comité de surveillance. |

| | | |
|---|---|---|
| y'ubugenzuzi ya koperative bahabwa insimburamubyizi. | | |
| **Ingingo ya 152: Serivisi zishyuzwa n'ibiciro byazo** | **Article 152: Services to be paid for and their respective costs** | **Article 152: Services à payer et les coûts y afférents** |
| Iteka rya Minisitiri ufite amakoperative mu nshingano ze rigena urutonde rwa serivisi zishyuzwa zitangwa n'Ikigo cy'Igihugu n'ibiciro bya buri serivisi. Izo serivisi zishyurwa n'uwazihawe. | An Order of the Minister in charge of cooperatives determines the list of all services rendered by the National Agency to be paid for and the cost of each service. The beneficiary pays for these services. | Un arrêté du Ministre ayant les coopératives dans ses attributions fixe la liste des services payables rendus par l'Agence nationale et le coût de chaque service. Le bénéficiaire paie pour ces services. |
| Amafaranga aturuka kuri izo serivisi yishyurwa binyuze kuri konti y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro. | The money generated from such services is paid through the account of Rwanda Revenue Authority. | L'argent que ces services génèrent est payé à travers un compte de l'Office Rwandais des Recettes. |
| **UMUTWE WA XVIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER XVIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE XVIII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 153: Koperative yahawe ubuzimagatozi mbere y'itangazwa ry'iri tegeko** | **Article 153: Cooperative granted legal personality before publication of this Law** | **Article 153: Coopérative ayant obtenu la personnalité juridique avant la publication de la présente loi** |
| Koperative zari zisanzweho mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda zihawe igihe cy'imyaka itatu (3) uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe kugira ngo zibe zubahirije ibiteganywa n'iri tegeko. | Cooperatives registered before the publication of this Law in the official Gazette of the Republic of Rwanda are required to comply with the provisions of this Law in a period of three (3) years from the date of publication of this Law. | Les coopératives enregistrées avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda dispose d'un délai de trois (3) ans à partir de la publication de la présente loi pour se conformer à ses dispositions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 154</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 154</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 154:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 155</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 155</u>: Repealing provision** | **<u>Article 155:</u> Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18/09/2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi binyuranyije na ryo bivanyweho. | Law n° 50/2007 of 18/09/2007 determining the establishment, organisation and functioning of cooperative organisations in Rwanda as amended to date and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed. | La Loi n° 50/2007 du 18/09/2007 portant création, organisation et fonctionnement des sociétés coopératives au Rwanda telle que modifiée à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 156</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 156:</u> Commencement** | **<u>Article 156 :</u> Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 27/04/2021

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**
**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux